# المواريث

المواريث في الشريعة الإسلامية في ضوء الكتاب والسنة

# IZUNGURA

## MU MATEGEKO YA KISILAM MURI QOR'AN NA SUNAT

IGITABO CYA SHEIKH MUHAMAD ALIYI SWABUNI

تأليف الشيخ محمد علي الصابوني

Cyateguwe kinahindurwa mu kinyarwanda na:

**Maktaba Al-Qalam**

**Kigali - Rwanda**

**+250 787 555 822**



*All copyright reserved to*

***Maktaba Al-Qalam***

***2019***

بِسۡمِ ٱللَّهِ ٱلرَّحۡمَٰنِ ٱلرَّحِيمِ

[..Ababyeyi banyu n'abana banyu ntimuzi ubafitiye akamaro kurusha undi. (Iyi migabane yagenwe mu izungura) ni itegeko rivuye kwa Allah. Mu by'ukuri, Allah ni Umumenyi uhebuje, Ushishoza.] Qur'ani Ntagatifu 4:11

{Mwige ubumenyi bw'iby'izungura munabwigishe abantu, kuko mu by'ukuri ndi umuntu uzapfa, kandi ubu bumenyi hari igihe kizagera burangire, ibigeragezo byiyongere, kugeza ubwo ababiri batazavuga rumwe ku by'izungura, maze bakabura ubakiranura..} Imvugo y'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

## IJAMBO RY'IBANZE RY'UMWANDITSI.

Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah we uganje mu bwami bwe, Uhoraho udapfa, we wavuze mu gitabo cye gitagatifu agira ati "Mu by'ukuri, Twe tuzazungura isi n'ibiyiriho kandi iwacu niho bazasubizwa." **Qur'ani 19:40.** Amahoro n'imigisha ni bisakare ku wasozereje Intumwa n'abahanuzi, itara ribonesha, umwarimu w'ikiremwa muntu Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), we Allah yamunyujijeho kwirukana umwijima, anasubiza urumuri rw'ukwemera mu mitima y'abantu, abakura mu mwijima abashyira mu rumuri. Ayo mahoro agere ku b'iwe n'umuryango we, abasangirangendo be n'ababakurikiye muri uwo muyoboro no mu kugira neza kugera ku munsi w'imperuka.

Nyuma y'ibyo,...

Uru ni uruhererekane rw'amasomo mu bumenyi bwerekeye izungura, najyaga nigisha abana banjye b'abanyeshuri muri Koleji y'amategeko y'Idini (Sheriat) n'andi masomo ya k'Islamu i Makka. Nabonye ko nayakusanyiriza hamwe mu gitabo, kugirango bigirire umumaro uwabyifuza, ndetse mbyandika mu buryo bworoheje n'urulimi rutagoye, nta kurambirana ndetse no gukoresha imvugo zikomeye, mbitondeka mu buryo ndibugaragaze.

Ushobora byose niwe dusaba ko aya masomo yayagira ay'umumaro cyane cyane ku bana bacu b'abanyeshuri, akaduha gusobanukirwa no kuyoboka inzira nyayo, niwe wumva akakira ubusabe bw'abamusabye. Amahoro n'imigisha byuzuye ni bisakare ku wasozereje Intumwa n'abahanuzi.

### MUHAMAD ALLY AS-SWABUUNIY

Umwarimu w'amasomo ya Tafsir (Ibisobanuro bya Qur'ani) n'Ibyizungura

Koleji y'amategeko y'Idini (Sheriat) n'andi masomo ya k'Islamu

Makka Ubwami bwa Saudi Arabia.

## IJAMBO RY'IBANZE RY'UMUSEMUZI.

Imana ishimwe kandi ihabwe ikuzo n'icyubahiro, yo ku bw'ineza yayo n'ubuntu bwayo ibyiza bigerwaho. Amahoro n'imigisha ni bisakare ku ntumwa y'Imana Muhamadi yo yagize iti "Mwige ubumenyi bw'iby'izungura munabwigishe abantu, kuko mu by'ukuri ndi umuntu uzapfa, kandi ubu bumenyi hari igihe kizagera burangire, ibigeragezo byiyongere, kugeza ubwo ababiri batazavuga rumwe ku by'izungura, maze bakabura ubakiranura...”

Dushingiye kuri iyi mvugo y'Intumwa y'Imana ntagatifu, dushingiye n'uko ubumenyi bw'iby'izungura mu mategeko ya k'Islamu busa nkaho butazwi mu bay'Islamu, kandi bukaba budahabwa umwanya bukwiye mu nyigisho n'amasomo bya k'Islamu byigishwa hano mu gihugu cyacu, twabonye ko byagira umumaro dushyize mu rulimi rw'ikinyarwanda iki gitabo [Izungura mu mategeko ya k'Islamu hashingiwe kuri Qur'ani ntagatifu ndetse n'inyigisho n'imigenzo y'Intumwa y'Imana] cyanditswe na Muhamad Ally As-Swabuuniy, uwahoze ari Inararibonye mu bumenyi bwo gusobanura Qur'ani ntagatifu (Tafsiir) akaba yari n'umwarimu wa Kaminuza yigisha ubu bumenyi muri Koleji y'amategeko y'Idini (Sheriat) n'andi masomo ya k'Islamu i Makka-Ubwami bwa Saudi Arabia.

Allah Umumenyi uhebuje turamusaba ko iki gitabo yakigira icy'umumaro, akaduhembera umwanditsi wacyo, abagishyize mu Kinyarwanda, umusomyi wacyo ndetse na buri wese wabaye impamvu y'uko gisohoka muri iyi shusho.

*Allah niwe mumenyi uhebuje.*

## UBURYO BW'ISHAKIRO

**Isomo rya mbere**: Imirongo mitagatifu ya Qur'ani ijyanye n'iby'izungura n'amategeko ya ngombwa yimbitse ayishamikiyeho.

**Isomo rya kabiri:** Ibisobanuro by'ijambo Izungura, Ibyasigaye n'ibisabwa kugirango Izungura ribeho ndetse n'ibibuza Izungura kuba ryabaho.

**Isomo rya gatatu:** Imigabane y'itegeko yagenwe muri Qur'ani ntagatifu, abo igenewe n'ibisabwa kugirango bazungure.

**Isomo rya kane:** Abazungura ibyasigaye nyuma y'abanyamigabane y'itegeko, amoko yabo, ibyiciro byabo n'itegeko rya buri cyiciro.

**Isomo rya gatanu:** Ibisobanuro by'ijambo Gukumira n'amoko yabyo, ibisabwa n'amwe mu mahurizo abishamikiyeho.

**Isomo rya gatandatu:** Sekuru w'uwapfuye, amategeko amugenga ndetse n'igihe ari kumwe n'abavandimwe na bashiki ba Nyakwigendera.

**Isomo rya karindwi:** Amategeko ajyanye n'igabanyuka ry'imigabane no kwiyongera kwayo, imigabane yiyongera n'itiyongera ndetse n'ingero zabyo.

**Isomo rya munani:** Itegeko ryo Kubara, uburyo bwo kumenya icyita rusange n'uburyo bwo gukosora imigabane ndetse n'inzira zo kugabanya imigabane.

**Isomo rya cyenda:** Amategeko y'iyimura ry'imigabane (al Munasakhati).

**Isomo rya cumi**: Izungura ry'abahuje isano, biherekejwe n'amategeko y'izungura ry'ibinyabibiri, abatwite, abazimiye, abarohamye.

# ISOMO RYA MBERE

## IMIRONGO YO MURI QUR'ANI IVUGA KU IZUNGURA.

1. Gusobanura no kugaragaza ibisobanuro byazo.
2. Ibyo abantu bibaza kuri Ayat z'izungura.
3. Kubera iki umugabane w'umuhungu wikuba kabiri uw'umukobwa igihe cy'izungura.
4. Izungungura ry'umugore mbere y'ubusilam.
5. Inyungu dukura muri Ayat z'izungura.
6. Izungura ry'ababyeyi, abashakanye n'abana.
7. Izungura ry'abavandimwe na bashiki kwa Nyina wa Nyakwigendera.
8. Abavandimwe na bashiki ba Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi nabo bahuriye kuri Se gusa
9. Ibisobanuro cy'Inshike mu rurimi, no mu mategeko ya Islam

## IMIRONGO YO MURI QUR'ANI IVUGA KU IZUNGURA.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ يُوصِيكُمُ ٱللَّهُ فِيٓ أَوۡلَٰدِكُمۡۖ لِلذَّكَرِ مِثۡلُ حَظِّ ٱلۡأُنثَيَيۡنِۚ فَإِن كُنَّ نِسَآءٗ
فَوۡقَ ٱثۡنَتَيۡنِ فَلَهُنَّ ثُلُثَا مَا تَرَكَۖ وَإِن كَانَتۡ وَٰحِدَةٗ فَلَهَا ٱلنِّصۡفُۚ وَلِأَبَوَيۡهِ لِكُلِّ وَٰحِدٖ مِّنۡهُمَا
ٱلسُّدُسُ مِمَّا تَرَكَ إِن كَانَ لَهُۥ وَلَدٞۚ فَإِن لَّمۡ يَكُن لَّهُۥ وَلَدٞ وَوَرِثَهُۥٓ أَبَوَاهُ فَلِأُمِّهِ ٱلثُّلُثُۚ فَإِن كَانَ لَهُۥٓ
إِخۡوَةٞ فَلِأُمِّهِ ٱلسُّدُسُۚ مِنۢ بَعۡدِ وَصِيَّةٖ يُوصِي بِهَآ أَوۡ دَيۡنٍۗ ءَابَآؤُكُمۡ وَأَبۡنَآؤُكُمۡ لَا تَدۡرُونَ
أَيُّهُمۡ أَقۡرَبُ لَكُمۡ نَفۡعٗاۚ فَرِيضَةٗ مِّنَ ٱللَّهِۗ إِنَّ ٱللَّهَ كَانَ عَلِيمًا حَكِيمٗا ﴿١١﴾ ﴾ **النساء: ١١**

**1.** Allah aragira ati: "Allah abategeka, mu bijyanye n'izungura ry'abana banyu, ko umuhungu azajya ahabwa umugabane ungana n'uw'abakobwa babiri. Mu gihe ari abakobwa barenze babiri, bajye bahabwa bibiri bya gatatu by'ibyo uwapfuye yasize. Ariko naba umukobwa umwe, ajye ahabwa kimwe cya kabiri. Naho ababyeyi be, buri wese ajye ahabwa kimwe cya gatandatu mu byo (uwapfuye) yasize, niba yari afite umwana. Naho naba nta mwana asize akazungurwa n'ababyeyi be, Nyina ajye ahabwa kimwe cya gatatu. Kandi naba afite abavandimwe, Nyina ajye ahabwa kimwe cya gatandatu. (Izungura ryose rikorwa) nyuma yo gukuramo irage cyangwa umwenda. Ababyeyi banyu n'abana banyu ntimuzi ubafitiye akamaro kurusha undi. (Iyi migabane yagenwe mu izungura) ni itegeko rivuye kwa Allah.

Mu by'ukuri, Allah ni Umumenyi uhebuje, Ushishoza".
**(Qur'ani 4:11)**

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ۞ وَلَكُمۡ نِصۡفُ مَا تَرَكَ أَزۡوَٰجُكُمۡ إِن لَّمۡ يَكُن لَّهُنَّ وَلَدٞۚ فَإِن كَانَ
لَهُنَّ وَلَدٞ فَلَكُمُ ٱلرُّبُعُ مِمَّا تَرَكۡنَۚ مِنۢ بَعۡدِ وَصِيَّةٖ يُوصِينَ بِهَآ أَوۡ دَيۡنٖۚ وَلَهُنَّ
ٱلرُّبُعُ مِمَّا تَرَكۡتُمۡ إِن لَّمۡ يَكُن لَّكُمۡ وَلَدٞۚ فَإِن كَانَ لَكُمۡ وَلَدٞ فَلَهُنَّ ٱلثُّمُنُ مِمَّا
تَرَكۡتُمۚ مِّنۢ بَعۡدِ وَصِيَّةٖ تُوصُونَ بِهَآ أَوۡ دَيۡنٖۗ وَإِن كَانَ رَجُلٞ يُورَثُ كَلَٰلَةً أَوِ
ٱمۡرَأَةٞ وَلَهُۥٓ أَخٌ أَوۡ أُخۡتٞ فَلِكُلِّ وَٰحِدٖ مِّنۡهُمَا ٱلسُّدُسُۚ فَإِن كَانُوٓاْ أَكۡثَرَ مِن ذَٰلِكَ فَهُمۡ
شُرَكَآءُ فِي ٱلثُّلُثِۚ مِنۢ بَعۡدِ وَصِيَّةٖ يُوصَىٰ بِهَآ أَوۡ دَيۡنٍ غَيۡرَ مُضَآرّٖۚ وَصِيَّةٗ
مِّنَ ٱللَّهِۗ وَٱللَّهُ عَلِيمٌ حَلِيمٞ ﴿١٢﴾ ﴾ **النساء: ١٢**

2. Allah aragira ati “Mwe (abagabo) muhabwa kimwe cya kabiri cy’ibyo abagore banyu basize mu gihe nta mwana bari bafite. Ariko iyo basize umwana, muhabwa kimwe cya kane cy’ibyo basize nyuma yo kwishyura ibyo baraze cyangwa umwenda. Naho (abagore) bahabwa kimwe cya kane mu byo mwasize iyo mudafite abana. Ariko iyo musize abana, bahabwa kimwe cya munani mu byo mwasize, nyuma yo kwishyura ibyo mwaraze cyangwa umwenda. Iyo umugabo cyangwa umugore azunguwe nta babyeyi cyangwa abana asize, ariko akaba asize umuvandimwe cyangwa mushiki we, buri wese muri bombi ajye ahabwa kimwe cya gatandatu. Ariko nibaba barenze babiri, bajye bafatanya kimwe cya gatatu, nyuma yo kwishyura ibyo yaraze cyangwa umwenda, ku buryo ntawe bibangamira. Iri ni itegeko riturutse kwa Allah. Kandi Allah ni Umumenyi bihebuje, Uworohera (abagaragu be)”. **(Qur'ani 4:12)**

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ يَسْتَفْتُونَكَ قُلِ ٱللَّهُ يُفْتِيكُمْ فِى ٱلْكَلَٰلَةِ ۚ إِنِ ٱمْرُؤٌا۟ هَلَكَ لَيْسَ لَهُۥ وَلَدٌ وَلَهُۥٓ أُخْتٌ
فَلَهَا نِصْفُ مَا تَرَكَ ۚ وَهُوَ يَرِثُهَآ إِن لَّمْ يَكُن لَّهَا وَلَدٌ ۚ فَإِن كَانَتَا ٱثْنَتَيْنِ فَلَهُمَا ٱلثُّلُثَانِ مِمَّا تَرَكَ ۚ وَإِن
كَانُوٓا۟ إِخْوَةً رِّجَالًا وَنِسَآءً فَلِلذَّكَرِ مِثْلُ حَظِّ ٱلْأُنثَيَيْنِ ۗ يُبَيِّنُ ٱللَّهُ لَكُمْ أَن تَضِلُّوا۟ ۗ وَٱللَّهُ بِكُلِّ
شَىْءٍ عَلِيمٌۢ ﴿١٧٦﴾ النساء: ١٧٦

3. Allah aragira ati “Baragusobanuza (ku bijyanye n’amategeko y’izungura). Vuga uti "Allah arabasobanurira ibyerekeye inshike. Igihe umuntu apfuye adasize umwana (cyangwa umubyeyi), ariko asize mushiki we, ubwo ahabwa kimwe cya kabiri cy’ibyo yasize. Na musaza we aramuzungura igihe adasize umwana. Naho iyo (bashiki be) ari babiri (cyangwa barenzeho), bahabwa bibiri bya gatatu by’ibyo yasize. Baba ari abavandimwe b’igitsina gabo na gore; icyo gihe umuhungu ahabwa umugabane ungana n’uw’abakobwa babiri". (uko ni ko) Allah abasobanurira (amategeko ye) kugira ngo mutayoba, kandi Allah ni Umumenyi wa buri kintu”. **(Qur'ani 4:176)**

## KUGARAGAZA IBISOBANURO.

Iyi mirongo mitagatifu dukura mu gitabo cya Allah, Allah aragaragaza ko umugabane wa buri muzungura mu bakwiye kuzungura, akagaragaza n'ingano ya buri mugabane, n'amabwiriza ngenderwaho mu kuzungura. Nkuko kandi Nyir'ubugenge agaragaza igihe umuntu azungura, igihe atazungura, igihe azungura umugabane w'itegeko, igihe azungura ibyasigaye, igihe azungura umugabane w'itegeko hamwe n'ibyasigaye n'igihe akumirwa ku izungura mu buryo bwa burundu cyangwa kugabanuka k'umugabane.

Ni imirongo itatu ariko ikusanyije incamake y'imisingi y'ubumenyi bw'iby'izungura n'inkingi z'amategeko y'izungura, wawundi uzasobanukirwa neza iyi mirongo bizamworohera gusobanukirwa umugabane wa buri muzungura, anasobanukirwe ubugenge bwa Allah mu kugabanya abazungura umutungo wasizwe na Nyakwigendera, no kuba Allah atarigeze yibagirwa umugabane w'uwo ariwe wese muribo, ndetse ntan'ubwo yigeze yirengagiza umugabane w'uwo ariwe wese yaba umukuru cyangwa umuto, umugabo cyangwa umugore ahubwo yahaye buri uwo ariwe wese umugabane umukwiriye mu buryo bw'amategeko bwuzuye, ubutabera n'uburinganire buboneye. Ku buryo nta muzungura uhuguzwa cyangwa umunyantege nke uryamirwa cyangwa umunyamategeko ashyirwaho n'abantu ugira igitekerezo yongeramo agamije ubutabera cyangwa kurengera uwahugujwe.

Umuhanga Qur'twubi mu bisobanuro bye yaravuze ati "iyi mirongo nimwe mu nkingi z'idini, ni n'imwe mu mirongo ishingirwaho mu kugena amategeko y'ibyizungura ni n'imwe mu mirongo ihatse indi mirongo ya Qur'ani. Kuko ubumenyi bw'iby'izungura bufite agaciro gahambaye kugeza ubwo bwitwa kimwe cya kabiri (1/2) cy'ubumenyi bwose, Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: (Mwige Qur'ani munayigishe abantu, munige ubumenyi bw'iby'izungura munabwigishe abantu, kubera ko njye ndi umuntu uzabavamo, kandi ubumenyi bw'iby'izungura buzibagirana habeho ibigeragezo mu bantu, kugeza ubwo babiri bazatandukana habeho amakimbirane kw'izungura, maze ntibabone ubakiranura ngo abasobanurire).

Nyuma Qur'twubi yongeyeho agira ati: “ibi nibibaho uzamenye ko ubumenyi bw'iby'izungura ari ubumenyi abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bahaga agaciro gakomeye, ndetse akenshi bwari mu biganiro byabo ariko abantu barabwirengagije”. (Tafsiri Qur'twubi, umuzingo wa 5, urupapuro rwa 56)

Kandi ibyo abamenyi ba kera cyangwa abamenyi b'ubu banditse ku izungura, bose babaga bagamije kugaragaza ibisobanuro by'iyi mirongo yavuzwe hejuru.

## IBIBAZO WAKWIBAZA KU MIRONGO YA QUR'ANI IVUGA KU IZUNGURA

*1.Ese haba hari indi mirongo muri Qur'ani ivuga ku izungura itari iriya itatu yavuzwe?*

**Igisubizo:** nuko hagaragaye indi mirongo muri Qur'ani ivuga ku izungura itari iriya yavuzwe, uretse ko yo yaje ibivuga mu ncamake itagaragaza ibisobanuro kuburebure inagaragaza ko abanyamuryango ba hafi bafite imigabane mu izungura ariko ntigaragaze cyangwa ngo isobanure ingano y'umugabane wa buri muzungura, iyo mirongo ivuga ku izungura muri ubwo buryo ni iyi ikurikira:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ مِنۢ بَعۡدُ وَهَاجَرُواْ وَجَٰهَدُواْ مَعَكُمۡ فَأُوْلَٰٓئِكَ مِنكُمۡۚ وَأُوْلُواْ ٱلۡأَرۡحَامِ بَعۡضُهُمۡ أَوۡلَىٰ بِبَعۡضٖ فِي كِتَٰبِ ٱللَّهِۚ إِنَّ ٱللَّهَ بِكُلِّ شَيۡءٍ عَلِيمُۢ ٧٥ ﴾ **الأنفال: ٧٥**

• Allah aragira ati: « Na babandi baje kwemera nyuma, nuko bakimukira i Madina, bakanaharanira hamwe namwe inzira ya Allah, abo bari muri mwe. Ariko abafitanye amasano bamwe bafite uburenganzira busumba ubw'abandi (mu izungura) mu mategeko ya Allah. Mu by'ukuri, Allah ni Umumenyi wa byose ». **(Qur'ani 8:75)**

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ٱلنَّبِيُّ أَوۡلَىٰ بِٱلۡمُؤۡمِنِينَ مِنۡ أَنفُسِهِمۡۖ وَأَزۡوَٰجُهُۥٓ أُمَّهَٰتُهُمۡۗ وَأُوْلُواْ ٱلۡأَرۡحَامِ بَعۡضُهُمۡ أَوۡلَىٰ بِبَعۡضٖ فِي كِتَٰبِ ٱللَّهِ مِنَ ٱلۡمُؤۡمِنِينَ وَٱلۡمُهَٰجِرِينَ إِلَّآ أَن تَفۡعَلُوٓاْ إِلَىٰٓ أَوۡلِيَآئِكُم مَّعۡرُوفٗاۚ كَانَ ذَٰلِكَ فِي ٱلۡكِتَٰبِ مَسۡطُورٗا ٦ ﴾ **الأحزاب: ٦**

• Allah aragira ati: « Umuhanuzi (Muhamadi) ni we ufite agaciro ku bemera kurusha ako bifiteho ubwabo, ndetse n'abagore be ni ababyeyi babo. Kandi abafitanye isano bafite uburenganzira bwo kuzungurana bushingiye ku gitabo cya Allah, kurusha (ukuzungurana gushingiye ku) kwemera no kwimuka (uva Makka ujya Madina);

uretse igihe mugiriye neza (muha umurage) inshuti zanyu magara. Ibyo biranditse mu gitabo ». **(Qur'ani 33 : 6)**

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لِّلرِّجَالِ نَصِيبٌ مِّمَّا تَرَكَ ٱلْوَٰلِدَانِ وَٱلْأَقْرَبُونَ وَلِلنِّسَآءِ نَصِيبٌ مِّمَّا تَرَكَ ٱلْوَٰلِدَانِ وَٱلْأَقْرَبُونَ مِمَّا قَلَّ مِنْهُ أَوْ كَثُرَ نَصِيبًا مَّفْرُوضًا ﴿٧﴾ ﴾ **النساء: ٧**

Allah aragira ati:"Abagabo bafite umugabane mu byo ababyeyi n'abo bafitanye isano basize, n'abagore bafite umugabane mu byo ababyeyi n'abo bafitanye isano basize; byaba bike cyangwa byinshi, hari umugabane utegetswe". **(Qur'ani 4:7)**

Mu murongo wa mbere n'uwa kabiri Allah yagaragaje ko abafitanye isano rya bugufi na Nyakwigendera aribo bakwiriye kumuzungura kurusha abandi abaribo bose badafitanye isano nawe. Ku bw'ibyo nibo bakwiriye kuzungura mbere y'abemeramana ndetse n'abimukira. Abayislam mu ntangiriro z'ubuyislam bajyaga bazungurana ku mpamvu z'uko bahuje ubusilam n'ubuvandimwe Intumwa y'Imana yari yarunze hagati y'abimukira n'abasangwa b'i Madinat. Umwimukira yajyaga azungura umuyislam mugenzi we w'i Madinat nta sano bafitanye, n'umusangwa w'i Madinat akazungura umwimukira nta sano bafitanye, ari kubw'impamvu z'ubuvandimwe mu idini, bikomeza bityo kugeza ubwo idini ryaje gukomera no gushinga imizi ku munsi wabohoreweho umujyi wa Makkat. Hanyuma iri zungura rishingiye ku mpamvu z'ukwimuka n'ubuvandimwe bw'idini Allah yaje kurisimbuza irishingiye (izungura) ku isano ry'umuryango.

Naho mu murongo wa gatatu Allah yakuyeho amahugu yakorerwaga abanyantege nke b'abana bato n'abagore, ahubwo bagiririrwa impuhwe n'ubutabera bagenerwa imigabane yabo mu izungura aho Allah ategeka ko baba abagore n'abagabo bose bagomba kuzungura, nta n'ubwo yigeze atandukanya abato n'abakuru cyangwa igitsina gabo n'igitsina gore, ahubwo yageneye buri umwe umugabane mu izungura, umutungo uzungurwa waba mwinshi cyangwa mucye, umuzungura yakwishimira umugabane yagenewe cyangwa atawishimira.

Allah asubiza abana n'abagore agaciro kabo mu gukuraho amahugu bakorerwaga. Uyu murongo mutagatifu rero ubivuga mu ncamake, naho ibisobanuro kuburebure bikaba bigaragara mu mirongo itatu yavuzwe hejuru.

*1. Kubera iki umugabane w'umuhungu wikuba kabiri uw'umukobwa?*

Bamwe mu bantu bashobora kwibaza impamvu ki umuzungura w'igitsina gabo ahabwa umugabane wikubye kabiri uw'igitsina gore mu izungura kandi igitsina gore aricyo kinyantege nke kurusha igitsina gabo ndetse akaba ari nacyo gikeneye umutungo cyane kurusha igitsina gabo?

**Igisubizo:** nuko amategeko ya Islam yabatandukanyije ku bw'impamvu zikurikira:

**1.** Mu by'ukuri umugore aba ahagijwe n'ubufasha ahabwa mu byo akenera, ndetse kumufasha biba ari itegeko ku mwana we cyangwa umubyara cyangwa musaza we, cyangwa abandi ba hafi mu muryango.

**2.** Umugore ntategetswe gutunga uwo ariwe wese, bitandukanye n'umugabo, we ategetswe gutunga umuryango n'abandi ba hafi mu muryango.

3. Umugabo agira inshingano nyinshi asabwa gutangamo umutungo, n'ibitwara umutungo we biba ari byinshi kandi byangombwa. Bityo rero acyenera umutungo cyane kurusha umugore.

4. Umugabo aha inkwano umugore, akaba anategetswe gushakira umugore n'abana aho baba, kubambika ndetse no kubagaburira.

5. Kwishyurira abana amashuri, kubavuza ndetse no kuvuza umugore ibyo byose bitegetswe umugabo.

N'ibindi byose bijyanye no gutunga umuryango biri mu inshingano z'umugabo, hashingiwe ku itegeko rya Allah aho agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ لِيُنفِقْ ذُو سَعَةٍ مِّن سَعَتِهِۦ ۖ وَمَن قُدِرَ عَلَيْهِ رِزْقُهُۥ فَلْيُنفِقْ مِمَّآ ءَاتَىٰهُ ٱللَّهُ ۚ
لَا يُكَلِّفُ ٱللَّهُ نَفْسًا إِلَّا مَآ ءَاتَىٰهَا ۚ سَيَجْعَلُ ٱللَّهُ بَعْدَ عُسْرٍ يُسْرًا ﴿٧﴾ ﴾ الطلاق: ٧

"Ufite ubukire natange bijyanye n'ubukire bwe, na wawundi uwagerewe amafunguro (utari umukire) natange mu byo Allah yamuhaye, Allah ntategeka umuntu gutanga uretse mubyo yamuhaye". **(Qur'ani 65:7)**

Muri izi mpamvu tumaze kubona turabonamo ubugenge bwa Allah mu gutandukanya hagati y’umugabane w’igitsina gabo n’uw’igitsina gore mu izungura, kubera ko uko inshingano z’umuntu ziba nyinshi ninako aba akwiriye guhabwa ubutabera, ko umugabane ugomba kuba mwinshi kandi wuzuye.

Hamwe nuko Islam yahaye umugabo umugabane wikubye kabiri uw’igitsina gore, yanahundagaje ku mugore impuhwe n’ibyiza byinshi bivuye k’umugabo atakizera ko yabona mu izungura.

Muri ubu buryo azamurwa mu rwego akanaba umunyamugisha kurusha umugabo, kubera y'uko umugore abona ibyo byose bakanafatanya mu izungura, kubw'ibyo umugore arazungura ariko ntagire icyo abazwa, afata kuminyagoatarwanye, agahunika umutungo we badafashemo ngo batangeho ifunguro, cyangwa ngo bafatanye n’umugabo gutanga ifunguro ry’urugo, n’ibisabwa mu buzima.

Islam ntitegeka ko umugore yafata mu mutungo we ngo awufashemo haba ku giti cye cyangwa ku bana be uko ubukire bwe bwaba bungana kose igihe hari umugabo, kuko umugabo ariwe utegestwe kumutunga we n’abana be, aho aba cyangwa se mu myambaro ndetse no mu mafunguro. Imana iragira iti "kandi se w'umwana ategetswe kugaburira no kwambika abagore – bahawe ubutane ku buryo bwiza". **(Qur'ani 2:233)**

**URUGERO RUBISOBANURA:**
Reka dutange urugero rugaragaza iki gitekerezo runagaragaza ubugenge bwaya mategeko mu gutandukanya hagati y’izungura ry’igitsina Gabo n’igitsina Gore.

(Umuntu aramutse apfuye, agasiga abana babiri gusa (umuhungu n’umukobwa) akabasigira umutungo ungana n’amariyari ibihumbi bitatu (3000), dukurikije amategeko ya Islam ko umukobwa afata amariyari[1] igihumbi 1000, naho umuhungu agafata ibihumbi bibiri 2000. Iyo bombi begereje gushyingirwa, umusore agashaka kurongora, umusore niwe utanga inkwano aziha umugore agiye kurongora, dufate ko wenda inkwano ari ibihumbi bibiri 2000 gusa, icyo gihe ibyo umuhungu ku mubyeyi we wose. Abitangaho inkwano, ntacyo asigaranye, hanyuma anategekwe nyuma yo kurongora gutunga urugo n’izindi nshingano zarwo, nkaho kuba, imyambaro, kurya no kunywa…

Naho umukobwa igihe cyo kurongorwa, afata inkwano ahawe n’umugabo we bagiye kubana, dufate ko wenda inkwano ze ari amariyari gusa 2000, yazunguye ku mubyeyi we igihumbi cy’amariyari (1000) yakira andi

ibihumbi bibiri nk'inkwano akowe (2000), icyo gihe aba afite umutungo we ungana n'amariyari ibihumbi (3000), hanyuma kandi ntategetswe kuba yakoresha ikintu na kimwe mu bitunga urugo uko yaba akize kose. Kuko ibyo akenera byose mu byamutunga bisigara bibazwa umugabo kuko ariwe utegetswe gutanga ibyo urugo rukeneye byose. Umutungo w'umugore uriyongera naho uw'umugabo ukagabanuka, nibyo umugore yazunguye kwa Se byasigaye ndetse byaniyongereye, naho iby'umuhungu yazunguye kwa Se byarashize kandi birarangira.

*Ese ninde muri bombi ufite ubuzima bwiza? Ninde ufite umutungo mwinshi? Umuhungu cyangwa ni umukobwa?*

*Ninde ufite ingabire nyinshi n'ibyishimo? Ese ni umuhungu cyangwa ni umukobwa? Nanone ninde ubayeho neza akaba anezerewe ?*

Ubu nibwo buryo bwumvikana kandi bunyuze ubwenge ndetse n'idini mw'izungura ry'abahungu n'abakobwa.

## IZUNGURA RY'UMUGORE MBERE Y'UBUSILAM

Mbere y'uko urumuri bw'ubuy'Islam ruza umugore nta na kimwe yahabwaga mu izungura kubera urwitwazo rw'uko atajya ku rugamba ndetse ntanarwanirira umuryango.

Muri icyo gihe yajyaga avuga ati: ((Ni gute twaha umutungo umuntu uturira ifarasi, akaba adafata inkota (intwaro) ndetse akaba atanarwanya umwanzi?)) icyo gihe bimaga umugore umutungo w'izungura nk'uko bawimaga umwana ukiri muto.

Kubw'ibyo umushakashatsi wese utabogama azi neza ko amategeko ya Islam yaje abarabu bahuguza abagore, batabaha uburenganzira bwo kuzungura ibyasizwe n'abagabo babo cyangwa ababyeyi babo, maze amategeko y'ubusilam yumva buri wese ashimangira abinyujije muri iyi mirongo mitagatifu ya Qur'ani uburenganzira busesuye bwo kuzungura kw'igitsina gore.

Ndetse, abazungura bubahitse atari nkineza cyangwa impuhwe bagiriwe n'uwariwe wese, ahubwo ni itegeko rya Allah yatanze.

Kandi ubwo imirongo y'ibyizungura yahishurwaga byagoye abarabu kubyumva ku buryo bifuzaga ko iryo tegeko ryakurwaho, kuko ryari rihabanye nibyo bari bamenyereye kandi bashyiriweho.

Mu mvugo yakiriwe na mwene Djarir, ayikomoye kuri mwene Abass (Imana imwishimire we na Se) yaravuze ati: ((ubwo imirongo y'iby'izungura yahishurwaga Allah yategetsemo ibyo Imana yategetse, k'umwana w'umuhungu, umukobwa ,ndetse n'ababyeyi bombi babiri, bamwe mu bantu ntibyabashimishije baravuga bati "umugore arahabwa kimwe cya kane (1/4) na kimwe cy'umunane (1/8), umwana w'umukobwa muto ahabwe kimwe cya kabiri (1/2), ndetse n'umwana w'umuhungu muto agahabwa, kandi murabo ngabo bose nta n'umwe urwanira umuryango, cyangwa ngo anyage iminyago!! Muceceke kuri ibi biganiro wenda Intumwa y'Imana yazabyibagirwa, cyangwa tumubwire abihindure. Bamwe muri bo babwira Intumwa y'Imana bati: yewe ntumwa y'Imana:" ni gute twaha umwana muto izungura kandi ntacyo amaze? Nina gute twaha umwana w' umukobwa kimwe cya kabiri (1/2) cy'ibyo Se asize kandi aturira ifarasi cyangwa ngo arwanirire umuryango?))

Uko niko Islamu ifata umugore, yamukuriyeho amahugu ndetse n'ubugome yakorerwaga, imuha uburenganzira bwo kuzungura mu gihe yari yarabwimwe ndetse imugenera umugabane w'itegeko n'ubwo abagabo batabyishimiye. Muri iki gihe hadutse icyaduka n'ibitekerezo bihabanye n'amahame ya Islam, aho bavuga ko Islam yahuguje umugore imwambura n'uburenganzira bwe mu izungura, aho iha musaza we ibyikubye kabiri iby'umugore we! Bagamije nkuko babyibwira – kumukuraho akarengane bamureshyeshya n'umugabo mu izungura.

Ibitekerezo nk'ibyo ni ibituma umugore avana icyizere kuri Allah wamurenyi akanamugenera ibimubereye n'ibituma kandi yigomeka ku mategeko ya Islam.

## IMPAMVU ZO GUHISHURWA IMIRONGO YA QUR'ANI YO KUZUNGURA

Hari imvugo nyinshi , murizo usanga mu gitabo cya Bukhari na Muslim, ko umugore w'uwitwa Saad mwene Rabii yaje ku Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ari kumwe n'abakobwa be babiri yabyaranye na Saad maze aravuga ati : yewe ntumwa y'Imana aba n'abakobwa ba saad mwene Rabii, Se ubabyara yiciwe ku rugamba rwa Uhudi ari kumwe nawe ku rugamba, kandi Se wabo yigaruriye umutungo wabo wose, ntiyagira icyo abasigira, kandi ntibashyingirwa nta mutungo bafite: Intumwa iramusubiza iti: Imana irabikemura, hamanuka imirongo ya Qur'ani ivuga ku izungura."Allah abategeka

[1] Amariyari ni amafaranga akoreshwa mu gihugu cya Saudi Arabia

mu bijyanye n'izungura ry'abana banyu ko umuhungu azajya ahabwa umugabane ungana n'uw'abakobwa babiri". **Qur'ani 4:11**

Ubwo Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yohereza Intumwa ivuga ko Se wabo bakobwa ba Saad agomba guha abo bakobwa babiri bibiri bya gatatu (2/3), agaha na Nyina ubabyara kimwe cy'umunane (1/8), hanyuma we agafata ibisigaye.

Nkuko byaje mu yindi mvugo, ivuga ko uyu murongo wa Qur'ani w'izungura wahishuwe ku bw'impamvu za Abdu-Rahman mwene Thabit, yunze umuvandimwe wa Hassani w'umusizi, yarapfuye asiga umugore witwa Umu Kuhat asiga na bashiki be batanu (5) nuko haza abazungura b'abagabo bafata umutungo wose, Ummu Kuhat ajya kubarega ku ntumwa y'Imana, maze hahishurwa uyu murongo mutagatifu dusanga muri Qur'ani uvuga ku izungura. Yakiriwe na mwene Djariri.

Uko biri kose yahishuwe kw'impamvu yo kwima abagore uburenganzira bwo kuzungura. Allah niwe ubizi.

## ICYO TWUNGUKA MU MIRONGO YA QUR'ANI IVUGA KU IZUNGURA

**Amategeko arebana n'izungura ry'abana babahungu n'abakobwa*

**1.** Icya mbere n'imvugo ya Allah igira iti (Umuhungu azajya ahabwa umugabane ungana n'uwabakobwa babiri) umurongo uragaragaza amategeko akurikira:

**a.** Igihe umuntu apfuye agasiga umuhungu umwe n'umukobwa umwe, bagabana umutungo bo bombi hagati yabo, umuhungu agafata umugabane wikubye kabiri uw'umukobwa.

b. Naho iyo abazungura bari hamwe ari abahungu n'abakobwa, icyo gihe bazungura umutungo, abahungu bagafata ubyikube kabiri iby'abakobwa.

**c.** Iyo abana nyakwigendera yasize bari kumwe n'abandi bazungura baba nyamigabane b'itegeko, nkabashakanye bombi, cyangwa ababyeyi bombi, icyo gihe tubanza guha abanyamigabane b'itegeko, hanyuma ibyasigaye tubigabanya abana, buri muhungu afata ibyikubye kabiri iby' umukobwa.

**d.** Iyo nyakwigendera asize umwana umwe w'umuhungu, icyo igihe afata umutungo wose, ibi n'ubwo umurongo wa Qur'ani utabivuze weruye ariko dushobora kubyibwira duhuje iyi mirongo yombi, kuko imvugo ya Allah igira iti: (umuhungu azajya ahabwa umugabane ungana n'uwabakobwa babiri) iragaragaza ko umugabane w'umuhungu ungana nuw'abakobwa babiri.

**e.** Naho imvugo ya Allah igira iti: (ariko naba umukobwa ari umwe ajye ahabwa kimwe cya kabiri 1/2). Duhuje iyi mirongo ya Qur'ani yombi turasanga ari ngombwa guha umwana w' umuhungu umutungo wose igihe ari wenyine.

Dusigaje itegeko rireba abuzukuru (abana b'umwana wanjye) abo ngabo bajya mu mwanya w'abana banyakwigendera igihe badahari, kuko imvugo ya Allah igira riti: (Allah abategeka, mu bijyanye n'izungura ry'abana banyu) igamije abana b'amaraso yawe ndetse n'abuzukuru ugakomeza nkuko byemeranyijweho.

## ITEGEKO RIREBA IZUNGURA RY'ABABYEYI BOMBI

Imana iragira iti: (Naho ababyeyi be, buri wese ajye ahabwa kimwe cya gatandatu mu byo (uwapfuye) yasize, niba yari afite umwana. Naho naba nta mwana asize akazungurwa n'ababyeyi be, Nyina ajye ahabwa kimwe cya gatatu. Kandi naba afite abavandimwe, Nyina ajye ahabwa kimwe cya gatandatu.)

*Uyu murongo urerekana amategeko akurikira:*

a. Se na Nyina wa nyakwigendera azunguru kimwe cya gatandatu( 1/6), igihe nyakwigendera hari umwana we asize umuzungura.

b. Igihe ababyeyi ba nyakwigendera bombi nta mwana n'umwe wa nyakwigendera bari kumwe, nuko Nyina ahabwa kimwe cya gatatu(1/3), bibiri bya gatatu bisigaye 2/3 bikazungurwa na Se wa nyakwigendera, nkuko byumvikana mu murongo wa Qur'ani wavuzeko ko umugabane wa Nyina ari kimwe cya gatatu ntiwagira icyo uvuga ku mugabane wa Se, ukagaragaza ko uyu usigaye ariwo mugabane we .

c. Naho iyo igihe cy'izungura hari ababyeyi bambi banyakwigendera bari hamwe n'abavandimwe be (babiri cyangwa barenzeho), icyo gihe Nyina ahabwa kimwe cya gatandatu (1/6), naho bitanu bya gatandatu 5/6 bigahabwa Se, hanyuma abavandimwe na bashiki ba nyakwigendera ntihagire icyo bahabwa kuko Se ubabyara abakumira mu izungura, haje ikibazo kigira giti: ni irihe banga ry'uko Nyina

yahawe kimwe cya gatandatu (1/6) mu mwanya wo guhabwa kimwe cya gatatu 1/3 ni ubuhe bugenge burimo aho? mu gukumirwa no gufata kwa nyina wabo (1/3) kandi abavandimwe be batazungura ?

**Igisubizo:** Ubugenge burimo, nuko se ubabyara ariwe abareberera, akabashyingira, akabaha ibibatunga, bidakozwe na Nyina kuko ari abana be ndetse bakaba ari n'abavandimwe ba nyakwigendera bityo niwe ukeneye umungo kurusha uko Nyina wa nyakwigendra awukenera kwe kuko we nta na kimwe ategetswe mugutanga ibitunga ku muryango we.

## IDENI NIRYO RIBANZA KWISHYURWA MBERE YO GUTANGA UMURAGE MU GIHE CY'IZUNGURA.

Imana iragira iti:"...Nyuma y'umurage yaraze cyangwa umwenda."

Muri uyu murongo wa Qur'ani ntagatifu biragaragara ko umurage ubanza gutangwa mbere y'ideni, nyamara ni ikinyuranyo cyabyo, ahubwo ideni niryo ribanza kwishyurwa mbere. Bityo amadeni nyakwigendera asize niyo abanza kwishyurwa, hanyuma hagashyirwa mu ngiro umurage nyakwigendera yasize atanze. Ni nk'uko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabikoze.

Biturutse ku musangirangendo w'Intumwa y'Imana Ali (Allah amwishimire) yaragize ati " Mu by'ukuri musoma uyu murongo wa Qur'ani ntagatifu: ..nyuma y'umurage yaraze cyangwa umwenda. Nyamara Intumwa y'Imana yategetse ko kwishyura umwenda bikorwa mbere yo gutanga umurage.

**Ubugenge burimo:** Harimo ubugenge bwo kubanza kwishyura ideni mbere yo gutanga umurage kuko umwenda ukurikirana nyirawo yaba akiri muzima cyangwa yarapfuye igihe cyose atarawishyura. Ndetse akaba afite abantu bawumwishyuza, icyo gihe abazungura bakurikirana uwo mwenda kugeza ubwo awishyuye. Bitandukanye n'umurage, kuko wo ari ubugiraneza aba akoze, kandi nta w'uwumwishyuza mu bantu.

Kugira ngo abantu batazawuzungura, cyangwa bakadohoka mu gutanga uwo murage cyangwa imitima ya bamwe ikagira ubugugu bwo kuwutanga Allah yawubanje mbere yo kwishyura umwenda. Bityo byitondere.

Imana iragira iti "... ababyeyi banyu n' abana banyu ntimuzi ubafitiye akamaro kurusha undi..." **Qur'ani 4:11**

Uyu murongo wa Qur'ani ntagatifu uragaragaza ko Allah ari we wenyine wihariye kugena imigabane y'izungura, akaba nta n'umwe mu biremwa bye yabirekeye, kubera ko abantu uko bagerageza kose gukoresha ubutabera, ntibashobora kubugeraho mu buryo bwuzuye, ntibanashobora kuba bagabanya mu buryo nk'ubu butabogamye, kubera ko bo batazi ibyerekeye ababyeyi cyangwa abana, ndetse ntibanazi ufite umumaro kurusha abandi.

Nyamara Allah Nyir'Ubushobozi, niwe Nyir'Ubugenge bw'ikirenga, na Nyir'Ubumenyi buhebuje, niwe wagabanyije atabogamye, ndetse aratanga mu buryo bunyuze buri wese. Allah ati "... Ni na nde wakiranura neza kurusha Allah, ku bantu bemera badashidikanya?" **Qur'ani: 5:50**

Imana iragira iti: "Mwe (Abagabo) muhabwa kimwe cya kabiri cy'ibyo abagore banyu basize mu gihe nta mwana bari bafite. Ariko iyo basize umwana, muhabwa kimwe cya kane cy'ibyo basize nyuma yo kwishyura ibyo baraze cyangwa umwenda. Naho (abagore) bahabwa kimwe cya kane mu byo mwasize iyo mudafite abana. Ariko iyo musize abana, bahabwa kimwe cya munani mu byo mwasize, nyuma yo kwishyura ibyo mwaraze cyangwa umwenda..." **Qur'ani: 4:12**

Uyu murongo wa Qur'ani mutagatifu uragaragaza itegeko ry'izungura ry'abashakanye babiri, uranagaragaza ko buri umwe mu bashakanye afite uburyo bubiri mu izungura.

**Itegeko ry'umugabo:**

a. Iyo umugore apfuye ntasige umwana wamuzungura, icyo gihe umugabane w'umugabo azungura ni kimwe cya kabiri (1/2) cy'umutungo usigaye.

b. Iyo umugore apfuye agasiga umwana wamuzungura, icyo gihe umugabane umugabo azungura ni kimwe cya kane (1/4) cy'umutungo Nyakwigendera asize.

**Itegeko ry'Umugore/Abagore:**

a. Iyo umugabo apfuye ntasige umwana wamuzungura, icyo umugore/abagore azungura kimwe cya kane (1/4) cy'umutungo usigaye.

b. Iyo umugabo apfuye akaba asize umwana wamuzungura, icyo gihe umugore/abagore azungura kimwe cya munani (1/8) cy'umutungo usigaye.

Tugereranyije uburyo abashakanye bombi bazunguramo, turasanga Qur'ani ntagatifu igihe cyose cyarahaye igitsina gabo ibyikubye kabiri iby'igitsina gore, ku mpamvu twasobanuye hejuru ubwo twasubizaga urujijo abanzi b'idini bateza.

## ITEGEKO RY'IZUNGURA RY'ABAVANDIMWE NA BASHIKI BE KURI NYINA.

Icya gatandatu: Imana iragira iti "... Iyo umugabo cyangwa umugore azunguwe nta babyeyi cyangwa abana asize, ariko akaba asize umuvandimwe cyangwa mushiki we, buri wese muri bombi ajye ahabwa kimwe cya gatandatu (1/6). Ariko nibaba barenze babiri, bajye bafatanya kimwe cya gatatu, nyuma yo kwishyura ibyo yaraze cyangwa umwenda, ku buryo ntawe bibangamira. Iri ni itegeko riturutse kwa Allah. Kandi Allah ni Umumenyi bihebuje, Uworohera (abagaragu be)." **Qur'ani: 4:12**

Abavandimwe bagamijwe hano ni (abavandimwe ba Nyakwigendera na bashiki be) hatarimo abavandimwe bahuje ababyeyi bombi, ndetse n'abavandimwe bo kwa Se.

Abamenyi bemeranyijwe ko abavandimwe bavugwa muri uyu murongo wa Qur'ani ari abavandimwe bahuje Nyina gusa. Na gihamya yabyo nuko Allah yavuze ubugirakabiri izungura ry'abavandimwe inshuro ya mbere muri uyu murongo, indi nshuro mu mpera z'iyi Surat.

Muri uyu murongo, Allah yahaye umuvandimwe umwe kimwe cya gatandatu (1/6), naho baba barenze umwe, icyo gihe bagabana ku buryo bungana kimwe cya gatatu (1/3). Ariko mu mpera z'iyi Surat, Allah yahaye mushiki wa Nyakwigendera kimwe cya kabiri (1/2) igihe ari umwe, baba barenze umwe yabahaye 2/3, naho igitsina gabo agiha umutungo wose.

Niyo mpamvu ari ngombwa ko abavandimwe bavugwa muri uyu murongo wa Qur'ani bagomba gutandukana n'abavugwa mu murongo wo mu mpera z'iyi Surat, mu rwego rwo gukoraho ukunyuranya mu mirongo ya Qur'ani ntagatifu.

Ubwo abavandimwe bahuje ababyeyi babiri, n'abavandimwe bahuje Se aribo bari bugufi kuruta abavandimwe bahuje Nyina, niyo mpamvu muri uriya murongo usoreza Surat Nisai, bahawe umugabane utubutse, aribyo bitugaragariza ko abagamijwe muri uyu murongo wa 12 muri surat Nisai ari abavandimwe bahuje Nyina, hanyuma abagamijwe mu

murongo wo ku mpera ni abavandimwe bahuje ababyeyi bombi ndetse n'abavandimwe bahuje Se.

## UBURYO BW'IZUNGURA RY'ABAVANDIMWE BA NYAKWIGENDERA NA BASHIKI BE KWA NYINA.

a. Iyo umuntu apfuye agasiga umuvandimwe we kwa Nyina ari wenyine cyangwa mushiki we kwa Nyina ari wenyine, icyo gihe buri umwe azungura kimwe cya gatandatu (1/6) cy'umutungo.

b. Iyo umuntu apfuye agasiga abavandimwe barenze umwe nk'(abavandimwe babiri kwa Nyina cyangwa bashiki be babiri kwa Nyina), icyo gihe bose hamwe bazungura kuburyo bungana kimwe cya gatatu (1/3) cy'umutungo kuko Allah yavuze ati "... Ariko nibaba barenze babiri, bajye bafatanya kimwe cya gatatu (1/3).."Kandi gufatanya kuvugwa muri uyu murongo wa Qur'ani gusobanuye Kunganya. Icyo gihe igitsina gabo gifata ibingana n'iby'igitsina gore, ntabwo ari ibyikubye kabiri nkuko umurongo wa Qur'ani ntagatifu ubigaragaza.

## IBISOBANURO BY'IJAMBO KALALAT.

**KALALAT:** ni ukuba umuntu yapfa adafite umubyeyi n'umwe cyangwa umwana, bisobanuye ngo ntafite uwo akomokaho n'umwe cyangwa umukomokaho. Abamenyi bemeranyije ko KALALAT ari umuntu upfuye adasize umubyeyi n'umwe habe n'umwana.

Nkuko byaje mu mvugo ya Abubakar Aswidiiq (Allah amwishimire) igira iti "Mu by'ukuri, njye mfite igitekerezo ku gisobanuro cy'ijambo KALALAT, niba ari ukuri Allah niwe uri bube abinshoboje, naho niba atari ukuri kiraba ari ikosa ryanjye ndetse ari igishuko cya Shitani, Allah ntaho ahuriye nacyo; mu by'ukuri "KALALAT ni umuntu udafite umubyeyi n'umwe cyangwa umwana".

Hari n'abandi bavuze ko KALALAT ari umuntu udafite umwana n'umwe, ariko imvugo iri ukuri ni iya mbere twagaragaje.

Imana iragira iti "...nyuma yo kwishyura ibyo yaraze cyangwa umwenda, ku buryo ntawe bibangamira" **Qur'ani 4:12**

Uyu murongo wa Qur'ani uratugaragariza ko Umurage cyangwa Umwenda, bigamije kubangamira abandi bazungura ntabwo ari ngombwa kubishyira mu ngiro, kubangamira mu murage ni nk'uko Nyakwigendera yasiga araze ibirenze kimwe cya gatatu (1/3)

cy’umutungo we, naho kubangama ku mwenda n’uko Nyakwigendera yakemera ko afitiye umwenda uwo atawufitiye cyangwa akemera uruta uwo yishyuzwa kugirango abangamire abazungura.

## Itegeko ry’abavandimwe na bashiki ba Nyakwigendera ku babyeyi bombi, no kuri Se gusa.

Icya munani: Imana iragira iti " Baragusobanuza (ku bijyanye n’amategeko y’izungura). Vuga uti "Allah arabasobanurira ibyerekeye inshike. Igihe umuntu apfuye adasize umwana (cyangwa umubyeyi), ariko akaba asize mushiki we, ubwo ahabwa kimwe cya kabiri cy’ibyo yasize. Na musaza we aramuzungura igihe adasize umwana. Naho iyo (bashiki be) ari babiri (cyangwa barenzeho), bahabwa bibiri bya gatatu by’ibyo yasize. Baba ari abavandimwe b’igitsina gabo na gore; icyo gihe umuhungu ahabwa umugabane ungana n’uw’abakobwa babiri". (uko ni ko) Allah abasobanurira (amategeko ye) kugira ngo mutayoba, kandi Allah ni Umumenyi wa buri kintu." **Qur'ani: 4:176**

## Uburyo bw'izungura uyu murongo wa Qur'ani wagaragaje.

a. Igihe umuntu apfuye agasiga mushiki we umwe bahuje ababyeyi bombi, cyangwa bahuje Se, akaba nta mubyeyi asize n'umwe cyangwa umwana, icyo gihe mushiki we bahuje ababyeyi bombi cyangwa bahuje Se ahabwa kimwe cya kabiri (1/2) cy'umutungo asize.

b. Igihe apfuye agasiga bashiki be babiri cyangwa barenze, bahuje ababyeyi bombi, cyangwa bahuje Se, ntabe afite umubyeyi n'umwe habe n'umwana, icyo gihe bashiki be bahabwa bibiri bya gatatu (2/3) by'umutungo asize.

c. Igihe apfuye agasiga abavandimwe na bashiki be (bahuje ababyeyi bombi cyangwa bahuje Se), icyo gihe umutungo usigaye ugabanywa hagati yabo hashingiwe ku itegeko ry'uko igitsina gabo gifata ibyikubye kabiri iby'igitsina gore.

d. Igihe mushiki w'umuntu bahuje ababyeyi bombi apfuye, ariko akaba adasize umubyeyi n'umwe cyangwa umwana, icyo gihe musaza we afata umutungo wose, n'igihe hari basaza be barenze umwe bagabana hagati yabo uwo mutungo hakurikijwe umubare wabo.

Ni nkuko bigenda ku bavandimwe na bashiki ba Nyakwigendera ku babyeyi bombi no kwa Se igihe nta bavandimwe na bashiki be bahuje ababyeyi bombi bahari.

# ISOMO RYA KABIRI

## GAHUNDA Y'IZUNGURA MURI ISLAM.

1. Ibisobanuro by'izungura
2. Uburenganzira bufitanye isano n'umutungo uzungurwa
3. Inzego z'izungura n'uburyo bazunguramo
4. Amoko y'izungura muri rusange
5. Impamvu z'izungura n'inkingi zaryo
6. Amabwiriza y'izungura
7. Imiziro yo kuzungura
8. Itandukaniro hagati y'uwakumiriwe n'uwaziririjwe kuzungura
9. Abazungura b'abagabo
10. Abazungura b'abagore

## GAHUNDA Y'IZUNGURA MURI ISLAM.

Amategeko ya k'Islam yashyizeho gahunda y'izungura mu buryo bw'umutungo buboneye kandi butagama, ubusilam bwemeza uburenganzira bwo gutanga umutungo ku muntu yaba igitsina gabo cyangwa igitsina gore mu nzira zemewe n'amategeko ya Islam. Nkuko ubuyislamu bwemeje kwimuka kw'ibyo umuntu yari atunze akiri muzima bikimurirwa ku bazungura be amaze gupfa baba igitsina gabo cyangwa igitsina gore, nta kurobona hagati y'umwana muto cyangwa umukuru.

Igitabo cya Allah gitagatifu cyagaragaje amategeko y'izungura n'uburyo buri muzungura azunguramo mu buryo busobanutse kandi bugaragara, aho kitasigiye mwene Adamu kuba ariwe wagena imigabane ndetse n'abazungura.

Qur'ani ntagatifu rero niyo shingiro ry'amategeko n'ibipimo by'iby'izungura. Uretse amwe muri ayo mategeko macye cyane yashimangiwe mu nyigisho z'Intumwa y'Imana (Suna) ndetse n'ubwumvikane bw'abamenyi (Ij'mau).

Ntiwasanga muri Islam amategeko Qur'ani yasobanuye iyavuye imuzi nk'amategeko y'izungura. Islam yitaye ku mategeko y'iby'izungura muri ubu buryo, kugeza ubwo Qur'ani ari yo yonyine iyagaragaza ikanayasobanura, kubera ko izungura ni imwe mu mpamvu shingiro zo gutunga umutungo, kandi umutungo ni wo nkingi ya mwamba y'ubuzima bw'umuntu ku giti cye cyangwa amatsinda, kuko umutungo ari wo ubuzima bw'ikiremwamuntu bushingiyeho.

**Ibisobanuro by'Izungura:**

**Mu rurimi:** ni ukwimuka kw'ikintu kiva ku muntu kijya ku wundi, cyangwa kiva mu bantu kimurirwa mu bandi. Gishobora kuba cyaba umutungo, ubumenyi, icyubahiro.

Kubera ijambo ry'Intumwa y'Imana Muhamad rigira riti: (abamenyi ni abazungura b'Intumwa n'abahanuzi, kandi abahanuzi ntibazungurwa amadinari cyangwa amadirihamu, ahubwo bazungurwa ubumenyi. Bityo uzabuzungura uwo azaba afashe ihirwe ritubutse).

**Mu bisobanuro by'abamenyi:**"ni ukwimura umutungo w'uwapfuye ukimukira ku bazungura be bakiri bazima. Uwo mutungo waba uwimukanwa cyangwa utimukanwa ndetse n'ubundi burenganzira buteganywa n'amategeko.

## IBISOBANURO BY'IBYASIGAYE (TARIKAT).

Ibyasigaye ni ibyo umuntu asiga nyuma yo gupfa kwe mu mitungo, n'uburenganzira ku mitungo n'ibindi bitari imitungo. Bityo icyo umuntu asize cyose nyuma yo gupfa kwe kitwa 'Icyasigaye: Tarikat' mu bisobanuro bitangwa n'abamenyi, uwapfuye yaba asize umwenda cyangwa ari ntawo, umwenda waba urebana n'umutungo (nk'ingwate) cyangwa urebana n'umuntu ku giti cye (nk'inguzanyo, inkwano, n'ibindi).

*Uburenganzira bufitanye n'Ibyasigaye.*

Ibyasizwe n'uwapfuye hari uburenganzira bwinshi bufitanye isano nabyo, mu buryo bukurikira:

1. Hatunganywamo uwapfuye, akambikwamo hatabayemo gusesagura umutungo.

**Gutunganya uwapfuye:** ni ugukorera uwapfuye ibyo akenera byose, guhera apfuye kugeza ashyinguwe. N'ibyo uwapfuye akenera ni ibicyenewe kumwoza, kumwambika no kumushyingura, n'ibindi bisabwa byose kugeza ashyizwe mu buturo bwe bwa nyuma (imva). Ibi bigenda bitandukana bijyanye n'ubushobozi bw'uwapfuye yaba yishoboye cyangwa atishoboye, yaba ari igitsina gabo cyangwa igitsina gore.

2. Hishyurwamo imyenda yari afite, uwapfuye yishyuzwa n'abantu. Bityo umutungo ntushobora kugabanywa abazungura hatabanje gukurwamo iyo myenda. Nkuko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) igira iti "Roho y'umwemeramana ihama aho iri (ntiyemererwe kujya mu ijuru) kugeza umwenda yasize wishyuwe". Yakiriwe na Ahmad.

Naho umwenda wa Allah utari uw'abantu, nk'umwenda wa Zakat, icyiru n'umuhigo yahize kuzakorera Imana, ntabwo ukurwa mu byasigaye (nkuko abakurikiye Imam Abuhanifa babibona), naho ibyo abenshi mu bamenyi bemeranijweho n'uko wishyurwa ukuwe mu byo Nyakwigendera yasize mbere yo kugabana kw'abazungura.

**Impamvu abakurikiye Imam Abu Hanifa batanga:**

Kuwishyura imyenda ya Allah ni mu bikorwa byiza Allah yishimira (Ibadat), kandi ibikorwa nk'ibyo birahagarara iyo umuntu apfuye, kuko kubikora bisaba umugambi n'amahitamo y'umuntu ku giti cye, kandi

ibyo ntibishoboka ku muntu wapfuye. N'ubwo kwishyura imyenda ya Allah byahagaze aruko apfuye, ntibimukuriraho kuba ari mu ikosa kandi azabiryozwa ku munsi w'imperuka, kuko atashyize mu ngiro ibyo ategetswe mbere y'uko apfa. Umuntu nk'uwo rero ibye ni kwa Allah nashaka azamuhana nanashaka azamubabarira ku neza ye no ku buntu bwe (ibi ni igihe yapfuye atavuze ko ideni rye rigomba kwishyurwa, naho iyo yabivuze ni ngombwa ko rikurwa mu mitungo igabanywa).

Naho impamvu abenshi mu bamenyi babona ko agomba kwishyura batanga:

Nuko ari imyenda igomba kwishyurwa nk'imyenda y'abantu, ntihakenewe rero kugira umugambi n'amahitamo, kuko atari mu bikorwa Allah yishimira (Ibadat) ahubwo ni mu burenganzira bujyanye n'umutungo ubwawo.

Niyo mpamvu igomba kwishyurwa kabone n'iyo Nyakwigendera yaba yasize atabivuze, ndetse ni na ngombwa kuyishyura mbere y'imyenda y'abantu (Ku bakurikiye Imam Shaffi), na nyuma y'imyenda y'abantu (ku bakurikiye Imam malik), naho (abakurikiye Imam Ahmad bun Hanbal) bo babona ko imyenda y'abantu n' iy' Imana inganya uburemere bityo iri ku rwego rumwe.

3. Hubahirizwa imirage yose ya Nyakwigendera itarengeje kimwe cya gatatu cy'umutungo we asize (1/3) [ku batazungura], bigakorwa nyuma yo gukuramo ibicyenewe mu gutunganya umurambo wa Nyakwigendera, no kwishyuramo imyenda Nyakwigendera yari afite, nkuko imvugo y'Intumwa y'Imana ibigaragaza aho yabwiye Saad mwene Waqas (Allah amwishimire) "kimwe cya gatatu (1/3) na kimwe cya gatatu ni cyinshi (kugitangamo umurage), kuba wasiga abazungura bawe ari abakire, ni byo byiza kuruta kuba wabasiga ari abakene basabiriza mu bantu". Intumwa y'Imana na none iti "Mu by'ukuri, Allah yabahaye (umwanya wo gutangamo) ituro igihe cyanyu cyo gupfa rya kimwe cya gatatu nk'inyongera y'ibikorwa byanyu".

4. Hagabanywa ibisigaye hagati y'abazungura hakurikijwe igitabo cya Allah (Qur'ani) n'inyigisho z'Intumwa y'Imana (Sunat) n'ibyo abamenyi bemeranyijweho.

**Icyitonderwa:** Umurage wavuzwe mbere y'umwenda mu murongo wa Qur'ani twabonye hejuru "... nyuma yo kwishyura ibyo yaraze cyangwa umwenda..." Nyamara itegeko riteganya ko kwishyura umwenda aribyo bibanza mbere yo kwishyura umurage Nyakwigendera yasize. Hari umuntu yakibaza impamvu yabyo, ariko igisubizo nuko ari mu rwego rwo kuwitaho no kutawirengagiza, ndetse no gushishikariza abazungura kubahiriza umurage hato batadohoka mu kuwishyura, kuko ubwo umurage wari ubwitange budafite ingurane, hari ubwo imitima yakinjirwa n'ubugugu ntiwutange, bitandukanye n'umwenda kuko wo haba harabayeho ingurane, ndetse hari n'abawishyuza. Ku bw'iyo mpamvu, umurage wabanje kuvugwa mbere y'umwenda. Allah niwe mumenyi uhebuje.

## INZEGO Z'IZUNGURA

Abazungura bose ntabwo bari ku rwego rumwe, ahubwo bafite inzego zitandukanye n'uburyo bakurikirana muri ubu buryo:

**1. Abazungura imigabane y'itegeko:** Abazungura imigabane y'itegeko bahabwa mu mutungo Nyakwigendera yasize, bakaba ari nabo bafite umugabane wagenwe na Qur'ani, cyangwa inyigisho z'Intumwa y'Imana (Sunat) cyangwa ibyo abamenyi bemeranyijweho bakabihurizaho. Aba rero nibo babanza guhabwa mu izungura.

**2. Abazungura ibyasigaye kubera isano bafitanye na Nyakwigendera:** Nyuma yo guha abanyamigabane y'itegeko imigabane yabo bagenewe, dukurikizaho abazungura ku bw'isano bafitanye na Nyakwigendera.

Asib Nasabiy: **(Umuzungura ku bw'isano):** ni buri wese wa bugufi na Nyakwigendera uzungura ibyasigaye nyuma y'izungura rya ba nyir'imigabane y'itegeko basigaje, akaba ashobora no kwegukana umutungo wose igihe ari wenyine, nk'umwana wa Nyakwigendera w'umuhungu, umwuzukuru we (umwana w'umwana we), cyangwa umuvandimwe uhuje ababyeyi bombi na Nyakwigendera, cyangwa wabo.

**3. Kongerera abazungura basanzwe bafite imigabane yagenwe izwi, bijyanye n'uburenganzira bwabo (usibye abashakanye bombi (umugore n'umugabo):** Iyo hagize igisaguka mu bizungurwa, kandi nta bazungura mu ba hafi ya Nyakwigendera, icyo gihe twongerera umutungo abazungura imigabane y'itegeko, buri wese bijyanye n'umugabane we, naho abashakanye babiri ntibagaruka kongera guhabwa mu byasigaye kuko izungura ryabo ni ku bw'impamvu y'uko

bashyingiranywe, ntabwo ari ku bw'impamvu y'isano ry'amaraso mu muryango. Ku bw'ibyo uw'isano ya bugufi na Nyakwigendera ni we wongererwa mbere yo kongerera umwe mu bashakanye.

4. **Izungura ry'abanyamuryango bafitanye isano rya bugufi na Nyakwigendera:**

Abo tugamije hano ni abanyamuryango begereye Nyakwigendera batari mu bazungura imigabane y'itegeko cyangwa ku bw'isano bafitanye nawe nka Nyirarume, Nyirasenge, Nyinawabo, umwuzukuru w'umukobwa n'umuhungu ba Nyakwigendera bo ku mukobwa we. Iyo hatabonetse ufitanye isano na Nyakwigendera cyangwa abazungura ku bw'itegeko hakurikira abanyamuryango ba bugufi bakazungura ibyasigaye.

**5. Kongererwa kuri umwe mu bashakanye:** Ibyo bibaho igihe habuze n'umwe uzungura haba mu b'imigabane y'itegeko cyangwa mu bahuje isano na Nyakwigendera, cyangwa mu banyamuryango ba bugufi na Nyakwigendera.

**Urugero:** nk'umuntu apfuye ntagire undi asiga uretse umugore we gusa, icyo gihe umugore we azungura kimwe cya kane (1/4) cy'itegeko, ndetse akuzungura n'ibisigaye abyongerewe.

Ni nkuko nguko umugore yapfa agasiga umugabo we gusa, icyo gihe umugabo azazungura kimwe cya kabiri (1/2) cy'itegeko, yongererwe n'ibindi bisigaye, bityo umutungo wose uhabwa umwe mu bashakanye muri ubwo buryo.

**6. Izungura ku bw'impamvu:** ari bo bacakara baba abagabo cyangwa abagore (uretse ko batakibaho muri iki gihe).

**7. Uwahawe umurage urenze kimwe cya gatatu (1/3) cy'umutungo Nyakwigendera asize,** kabone n'ubwo byaba ari umutungo wose yahaweho umurage (nkuko abakurikiye Imam Ahmad bun Hanbal na Imam Abu Hanifat babibona).

**8. Ikigega rusange cy'umutungo w'abay'islamu (BAYT UL MAL):** nk'igihe hatabonetse umwe mu bazungura mu nzego n'ibyiciro twavuze, icyo gihe uwo mutungo ushyirwa mu kigega rusange cy'abayIslamu ku bw'inyungu rusange z'abay'islamu.

**Ibyiciro by'abazungura ni bine aribyo:**

1. Izungura ku bw'imigabane y'itegeko
2. Izungura ku bw'isano
3. Izungura ku nyongera
4. Izungura ku bw'ubunyamuryango.

Ibi byiciro turi bubisobanure ku burebure –Insha'Allah- mu ngingo ziri buze.

## IMPAMVU Z'IZUNGURA.

Umuntu azungura uwapfuye ku bw'impamvu eshatu, arizo:

**1. Isano ry'ukuri (kubera isano ry'umuryango):** aribo ababyeyi, abana, abavandimwe, ba Se wabo, n'abandi....mu magambo magufi ni ababyeyi n'abana n'abafitanye nabo isano.

**2. Gushyingiranwa:** ni igihe habayeho amasezerano yo gushyingiranwa yemewe hagati y'abashakanye babiri, kabone n'ubwo hatabaho guhuza ibitsina cyangwa ubutane, naho ugushyingiranwa kutemewe n'amategeko ya Islam, icyo gihe ntazungura ribaho.

**3. Al wala-u (isano ry'uwaguze umucakara):** Kera mu gihe cy'ubucakara n'ubugaragu, umuntu yashoboraga kuba yaba afite umucakara yahaye ubwigenge binyuze mu gutanga ikiguzi, noneho iryo sano riri hagati ya bombi (Shebuja n'umugaragu) rikaba ryaba impamvu y'uko Shebuja azungura umugaragu we igihe apfuye. Kubera ko yamubohoye ingoyi y'uburetwa n'ubucakara akaba yaramuhesheje ubwigenge, yaranamugaruriye icyubahiro cy'ubumuntu. Amategeko y'ubuy'islamu yemereraga uwo Shebuja kuzungura uwo yakuye mu bugaragu igihe uwo mugaragu nta muzungura wundi afite, yaba uw'isano ry'amaraso cyangwa isano ryo gushyingiranywa.

## INKINGI Z'IZUNGURA.

Inkingi z'izungura ni eshatu arizo:

1. Uzungurwa: Ni Nyakwigendera ukwiriye kuzungurwa nabo asize nyuma yo gupfa.

2. Uzungura: Ni ukwiriye kuzungura ku bw'impamvu twavuze, nk'impamvu y'isano ry'umuryango cyangwa ugushyingiranwa.

3. Ibizungurwa: Ni ibyasizwe na Nyakwigendera, byaba umutungo wimukanwa n'utimukanwa.

## AMABWIRIZA Y'IZUNGURA.

Kugirango izungura ribeho hagomba kubaho ibintu bitatu:

*1. Gupfa k'uzungurwa yapfuye bya nyabyo cyangwa amategeko yagennye ko azungurwa.*

Nta zungura ryabaho hatari umuntu wapfuye cyangwa akaba yaburirwa irengero igihe kirere, ku buryo nta kimenyetso kigaragaza ko akiriho maze amategeko akagena ko agomba kuzungurwa. Nk'uwaburiwe irengero hakaba hatazwi niba akiriho cyangwa yarapfuye icyo gihe umucamanza (Qadhi) aciye iteka ry'uko ashingiye ku bimenyetso abona ko uwaburiwe irengero atakiriho, icyo gihe birashoboka ko habaho izungura. Iri bwiriza rero rigena ko hagomba kuba hari uwapfuye bizwi, cyangwa byagennwe n'amategeko. Kuko umuntu aramutse akiri muzima aba afite ubushobozi bwo gukora icyo ashatse mu mutungo we, ndetse n'ubutunzi buba bukiri ubwe, icyo gihe rero nta wamusimbura mu butunzi bwe. Ariko iyo apfuye icyo gihe ntaba agishoboye kugira icyo yakora mu mutungo we, icyo gihe wimurirwa ku bazungura be.

*2. Kuba Umuzungura yari muzima igihe Umuzungurwa yapfaga*

Ibi ni ukubera ko umuzungura azungura nyuma y'urupfu rw'umuzungurwa, icyo gihe ibyo Nyakwigendera yari atunze byimukira ku muzungura we, ni ngombwa rero ko umuzungura aba ari muzima igihe uwo azungura yapfaga, kugirango bigaragare ko abikwiye. Kugirango birusheho gusobanuka, dutange urugero: nk'abantu babiri cyangwa barenzeho bafitanye isano ku buryo bazungurana bapfuye, ariko bikaba bitazwi uwapfuye mbere n'uwapfuye nyuma, icyo gihe ntazungura hagati yabo ryabaho, ni nk'uko umwana na Se bagwa mu mpanuka y'indege bagapfa, cyangwa ubwato barimo bukarohama, cyangwa bakagwirwa n'igisenge cy'inzu yarimo abana n'abavandimwe ba Nyakwigendera, icyo gihe nta zungura ribaho, imitungo yabo yimurirwa ku bazungura babo bazima bakiriho. Ibi nibyo twasobanuye ni nabyo imvugo y'abamenyi igira iti "Nta zungura hagati y'abarohamye, abaguye mu nkongi y'umuriro, cyangwa abagwiriwe n'igisenge cyangwa urukuta". Uko niko amategeko ya Islamu yabigennye.

*3. Kumenya uruhande n'icyiciro cy'abazungura babarizwamo.*

Ni ngombwa kumenya uruhande n'icyiciro cy'uzungura abarizwamo, byaba ari ukubera ko bashakanye, cyangwa isano ryo mu muryango, tukamenya neza urwego rw'iryo sano, kugirango bize korohera Ugabanya kugabanya iyo mitungo. Kuko amategeko y'izungura aratandukana hashingiwe ku rwego rw'isano ry'uzungura na Nyakwigendera. Ntibihagije rero ko twavuga ngo " ni umuvandimwe wa Nyakwigendera, ahubwo tugomba no kumenya neza, ese ni umuvandimwe we bahuje ababyeyi bombi, bahuje Se cyangwa bahuje Nyina gusa.

Kubera ko buri umwe afite itegeko rye ryihariye, kuko muri bo hari uzungura ku bw'itegeko, undi ku bw'isano, hari n'ukumirwa ntagire icyo abona mu izungura, hari n'udakumirwa.

## IMIZIRO YO KUZUNGURA.

Ni ibintu uwo byagaragayeho bimubuza kuba yazungura, bikaba ari bitatu:

**1. Ubucakara:** umucakara aba ari umutungo wa Shebuja we, kuko iyo azunguye abanyamuryango be bahafi icyo gihe biba ibya Shebuja, kandi Shebuja nta sano afitanye n'abanyamuryango b'uwo mucakara we. Hari imvugo y'abamenyi

(Umucakara n'ibyo atunze byose ni ibya Shebuja). Ku bw'iyo mpamvu, nta na kimwe azungura kugira ibyo yazunguye bitimukira kwa Shebuja. Ubucakara uko bwaba bumeze kose mu byiciro byose ni imwe mu mpamvu zituma umucakara atanzungura cyangwa ngo azungurwe kuko nta mutungo aba afite.

**2. Kwica:** iyo umuzungura yishe uzungurwa cyangwa akagira uruhare mu gupfa kwe icyo gihe yimwa kuzungura, kubera imvugo y'Intumwa y'Imana igira iti"Uwishe ntacyo ahabwa mu mutungo w'uwo yishe".

Kubera ko uwishe yihutishije kwica uwo azungura ngo abone uko amuzungura". Kandi itegeko riragira riti (Uzihutisha ikintu mbere y'uko kigera ahanishwa kukimwa). Icyo gihe rero uwishe yimwa kuzungura nk'uko uwishe umuhungu wa Se wabo mu nkuru y'inka muri Surat ul Baqarat yimwe kuzungura "Munibuke ubwo mwicaga umuntu mukitana bamwana, kandi Allah ni ushyira ahagaragara ibyo mwahishaga". **Qur'ani: 2:72**

Ku bw'ibyo, iyo yamwishe kugira ngo yihutishe ku-muzungura, bituma aziririzwa kumuzungura, ndetse anakorerwaho Qisas (Kwihorera).

Impamvu yabyo n'uko iyo umwicanyi atabuzwa kuzungura, abantu baba barihutiye kwica abazungura babo, maze bakajya bicwa kugirango habeho ukuzungura kwa vuba no kugirango bagere ku butunzi, bityo hakabaho akajagari, n'umutekano ugahungabana.

Mu rundi ruhande nuko ubwicanyi ubwabwo ari icyaha gikomeye gifite itegeko ryacyo rikigenga muri Qur'ani, ntabwo bikwiye rero byaba mu nyurabwenge ndetse no mu rwego rw'amategeko ko icyo cyaha cyaba inzira yo gutunga umutungo w'uwo yakoreye icyaha ngo anawinezezemo.

Icyaha cyo kwica kibuza umuntu kuzungura rero ni ukwica kwakozwe bigambiriwe, ku buryo bw'impanuka, cyangwa mu buryo bumeze nkaho bugambiriwe. Itegeko rikurikizwa ku bakurikiye Imam Abu Hanifat nuko buri ukwica butangirwa icyiru (Kafarat), bubuza kuzungura, iyo atari ubwo icyo gihe ntibubuza kuzungura.

- Naho abakurikiye Imam Malik bavuga ko ukwica kugambiriwe: niko kubuza ukuzungura gusa, naho ukwica kutagambiriwe ntabwo kubuza umuzungura kuzungura.

- Naho abakurikiye Imam Ahmad mwene Hanbal bo bavuga ko ukwica kose kugomba gukorerwa Qisas (guhora) cyangwa icyiru cyangwa inyishyu awishe abuzwa kuzungura, naho ibitari ibyo ntabuzwa kuzungura.

- Naho abakurikiye Imam Shafi bo bavuga ko ukwica n'amoko yako yose, kubuza ukuzungura kabone nubwo byaba mu nzira y'ubuhamya cyangwa byahamijwe n'abahamya, nk'igihe wenda yabonywe n'abahafi mu muryango w'uzungurwa asambana maze agahanwa igihano cyo kumwica atewe amabuye hashingiwe ku buhamya bwatanzwe n'abahamya, ibyo byose bibuza kuzungura. Imvugo wenda yegera kuba ukuri ni iy'abakurikiye Ahmad mwene Hanbal. Allah ni we mumenyi uhebuje.

3. **Ugutandukana kw'imyemerere (idini):** nk'igihe umwe ari umuyIslamu undi ari umuhakanyi, icyo gihe umuyislamu ntazungura umuhakanyi ndetse n'umuhakanyi ntazungura umuyIslamu nkuko bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Iyi ni nayo mvugo y'abakurikiye abamenyi bane twavuze hejuru, nkuko imvugo y'Intumwa y'Imana ibigaragaza.

Hari na bamwe mu bamenyi bemeje ko umuyIslamu yazungura umuhakanyi ariko umuhakanyi ntazungure umuyIslamu.

Impamvu batanga nuko ubuyIslam buri hejuru ariko nta kibujya hejuru. Iyi mvugo ikaba ari iya Muadh mwene Jabal (Allah amwishimire).

**4. Hari n'abandi bamenyi bagaragaje ko Kuva mu buy'islam**u (Ridat) nabyo bibuza umuntu kuzungura. Nabyo bifatwa nko gutandukana mu myemerere (idini). Ariko icyo abamenyi bemeranyijweho nuko Uwavuye mu buyIslamu (Murtad) atazungura UmuyIslam. Ariko uwo mu muryango we wa hafi w'umuy'islamu, abamenyi ntibabivuzeho rumwe: niba yamuzungura cyangwa atamuzungura?

Abenshi mu bamenyi nka (Abakurikiye Imam Malik, n'abakurikiye Imam Shaffy ndetse n'abakurikiye Imam Ahmad bun Hanbal) babona ko Umuy'islamu atazungura uwavuye mu idini y'ubuy'islam (Murtad), nkuko twabigaragaje hejuru nta zungura ribaho hagati y'umuyIslamu n'umuhakanyi, kandi kubera ko yabuvuyemo (ubuy'islamu), icyo gihe aba yabaye umuhakanyi. Naho abakurikiye Imam Abu Hanifat babona ko Umutungo w'uwavuye mu idini y'ubuyislamu uzungurwa n'abazungura be b'abay'islamu.

Iyi ikaba ari nayo mvugo ya (Abubakar, Ally na Ibn Mas'uud), ishobora kuba ari nayo y'ukuri kubera ko nta kigega rusange cy'umutungo w'abay'islamu (BAYT UL MAL) kiri kuri gahunda kiba gihari muri icyo gihe.

## ITANDUKANIRO HAGATI Y'UMUNTU UKUMIRWA N'UZIRIRIZWA MU IZUNGURA.

Hari itandukaniro ryimbitse hagati y'umuntu uziririzwa n'ukumirwa mu kuzungura. Nk'umuntu wabujijwe kuzungura n'impamvu iyo ari yo yose nko kwica, gutandukana mu myemerere, uyu mu mategeko tumwita Uwaziririjwe cyangwa Uwimwe.

Icyo gihe kuba ahari no kuba adahari kwe biba bingana, nta ngaruka n'imwe atera mu bazungura.

Naho igihe uzungura atazungura kubera undi muzungura uri bugufi cyane na Nyakwigendera ndetse umurusha ingufu, nko kuba Sekuru atazungura igihe Se wa Nyakwigendera, cyangwa umuvandimwe kuri Se wa Nyakwigendera ngo azungure hari umuvandimwe bahuje ababyeyi bombi, icyo gihe Sekuru ntazungura kubera ko hari uri

bugufi na Nyakwigendera ari we Se, nkuko n'umuvandimwe kwa Se wa Nyakwigendera atazungura igihe hari umuvandimwe we ku babyeyi bombi kuko ari we uri bugufi ye (Nyakwigendera) ndetse unamurusha ingufu.

Muri ubu buryo, ntitwavuga ko Sekuru yaziririjwe kuzungura cyangwa umuvandimwe kwa Se yaziririjwe ahubwo tuvuga ko buri umwe muri bo yakumiriwe kuzungura, kandi ntituvuga ko kuba ahari no kuba adahari bingana, ndetse anagira ingaruka ku bandi bazungura (mu migabane bari kuzungura).

Kugirango birusheho gusobanuka, reka dutange zimwe mu ngero:

a. Umugabo apfuye agasiga umugore, umuvandimwe we bahuje ababyeyi bombi n’umwana wishe Se, icyo gihe umugore ahabwa kimwe cya kane (1/4) kuko umwana yafashwe nk'udahari kubera ko ari we wishe, naho bitatu bya kane (3/4) bisigaye bihabwa umuvandimwe wa Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi, naho umwana wishe ntazungura kuko afite umuziro wo kutazungura (Kuko yishe Se).

Ariko iyo umwana ataza kuba ari umwicanyi, umugore yari guhabwa kimwe cya munani (1/8), naho umuvandimwe wa Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi ntagire icyo ahabwa akabuzwa kuzungura n'umwana wa Nyakwigendera.

Ibisigaye bingana na birindwi by'umunani (7/8) bigahabwa umwana wa Nyakwigendera.

b. Umuntu aramutse apfuye agasiga Se, Nyina ndetse n'abavandimwe be bahuje ababyeyi bombi, icyo gihe abavandimwe be ntabwo bazungura kuko bakumiriwe na Se wa Nyakwigendera. Ariko hamwe n'ibyo, bakaba batera ingaruka abandi bazungura batari bo, nkuko bagize ingaruka ku mugabane Nyina wa Nyakwigendera yari kubona ari wo kimwe cya gatatu (1/3), bagatuma ahabwa kimwe cya gatandatu (1/6), iyo bataza kuba bahari yari kubona kimwe cya gatatu (1/3) cyuzuye.

## ABAZUNGURA B'IGITSINA GABO.

Abazungura b'igitsina gabo bemeranyinjweho ko bazungura ni icumi muri rusange, bakaba ari cumi na batanu mu buryo burambuye, aribo:

1. Umwana w'umuhungu
2. Umwuzukuru w'umuhungu uvuka k'umwana w'umuhungu….
3. Se w'uwapfuye
4. Sekuru ubyara Se, gukomeza mu giSekuru cya Se w'uwapfuye.
5. Umuvandimwe bahuje ababyeyi bombi
6. Umuvandimwe kwa Se
7. Umuvandimwe kwa Nyina
8. Umwana w'umuhungu w'umuvandimwe wa Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi.
9. Umwana w'umuhungu w'umuvandimwe wa Nyakwigendera kwa Se.
10. Se wabo wa Nyakwigendera, uhuje na Se ababyeyi bombi
11. Se wabo wa Nyakwigendera, uhuje na Se, se ubabyara.
12. Umwana w'umuhungu wa Se wabo wa Nyakwigendera, uhuje na Se ababyeyi bombi
13. Umwana w'umuhungu wa Se wabo wa Nyakwigendera, uhuje na Se, se ubabyara.

14. Umugabo w'uwapfuye
15. Uwahawe ubwigenge akava mu bucakara.

Abo bavuzwe hejuru nibo bazungura b'igitsina gabo, nta bandi batari abo bavuzwe.

## ABAZUNGURA B'IGITSINA GORE

Abazungura b'igitsina gore mu ncamacye ni barindwi, bakaba icumi mu buryo burambuye, aribo:

1. Umwana w'umukobwa
2. Nyina w'uwapfuye
3. Umwuzukuru w'umukobwa w'umwana w'umuhungu bigakomeza
4. Nyirakuru ubyara Nyina wa Nyakwigendera, bagakomeza
5. Nyirakuru ubyara Se wa Nyakwigendera bagakomeza
6. Mushiki wa Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi
7. Mushiki wa Nyakwigendera bahuje Se gusa
8. Mushiki wa Nyakwigendera bahuje Nyina gusa
9. Umugore w'uwapfuye
10. Uwahawe ubwigenge akava mu bucakara.

# ISOMO RYA GATATU

## IMIGABANE Y'ITEGEKO AGENWE MURI QUR'ANI NTAGATIFU, N'AMABWIRIZA YAYO.

1. Umubare w'imigabane y'itegeko yavuzwe muri Qur'ani ntagatifu.
2. Uburyo tumenya imigabane yagenwe muri Qur'ani ntagatifu.
3. Abakwiriye kuzungura kimwe cya kabiri (1/2)
4. Abakwiriye kuzungura kimwe cya kane (1/4)
5. Abakwiriye kuzungura kimwe cya munani (1/8)
6. Ubwoko bwa kabiri: (bibiri bya gatatu 2/3, kimwe cya gatatu 1/3 na kimwe cya gatandatu 1/6 )
7. Abakwiriye kuzungura bibiri bya gatatu 2/3,
8. Abakwiriye kuzungura kimwe cya gatatu 1/3,
9. Abakwiriye kuzungura kimwe cya gatandatu 1/6,
10. Amahurizo abiri yitiriwe umusangirangendo Omar (Allah amwishimire, n'impamvu yabyo.

## 1. IMIGABANE Y'ITEGEKO MURI QUR'ANI.

Imigabane y'itegeko yavuzwe muri Qur'ani ni imigabane itandatu gusa, ariyo ikurikira:

- **Kimwe cya kabiri (1/2)**
- **Kimwe cya kane (1/4)**
- **Kimwe cy'umunani (1/8)**

Iyi migabane itatu yitwa Ubwoko bwa mbere, kubera ko ibyita rusange byayo byinjiranamo.

- **Bibiri bya gatatu (2/3)**
- **Kimwe cya gatatu (1/3)**
- **Kimwe cya gatandatu (1/6)**

Iyi migabane itatu yitwa Ubwoko bwa kabiri, kubera ko ibyita rusange byayo byinjiranamo.

Kandi dushobora kumenya iyi migabane mu nzira ebyiri:

1. Inzira ya mbere (Tadalii) kuva ku munini ujya ku muto: nko kuba wavuga mu gusobanura iyi migabane uti "Kimwe cya kabiri na kimwe cya kabiri cyacyo aricyo (1/4), na kimwe cya kabiri cyacyo aricyo (1/8). Na bibiri bya gatatu na kimwe cya kabiri cyabyo aricyo (1/3), na kimwe cya kabiri cya kimwe cya gatatu aricyo (1/6).

2. Inzira ya kabiri (Taraqii) Kuva ku muto ujya ku munini: nko kuba wavuga uti "Kimwe cya munani (1/8) kikubye kabiri aricyo (1/4), na kimwe cya kane (1/4) kikubye kabiri aricyo (1/2). Na kimwe cya gatandatu (1/6) kikubye kabiri aricyo (1/3), na kimwe cya gatatu kikubye kabiri aribyo (2/3).

## NI BANDE BAKWIYE KUZUNGURA KIMWE CYA KABIRI (1/2)?

Abazungura umugabane wa kimwe cya kabiri (1/2) ni batanu umwe w'igitsina gabo na bane b'igitsina gore, aribo:

1. Umugabo w'uwapfuye
2. Umwana w'umukobwa
3. Umwuzukuru w'umukobwa w'umwana w'umuhungu
4. Mushiki wa Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi
5. Mushiki wa Nyakwigendera bahuje Se gusa

Buri umwe muri aba bazungura afite amabwiriza ye, ariyo akurikira:

### 1. Umugabo w'uwapfuye: azungura kimwe cya kabiri (1/2) ku mpamvu imwe gusa ariyo:

Kuba nta mwana w'umuzungura (umwana we cyangwa umwuzukuru we w'umwana w'umuhungu) ku gisekuru cy'umuhungu b'umugore we wapfuye, uwo mwana yaba ari uwo babyaranye cyangwa Nyakwigendera yaramubyaranye n'undi mugabo.

Gihamya yabyo ni imvugo ya Allah igira iti "Mwe (abagabo) muhabwa kimwe cya kabiri cy'ibyo abagore banyu basize mu gihe nta mwana bari bafite..." **(Qur'ani: 4-12).**

### 2. Umwana w'umukobwa w'umwana w'umuhungu: azungura kimwe cya kabiri (1/2) ari uko yujuje ibi bikurikira:

- Kuba atari kumwe na musaza we uzungura ibyasigaye, ari we mwana w'umuhungu w'uwapfuye.

- Kuba ari wenyine. Imana iragira iti "... Mu gihe ari abakobwa barenze babiri, bajye bahabwa bibiri bya gatatu by'ibyo uwapfuye yasize. Ariko naba umukobwa umwe, ajye ahabwa kimwe cya kabiri..." **Qur'ani: 4:11**

Igihe ari kumwe na Musaza we ntabwo azungura kimwe cya kabiri (1/2), kubera ko tukimuhaye yahita anganya na musaza we, cyangwa akaba yanamurusha rimwe na rimwe, kandi ibi ntabwo byemewe mu mategeko ya Islamu.

### 3. Umwuzukuru w'umukobwa w'umwana we w'umuhungu: azungura kimwe cya kabiri (1/2) igihe yujuje ibi bitatu bikurikira:

- Kuba atari kumwe na musaza we uzungura ibyasigaye, ariwe mwuzukuru w'umuhungu w'umwana w'umuhungu .
- Kuba ari wenyine.
- Kuba nta mwana w'umukobwa cyangwa w'umuhungu ba Nyakwigendera (umuhungu cyangwa umukobwa). Imana iragira iti " Allah abategeka, mu bijyanye n'izungura ry'abana banyu, ko umuhungu azajya ahabwa umugabane ungana n'uw'abakobwa babiri...." **Qur'ani: 4:11**

Uyu murongo wa Qur'ani ukaba ukusanyije abana n'abuzukuru ba Nyakwigendera nkuko abamenyi babyemeranyijweho.

**4. Mushiki wa Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi: azungura kimwe cya kabiri (1/2) igihe yujuje ibintu bitatu bikurikira:**

- Kuba atari kumwe na musaza we uzungura ibyasigaye (ari we musaza we bahuje ababyeyi bombi)

- Kuba ari wenyine gusa
- Kuba nta mubyeyi Nyakwigendera asize cyangwa umwana, Umubyeyi ugamijwe ni Se na Sekuru ba Nyakwigendera, naho Umwana ugamijwe hano ni umwana wa Nyakwigendera w'umuhungu cyangwa w'umukobwa... (Umuhungu cyangwa umukobwa).

Imana iragira iti "Baragusobanuza (ku bijyanye n'amategeko y'izungura). Vuga uti "Allah arabasobanurira ibyerekeye inshike. Igihe umuntu apfuye adasize umwana (cyangwa umubyeyi), ariko asize mushiki we, ubwo ahabwa kimwe cya kabiri cy'ibyo yasize..." **Qur'ani 4:176**

**5. Mushiki wa Nyakwigendera bahuje Se gusa: azungura kimwe cya kabiri (1/2) igihe yujuje ibi bikurikira:**

- Kuba atari kumwe na musaza we uzungura ibyasigaye (ariwe musaza we bahuje ababyeyi bombi)

- Kuba ari wenyine gusa

- Kuba nta babyeyi ba Nyakwigendera cyangwa abana be bahari

- Kuba nta mushiki we uhari.

Imana iragira iti "... ariko asize mushiki we, ubwo ahabwa kimwe cya kabiri cy'ibyo yasize..." **Qur'ani 4:176**

Mushiki we uvugwa muri uyu murongo wa Qur'ani ashobora kuba Mushiki wa Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi cyangwa bahuje Se gusa. Naho mushiki we bahuje Nyina, ntashobora na rimwe kuzungura kimwe cya kabiri (1/2), ahubwo azungura kimwe cya gatandatu (1/6) yujuje ibisabwa tuzabona imbere.

## NI BANDE BAKWIYE KUZUNGURA KIMWE CYA KANE (1/4)?

Umugabane wa kimwe cya kane ¼ uzungurwa n'abantu babiri bakurikira:

1. Umugabo w'uwapfuye: umugabo azungura kimwe cya kane (1/4) igihe umugore yapfuye asize umwana cyangwa umwuzukuru, ugakomeza, uwo mwana yaba ari uwe cyangwa ari uw'undi mugabo nkuko imvugo ya Alllah ibishimangira igira iti "… Ariko iyo basize umwana, muhabwa kimwe cya kane cy'ibyo basize…" Qur'ani 4:12.

2. Umugore w'uwapfuye: umugore azungura kimwe cya kane (1/4), igihe umugabo we apfuye asize umwana w'umuhungu cyangwa umwuzukuru w'umwana w'umuhungu, ugakomeza. Uwo mwana yaba yaramubyaranye n'uwo mugore cyangwa yaramubyaranye n'undi nkuko imvugo ya Allah ibishimangira igira iti: "Na bo (abagore) bahabwa kimwe cya kane mu byo mwasize iyo mudafite abana…" **Qur'ani 4:12.**

**Icyitonderwa:** umugabane w'umugore umwe cyangwa abagore benshi ni umwe ntujya uhinduka. Kubera imvugo ya Allah igira iti " Na bo (abagore) bahabwa kimwe cya kane mu byo musize…" **Qur'ani 4:12**
*(Iyi mvugo yaje mu bwinshi (abagore).*

Ku rundi ruhande, turamutse duhaye buri wese muri bo kimwe cya kane (1/4), Nyakwigendera akaba yari afite abagore bane, umutungo wose bari kuwuzungura bonyine. Ku bw'iyo mpamvu, umugabane w'umugore umwe cyangwa benshi ni kimwe cya kane (1/4), kandi umugabane w'abagore ntiwiyongera kuwo bagenewe n'igihe baba barenze umwe.

## NI BANDE BAKWIYE KUZUNGURA KIMWE CYA MUNANI (1/8)?

Umugabane wa kimwe cya munani (1/8) uhabwa n'icyiciro kimwe cy'abazungura aricyo umugore cyangwa abagore barenze umwe. Umugore rero yaba umwe cyangwa arenze umwe azungura kimwe cya munani (1/8), igihe Nyakwigendera afite umwana cyangwa umwuzukuru, umwana yaba uwe cyangwa uwo ku wundi mugore nkuko imvugo ya Allah igira iti "… Ariko iyo musize abana, bahabwa kimwe cya munani mu byo mwasize, …" **Qur'ani 4:12**

## NI BANDE BAKWIYE KUZUNGURA BIBIRI BYA GATATU (2/3)?

Umugabane wa bibiri bya gatatu (2/3) uzungurwa n'abantu bane, bose baboneka mu gitsina gore nkuko biri mu buryo bukurikira:

1. Abana b'abakobwa babiri cyangwa barenzeho ba Nyakwigendera
2. Abazukuru b'abakobwa babiri cyangwa barenzeho bavuka ku mwana w'umuhungu, ndetse n'abuzukuruza b'abakobwa, babiri cyangwa barenzeho ugakomeza.
3. Bashiki ba Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi, babiri cyangwa barenzeho
4. Bashiki ba Nyakwigendera bahuje Se gusa, babiri cyangwa barenzeho.

### Kugirango bazungure bibiri bya gatatu (2/3) bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Abakobwa babiri cyangwa barenzeho, umugabane wabo ni bibiri bya gatatu (2/3), igihe batari kumwe na musaza wabo ugaruka kuzungura ibyasigaye (umwana w'umuhungu mu bana ba Nyakwigendera) nkuko imvugo ya Allah igira iti "... Mu gihe ari abakobwa barenze babiri, bajye bahabwa bibiri bya gatatu by'ibyo uwapfuye yasize. Ariko naba umukobwa umwe, ajye ahabwa kimwe cya kabiri..." **Qur'ani 4:11**

Bigashimangirwa na none n'imvugo yakiriwe na Bukhariy na Muslimu ko umugore wa Saad mwene Rabii, yaje ku ntumwa y'Imana ari kumwe n'abakobwa be babiri yabyaranye na Saad maze aravuga ati "yewe ntumwa y'Imana aba ni abakobwa ba Saad mwene Rabii, Se ubabyara yiciwe kurugamba rwa Uhudi ari kumwe nawe ku rugamba, none Se wabo yigaruriye umutungo wabo wose, ntiyagira icyo abasigira , kandi ntibashyingirwa nta mutungo bafite" Intumwa iramusubiza iti "Imana irabikemura", maze hahishurwa imirongo ya Qur'ani ivuga ku izungura. Allah aragira ati: "Allah abategeka mu bijyanye n'izungura ry'abana banyu ko umuhungu azajya ahabwa umugabane ungana n'uw'abakobwa babiri." **Qur'ani 4:11**

Maze Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yohereza Intumwa ivuga ko se wabo w'aba bakobwa ba Saad agomba guha abo bakobwa bibiri bya gatatu (2/3), agaha na Nyina ubabyara kimwe cy'umunani (1/8), hanyuma we agafata ibisigaye.

Iyi Hadith itomoye, igaragaza ko abagamijwe ari abakobwa babiri cyangwa benshi, nta n'impamvu yo gutinda ku mvugo itandukanye n'ibi ivuga ko abakobwa babiri bazungura kimwe cya kabiri (1/2), kuko umurongo wa Qur'ani ntagatifu wavuze abakobwa babiri cyangwa barenzeho bazungura bibiri bya gatatu (2/3). Iyi mvugo rero nta gaciro ifite kuko inyuranye n'ibyemeranyijweho.

2. Abuzukuru b'abakobwa babiri b'umwana w'umuhungu bazungura bibiri bya gatatu (2/3) igihe bujuje ibi bikurikira:

• Kuba hatari umwana w’umuhungu cyangwa w'umukobwa ba Nyakwigendera.
• Kuba hatari abakobwa babiri ba Nyakwigendera.
• Kuba batari kumwe na musaza wabo ugaruka kuzungura ibyasigaye (umwuzukuru w’umuhungu) uri ku rwego rumwe nabo.

Ni nkuko itegeko ry'abuzukuruza b'abakobwa bavuka ku mwana w’umuhungu ugakomeza, ariko babuzwa kuzungura n'abuzukuru b'abakobwa b’umwana w’umuhungu wa Nyakwigendera igihe hari umwana w'umuhungu wa Nyakwigendera. Kuko itegeko ryo kuzungura rigira riti: [Umuntu uzungura Nyakwigendera kubera umuhuza, uwo muhuza amukumira mu izungura].

Gihamya y'uko bazungura nuko abamenyi babyemeranyijweho ko umwuzukuru wa Nyakwigendera ahagarara mu mwanya w'umwana wa Nyakwigendera (Se) igihe adahari. Bityo imvugo ya Allah igira iti "Allah abategeka, mu bijyanye n’izungura ry’abana banyu..." ni rusange ku bana bose harimo n'abuzukuru b'umwana w'umuhungu, ugakomeza.

3. Bashiki babiri cyangwa barenzeho, bahuje ababyeyi bombi na Nyakwigendera, bazungura bibiri bya gatatu (2/3) igihe bujuje ibi bikurikira:

• Igihe hatabonetse umuhungu cyangwa umukobwa (ba Nyakwigendera), cyangwa na Sekuru.
• Igihe hatabonetse musaza wabo bahuje ababyeyi bombi, uzungura ibyasigaye.
• Igihe hatabonetse abakobwa ba Nyakwigendera, cyangwa abuzukuru b’abakobwa b’umwana w'umuhungu (baba umwe cyangwa benshi). Gihamya yabyo ni imvugo ya Allah igira iti "… Mu gihe ari abakobwa barenze babiri, bajye bahabwa bibiri bya gatatu by’ibyo uwapfuye yasize" **Qur'ani 4:11**

4. Bashiki babiri cyangwa barenzeho, bahuje Se na Nyakwigendera, bazungura bibiri bya gatatu (2/3) igihe bujuje ibi bikurikira:

- Igihe hatabonetse umwana wa Nyakwigendera cyangwa umubyara, cyangwakuru (Abo Nyakwigendera)
- Igihe hatabonetse umuvandimwe wa Nyakwigendera bahuje Se ugaruka kuzungura ibyasigaye.
- Igihe hatabonetse abakobwa ba Nyakwigendera cyangwa abuzukuru be b'abakobwa b'umwana w'umuhungu, cyangwa umuvandimwe cyangwa mushiki ba Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi.

Ibi tumaze kuvuga bimeze nk'amabwiriza twavuze hejuru ya bashiki bahuje ababyeyi bombi, wongeyeho kuba nta musaza wabo, mushiki wabo bahuje ababyeyi bombi bahari nkuko twabigaragaje.

Na Gihamya y'izungura ryabo ni uko abamenyi babyemeranyijweho (Ijma'u), kuko umurongo wa Qur'ani twavuze hejuru ku bijyanye n'izungura rya bashiki ba Nyakwigendera ni rusange ku bo bahuje ababyeyi bombi ndetse n'abo bahuje Se gusa. Naho bashiki be bahuje Nyina, bo ntibavugwa muri uwo murongo. Allah niwe mumenyi uhebuje.

## NI BANDE BAKWIYE KUZUNGURA KIMWE CYA GATATU (1/3)?

Abazungura umugabane wa kimwe cya gatatu (1/3) ni babiri gusa, aribo:

a. Nyina w'uwapfuye ariko abanje kuzuza ibisabwa turi bugaragaze
b. Abavandimwe na Bashiki ba Nyakwigendera bahuje Nyina babiri cyangwa barenze.

1. Nyina wa Nyakwigendera azungura kimwe cya gatatu (1/3), igihe yujuje ibi bikurikira:

- Kuba Nyakwigendera nta mwana asize cyangwa umwuzukuru w'umwana we w'umuhungu.

- Kuba Nyakwigendera nta bavandimwe asize cyangwa bashiki be babiri cyangwa barenzeho, baba bahuje ababyeyi bombi cyangwa bahuje Se gusa, cyangwa bahuje Nyina gusa, baba igitsina gabo cyangwa igitsina gore, baba babarwa mu bazungura cyangwa baburizwamo ntibabe mu bazungura. Gihamya yabyo ni imvugo ya Allah igira iti "...

Naho naba nta mwana asize akazungurwa n’ababyeyi be, Nyina ajye ahabwa kimwe cya gatatu..." **Qur'ani 4:11**

Allah yongeraho avuga ati "...Kandi naba afite abavandimwe, Nyina ajye ahabwa kimwe cya gatandatu..." **Qur'ani 4:11**

2. Abavandimwe na Bashiki ba Nyakwigendera bahuje Nyina babiri cyangwa barenze. Aba bazungura kimwe cya gatatu (1/3), igihe bujuje ibi bikurikira:

a. Kuba nta mubyeyi cyangwa umwana Nyakwigendera yasize. Ni nacyo inyito Inshike (KALALAT) ryavuzwe mu murongo mutagatifu wa Qur'ani igamije.
b. Kuba aba bavandimwe ari babiri cyangwa barenzeho, baba abahungu cyangwa abakobwa, cyangwa bavanze.

Imana iragira iti "...Iyo umugabo cyangwa umugore azunguwe nta babyeyi cyangwa abana asize, ariko akaba asize umuvandimwe cyangwa mushiki we, buri wese muri bombi ajye ahabwa kimwe cya gatandatu, Ariko nibaba barenze babiri, bajye bafatanya kimwe cya gatatu..."
**Qur'ani 4:12**

**Icyitonderwa (1)**: Ugamijwe mu mvugo ya Allah igira iti [ariko akaba asize umuvandimwe cyangwa mushiki we] ni ku ruhande rwa Nyina, kuko Allah yavuze itegeko ry'umuvandimwe bahuje ababyeyi bombi, ndetse na mushiki we, mu mpera za Surat Nisa-i, nkuko yavuze itegeko rya mushiki w'uwapfuye bahuje Se ndetse n'umuvandimwe we kwa Se mu ri uwo murongo, bikaba bitugaragariza ko ugamijwe hano mu murongo tumaze kuvuga ari umuvandimwe na mushiki ba Nyakwigendera bahuje Nyina.

**Icyitonderwa (2):** imvugo ya Allah igira iti [Ariko nibaba barenze babiri, bajye bafatanya kimwe cya gatatu], Allah aragaragaza ko abavandimwe na bashiki ba Nyakwigendera bahuje Nyina gusa, bagabana umugabane wa kimwe cya gatatu (1/3), imvugo Kugabana rero isobanuye ko bagabana bakanganya. Ku bw'ibyo kimwe cya gatatu (1/3) bakigabanywa hagati yabo nta busumbane nta n'itonesha hagati y'igitsina gabo n'igitsina gore, ibi ni nabyo bisobanura imvugo y'abamenyi b'iby'izungura ry'abavandimwe na bashiki ba Nyakwigendera bahuje Nyina igira iti [igitsina gabo n'igitsina gore mu igabana no mu byo bahabwa barareshya, mu gihe atari ko bimeze mu izungura ry'abavandimwe na bashiki ba Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi cyangwa abahuje Se gusa, kuko bo igitsina gabo gifata ibyikubye kabiri iby'igitsina gore].

## AMAHURIZO ABIRI YITIRIWE UMUSANGIRANGENDO OMARI (UMARIYATANI).

Ubundi ikizwi mu izungura igihe Nyina wa Nyakwigendera ari kumwe na Se mu izungura, n'uko Nyina azungura kimwe cya gatatu (1/3) cy'umutungo wose Nyakwigendera asize, nkuko twabibonye, ndetse nkuko umurongo wa Qur'ani ubigaragaza "... Naho naba nta mwana asize akazungurwa n'ababyeyi be, Nyina ajye ahabwa kimwe cya gatatu..." (**Qur'ani 4:11)**

Ariko hari amahurizo abiri yitiriwe umusangirangendo Omari (UMARIYATANI), kubera uko uyu musangirangendo yacyemuye aya mahurizo ndetse n'abandi basangirangendo bakemeranywa nawe, banayita kandi (AL GHARAWAYNI). Ayo mahurizo yiswe gutya kuko azwi cyane ntawe uyayobewe, muriyo Nyina wa Nyakwigendera ahabwa kimwe cya gatatu (1/3) cy'ibyasigaye nyuma y'umugabane w'umwe mu bashakanye, ntabwo ari kimwe cya gatatu cy'umutungo wose, nkuko tugiye kubigaragaza mu ishusho ikurikira:

1. Umugore arapfuye asiga: Umugabo, Nyina, Se,.. Icyo gihe umugabo arahabwa umugabane wa kimwe cya kabiri (1/2) cy'itegeko, Nyina ahabwa kimwe cya gatatu (1/3) cy' ibisigaye mu yandi magambo arahabwa kimwe cya gatatu (1/3) cya kimwe cya kabiri (1/2) cyasigaye nyuma yo gukuramo umugabane w'umugabo, hanyuma Se w'uwapfuye arabona ibisigaye.

Twahaye Nyina wa Nyakwigendera kimwe cya gatatu (1/3) cy'ibisigaye kuko tumuhaye kimwe cya gatatu (1/3) cy'umutungo wose icyo gihe yaba abonye ibyikubye kabiri ibya Se wa Nyakwigendera, kuko Nyina ahabwa kimwe cya gatatu (1/3), umutungo usigaye ukaba ari kimwe cya gatandatu (1/6) ariwo uhabwa Se wa Nyakwigendera, maze Nyina (igitsina gore) agahabwa ibyikubye kabiri ibya Se (igitsina gabo)! Kandi bi amategeko ya k'Islamu atabyemera. Ariko Nyina tumuhaye kimwe cya gatatu (1/3) cy'ibyasigaye, icyo gihe Se wa Nyakwigendera yasigarana ibyikubye kabiri ibya Nyina ari nabyo amategeko ya k'Islamu yemera (ko igitsina gabo kizungura ibyikubye kabiri iby'igitsina gore).

2. Umugabo arapfuye asize Umugore, Nyina na Se, icyo gihe umugore tumuha umugabane we wa kimwe cya kane (1/4), Nyina agahabwa kimwe cya gatatu (1/3) cy'ibyasigaye [1/3 cya 3/4], Se agahabwa ibisigaye nkuko biri mu mbonerahamwe ikurikira:

**Iya mbere:**

| | 6 | |
|---|---|---|
| Umugabo afata 1/2 | **3** | Umugabo azungura [3] muri [6] ku bw'umugabane w'itegeko wa 1/2 |
| Nyina: 1/3 byasigaye nyuma y'umugabane w'umugabo | **1** | Nyina azungura [1] muri [6] aribyo bingana na 1/6. |
| Se: azungura ibisigaye byose. | **2** | Se azungura ibyasigaye aribyo [2] muri [6] aribyo bingana na 1/3. |

**Iya kabiri:**

| | 4 | |
|---|---|---|
| Umugore afata ¼ | **1** | Umugore afata ¼ cy'itegeko muri [4] |
| Nyina afata 1/3 cy'ibisigaye nyuma y'umugabane 'umugore | **1** | Nyina afata 1/3 cy'ibyasigaye [1] muri [4] |
| Se afata ibisigaye | **2** | Se afata ibisigaye [2] muri [4] |

Umugabane wa Nyina mu mbonerahamwe ya mbere ni kimwe cya gatandatu (1/6), naho mu mbonerahamwe ya kabiri ni kimwe cya kane (1/4), ariko hakoreshejwe inyito ya (1/3) ku mpamvu yo kugirira ikinyabupfura Qur'ani (dukoresha inyito yakoresheje)-nkuko abamenyi babyemeza-. Naho ihurizo ryitiriwe umusangirangendo Omar ryabayeho ku gihe cy'abasangirangendo (Allah abishimire) ku gihe cya Omar mwene Khatwab, icyo gihe barigiraho ibitekerezo bibiri:

a. Igitekerezo cya Zayd mwene Thabit ari nacyo abamenyi benshi bashyigikiye, ndetse n'umusangirangendo Omar, ari cyo giha Nyina wa Nyakwigendera (kimwe cya gatatu 1/3 cy'ibisigaye).

b. Igitekerezo cya Ibn Abass cyo cyanyuranyije n'iby'abandi benshi bemeje, avugamo ko Nyina wa Nyakwigendera ahabwa kimwe cya gatatu (1/3) cy'umutungo wose. Ibn Abass ndetse yabigishijeho impaka-zubaka- Zayd mwene Thabit aho yagize ati "Icyo kimwe cya gatatu (1/3) cy'ibyasigaye gihabwa Nyina wa Nyakwigendera, kirihe muri Qur'ani ntagatifu?" Zayd aramusubiza ati " No kumuha kimwe cya gatatu (1/3) cy'umutungo wose hamwe n'umugabo cyangwa umugore ntaho biri muri Qur'ani ntagatifu, kuko Allah yavuze ati "... akazungurwa n'ababyeyi be...." Qur'ani 4:11 Mu yandi magambo ababyeyi be bonyine.

Ariko igitekerezo kiri cyo ni iki Abamenyi benshi bemeje ndetse na Omar akagishyikira ari nacyo gitekerezo cya Zayd mwene Thabit.

## NI BANDE BAKWIYE KUZUNGURA KIMWE CYA GATANDATU (1/6)?

Abazungura umugabane wa kimwe cya gatandatu (1/6) ni barindwi bakizungura gusa, aribo:

1.Se w'uwapfuye
2.Sekuru ubyara Se w'umuhungu (Nyakwigendera)
3.Nyina wa Nyakwigendera
4.Umwuzukuru w'umukobwa uvuka ku mwana w'umuhungu
5.Mushiki wa Nyakwigendera bahuje Se gusa
6.Nyirakuru ubyara se w'umuhungu (Nyakwigendera)
7.Umwana wa Nyina wa Nyakwigendera (Umuvandimwe cyangwa Mushiki wa Nyakwigendera bahuje Nyina.

## Aba bazungura kimwe cya gatandatu iyo bujuje ibi bikurikira:

1. Se w'uwapfuye azungura kimwe cya gatandatu (1/6), igihe uwapfuye asize umwana yaba ari umukobwa cyangwa umuhungu.

Allah aragira ati "... Naho ababyeyi be, buri wese ajye ahabwa kimwe cya gatandatu mu byo (uwapfuye) yasize, niba yari afite umwana..." **Qur'ani 4:11**

Urugero rw'umwana ni nk'umwuzukuru, ugakomeza.

2. Sekuru ubyara Se w'umuhungu (Nyakwigendera), azungura kimwe cya gatandatu (1/6) cy'umutungo igihe uwapfuye yasize umwana, cyangwa umwuzukuru, ariko igihe Se wa Nyakwigendera atariho.

Icyo gihe ahagarara mu mwanya wa Se igihe adahari uretse ahantu hatatu:

a. Abavandimwe bahuje na Nyakwigendera ababyeyi bombi, cyangwa gusa, abo ntibazungura hamwe na Se wa Nyakwigendera nkuko abamenyi babyemeranijweho, ahubwo bazungura hamwe na Sekuru wabo nkuko abamenyi batatu (Shafi, Ahmad na Malik) babyemeje. Naho Imam Abu Hanifa we abona ko batazungurana nawe nka Se, kubera ko urwego rw'ububyeyi (bw'umugabo) ni bwo bubanza mbere y'urwego rw'ubuvandimwe (Tuzabisobanura ku bijyanye n'izungura ry'abavandimwe bari kumwe na Sekuru ba Nyakwigendera).

b. Mu ihurizo rya mbere rya UMARIYATAYNI aririyo rigira riti Umugore yapfuye asiga Umugabo, Nyina na Se, Nyina ahabwa kimwe cya gatatu 1/3 cy'ibyasigaye nkuko twabibonye, iyo mu mwanya wa Se wa Nyakwigendera haba hari Sekuru, icyo gihe Nyina yari kubona kimwe cya gatatu (1/3) cy'umutungo wose nkuko byemeranyijweho.

c. Mu ihurizo rya kabiri rya UMARIYATAYNI aririyo rigira riti Umugabo yapfuye asiga Umugore, Nyina na Se, Nyina ahabwa kimwe cya gatatu (1/3) cy'ibyasigaye nkuko twabibonye, iyo mu mwanya wa Se wa Nyakwigendera haba hari Sekuru, icyo gihe Nyina yari kubona kimwe cya gatatu (1/3) cy'umutungo wose nkuko byemeranyijweho.

3. Nyina wa Nyakwigendera afata kimwe cya gatandatu (1/6) igihe yujuje ibi bikurikira:

a. Kuba Uwapfuye asize umwana w'umuhungu cyangwa umwuzukuru nkuko umurongo wa Qur'ani wabigaragaje.

b. Kuba Uwapfuye yasize abavandimwe babiri cyangwa barenzeho, baba igitsina gabo cyangwa igitsina gore cyangwa bavanze nkuko umurongo wa Qur'ani ubishimangira "...Kandi naba afite abavandimwe, Nyina ajye ahabwa kimwe cya gatandatu..."**Qur'ani 4:11**

4. Umwuzukuru w'umukobwa uvuka ku mwana w'umuhungu (umwe cyangwa barenze umwe), ahabwa kimwe cya gatandatu (1/6) igihe uwapfuye afite umukobwa umwe gusa, icyo gihe umukobwa ahabwa kimwe cya kabiri (1/2), naho umwuzukuru w'umukobwa umwe cyangwa barenzeho bagahabwa kimwe cya gatandatu (1/6) cyuzuza bibiri bya gatatu (2/3), kuko umugabane w'abakobwa ni bibiri bya gatatu (2/3), iyo umukobwa afashe kimwe cya kabiri (1/2) hasigara kimwe cya gatandatu (1/6) gihabwa umwuzukuru w'umukobwa.

Gihamya yabyo ni imvugo y'intumwa y'Imana yakiriwe na Bukhariy na Muslimu ivuga ko (Abu Mussa Al Ash'ariy) yabajijwe ku izungura ry'umukobwa, umwuzukuru w'umukobwa na mushiki ba Nyakwigendera. Maze aravuga ati "Umukobwa ahabwe kimwe cya kabiri (1/2), na Mushiki wa Nyakwigendera kimwe cya kabiri (1/2); Bajya kwa (Ibn Masu'ud) baramubaza arababwira ati "Ndabacyemurira ikibazo nk'uko intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'umugisha) yagicyemuye {Umukobwa ahabwe kimwe cya kabiri (1/2), umwuzukuru w'umukobwa kimwe cya gatandatu (1/6) cyuzuza bibiri bya gatatu (2/3), hanyuma ibisigaye bihabwe mushiki wa Nyakwigendera. Nuko basubira kwa Abu Musa Al Ash'ariy bamubwira uko byagenze arababwira ati "Ntimukambaze igihe iyo Wino[2] (Ibn Masuud) akiri kumwe namwe"

**Icyitonderwa:** Kugirango umwuzukuru w'umukobwa uvuka ku mwana w'umuhungu azungure kimwe cya gatandatu (1/6), hagomba kuba hatari umwana w'umuhungu wa Nyakwigendera kubera ko naba ahari azamukumira, nkuko na none abakobwa batagomba kwiharira bibiri bya gatatu (2/3) ntihagire igisigara, kuko iyo abakobwa bihariye

---

[2] Yitiriwe Wino y'ikaramu kuko yari umuhanga ukomeye

bibiri bya gatatu ntihagire igisigara, icyo gihe abuzukuru ntacyo babona ahubwo barakumirwa nkuko tuzabigaragaza. Unamenye kandi ko buri mwuzukuru ugakomeza cyangwa barenzeho bahabwa kimwe cya gatandatu (1/6) iyo ari kumwe n'umukobwa cyangwa ari kumwe n'umwuzukuru umurusha kuba bugufi na Nyakwigendera.

5. Mushiki wa Nyakwigendera bahuje Se gusa yaba ari umwe cyangwa ari benshi afata kimwe cya gatandatu (1/6), igihe uwapfuye afite mushiki we umwe bahuje ababyeyi bombi, icyo gihe mushiki we afatwa nk'umwuzukuru w'umukobwa uvuka ku mwana w'umuhungu igihe ari kumwe n'umukobwa wa Nyakwigendera.

Iyo Uwapfuye asize mushiki we bahuje ababyeyi bombi, cyangwa uwo bahuje Se gusa yaba ari umwe cyangwa barenzeho, icyo gihe mushiki wa Nyakwigendera bahuje Se yaba ari umwe cyangwa ari benshi bahabwa kimwe cya gatandatu (1/6) cyuzuriza bibiri bya gatatu (2/3), kuko ari uburenganzira bwa bashiki, ubwo mushiki wa Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi kimwe cya kabiri (1/2) kubera isano rya bugufi afitanye na Nyakwigendera nta kindi cyasigaye uretse kimwe cya gatandatu (1/6) gihabwa mushiki we kwa Se umwe cyangwa barenze umwe.

6. Umuvandimwe cyangwa mushiki uhuje Nyina na Nyakwigendera, umwe muri bo ahabwa kimwe cya gatandatu (1/6) iyo ari umwe kubera imvugo ya Allah "...Iyo umugabo cyangwa umugore azunguwe nta babyeyi cyangwa abana asize, ariko akaba asize umuvandimwe cyangwa mushiki we, buri wese muri bombi ajye ahabwa kimwe cya gatandatu..." Qur'ani 4:12 Kugira ngo bazungure kimwe cya gatandatu (1/6) nuko nta mubyeyi cyangwa umwana wa Nyakwigendera baba bahari (Umubyeyi w'umugabo, n'umwana w'umuhungu cyangwa umukobwa).

7. Nyirakuru ubyara Se wa Nyakwigendera, ahabwa kimwe cya gatandatu (1/6) igihe nta Nyina wa Nyakwigendera uhari yaba ari umwe cyangwa ari benshi kwa Nyirakuru ubyara, cyangwa Nyina wa Se, ni nkuko kimwe cya gatandatu (1/6) bakigabana hagati yabo bakanganya.

Kandi byashimangiwe guha Nyirakuru kimwe cya gatandatu (1/6) muri Hadith no mu byo abamenyi bemeranyijweho ibyo bikaba bihagije kuba gihamya...

Byakiriwe mu bitabo bya Hadithi ko Nyirakuru w'umwe wari wapfuye yaje kwa Abubakar (Allah amwishimire) amubaza umugabane we azungura. Abubakar aramusubiza ati " Ndabona nta gisubizo ngufitiye mu gitabo cya Allah. Ba usubiyeyo mbaze abandi, Abubakar arabaza, (Al Mughirat mwene Shu'ubat) aramusubiza ati "Nari mpibereye intumwa y'Imana yahaye nkawe (Nyirakuru) kimwe cya gatandatu (1/6)", Abubakar abigenza atyo. Allah niwe mumenyi uhebuje.

# ISOMO RYA KANE

## ABAZUNGURA IBYASIGAYE N'AMOKO YABO

1. Igisobanuro cy'abazungura ibyasigaye
2. Gihamya ku bijyanye no kuzungura ibyasigaye
3. Amoko y'abazungura ibyasigaye kubera isano
4. Impande z'abazungura ibyasigaye ku giti cyabo
5. Uburyo bwo kurutisha (kumenya uzungura n'utazungura) igihe abazungura ibyasigaye babaye benshi
6. Kubera iki umwana w'umuhungu wa nyakwigendera aza imbere ya se wa nyakwigendera mu izungura ry'ibyasigaye
7. Itegeko ry'abazungura ibyasigaye kubera bagenzi babo, n'ibyo bagomba kuba bujuje
8. Abazungura ibyasigaye hamwe na bagenzi babo na gihamya ku izungura ryabo.
9. Itandukaniro riri hagati y'abazungura ibyasigaye kubera bagenzi babo n'abazungurana (hamwe) na bagenzi babo
10. Ese umuntu umwe ashobora kuzungura mu mpande ebyiri? N'ingero zabyo.

## IGISOBANURO CY'ABAZUNGURA IBYASIGAYE (ASWABAT).

Mu ririmi rw'icyarabu ijambo (Aswabat) bisobanura abafitanye isano n'umuntu mu ruhande rwa Se. Biswe (Aswabat) kubera ko ari bo bari hafi y'umuntu bashobora igihe cyose kumurinda no kumutabara icyamubaho cyose. Naho igisobanuro cy'iri jambo duhabwa n'abahanga b'ubu bumenyi ABAZUNGURA IBYASIGAYE (ASWABAT) "ni buri muzungura udafite umugabane wagenwe uzwi muri Qur'ani na Sunat (Hadith)". Urugero: (umwana w'umuhungu wa Nyakwigendera, umwuzukuru w'umuhungu uvuka ku mwana w'umuhungu, umuvandimwe wa Nyakwigendera bahuje Se na Nyina, umuvandimwe wa Nyakwigendera bahuje Se gusa, Se wabo wa Nyakwigendera uhuje na Se ababyeyi bombi) n'abandi bafitanye isano nabo tumaze kuvuga. Iryo sano riba ari isano rikomeye kubera ko bose bagera ku wuzungurwa baciye kuri Se badaciye kuri Nyina kuko guca kuri Nyina bituma isano ryoroha nk'umuvandimwe bavukana kuri Nyina gusa, uwo aba ageze ku muzungurwa aciye ku gitsina gore mu gihe akenshi abagera k'uwuzungurwa baba bafite undi muryango babarizwamo.

Abamenyi mu bijyanye n'izungura batanze igisobanuro cy'aba bazungura ibyasigaye mu nshamake bagira bati "ni buri muzungura ushobora kuzungura umutungo wose igihe yisanze ari wenyine, cyangwa agafata ibyasigaye byose nyuma yo gukuramo ibyagenewe abafata imigabane isanzwe izwi y'itegeko." Iki akaba aricyo gisobanuro cyamenyekanye cyane mu bamenyi b'ibijyanye n'izungura.

## GIHAMYA KU BIJYANYE N'IZUNGURA RY'ABAZUNGURA IBYASIGAYE.

Gihamya kubijyanye no kuzungura ibyasigaye tuyisanga muri Qur'ani ndetse na Sunat (Hadith) naho muri Qur'ani Allah yaravuze ati "… Naho ababyeyi be, buri wese ajye ahabwa kimwe cya gatandatu mu byo (uwapfuye) yasize, niba yari afite umwana. Naho naba nta mwana asize akazungurwa n'ababyeyi be, Nyina ajye ahabwa kimwe cya gatatu…" **Qur'ani 4:11**

Uyu murongo mutagatifu wa Qur'ani uragaragaza umugabane wa buri mubyeyi igihe hari abana b'uwapfuye ariwo (kimwe cya gatandatu: 1/6), ariko igihe uwapfuye nta mwana afite umutungo we usigara ari uw'ababyeyi bombi. Uyu murongo kandi wavuze umugabane w'umubyeyi w'umugore (Nyina wa Nyakwigendera) ariwo (kimwe cya gatatu: 1/3) ariko ntiwavuze uw'umubyeyi w'umugabo (Se wa Nyakwigendera) bihita byumvikana rero ko ibyasigaye (bibiri byagatatu:

1/3) ariwo mugabane w'umubyeyi w'umugabo, bityo akaba abaye umuzungura w'ibyasigaye.

Allah aragira ati "...Igihe umuntu apfuye adasize umwana (cyangwa umubyeyi), ariko asize mushiki we, ubwo ahabwa kimwe cya kabiri cy'ibyo yasize. Na musaza we aramuzungura igihe adasize umwana..." **Qur'ani" 4:176**

Uyu murongo mutagatifu ugaragaza ko umuvandimwe w'uwapfuye bahuje ababyeyi bombi nta kigero cy'umugabane we cyagenwe mwizungura ahubwo afata umutungo wose igihe mushiki we apfuye nta mwana asize kuko imvugo ya Allah igira iti [...Na musaza we aramuzungura...] igaragaza ko umutungo wose ari we uwuzungura. Iki nicyo gisobanuro cy'uzungura ibyasigaye.

Naho Gihamya muri Hadithi ni imvugo y'intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti "nimuhe imigabane yagenwe ba nyirayo, hanyuma ibisigara byose ni iby'uwa hafi ya Nyakwigendera w'igitsina gabo". Yakiriwe na Bukhariy.

Ibisobanuro by'iyi mvugo y'intumwa y'Imana "nimuhe buri ufite umugabane wagenwe umugabane we hanyuma ibisigara byose nyuma yo gutanga iyo migabane yose kuri ba nyirayo muzabihe uwa hafi w'igitsina gabo mu bazungura ibyasigaye. Mu by'ukuri iyi mvugo y'intumwa y'Imana yakoreshe inyito (igitsina gabo), kandi bizwi neza ko umugabo n'ubusanzwe aba ari igitsina gabo, kugirango hirindwe gucyeka ko umugabo ugamijwe ari Ukuze, Ufite ubushobozi, kuko niyo yaba ari urihinja rw'igitsina gabo rwonka rufite uburenganzira bwo kuzungura ibyasigaye byose igihe rwisanze ari rwonyine, akaba ariryo banga riri mu gukoresha inyito (igitsina gabo).

## IBICE BY'ABAZUNGURA IBYASIGAYE.

Abazungura ibyasigaye bagabanyijemo ibice bibiri: Abazungura ibyasigaye ku bw'isano n'abazungura ibyasigaye ku bw'impamvu. Abazungura ku bw'isano ni abafata ibyasigaye kubera ko bafitanye isano n'uwuzungurwa. Naho abazungura ku bw'impamvu ni abazungura ibyasigaye kubera impamvu yo (kuvana umuntu mu bucakara). Kuko uwakuye umuntu mu bucakara azungura uwo yabuvanyemo (umugaragu we) igihe uwo mugaragu nta muzungura w'isano asize. Icyo gihe uwamuvanye mu bucakara aramuzungura nk'inyiturano y'ineza aba yaramugiriye igihe yamuvanaga mu bucakara.

## AMOKO Y'ABAZUNGURA IBYASIGAYE B'ISANO.

Abazungura ibyasigaye b'isano nibo shingiro mu kuzungura bakaba barimo ibice bitatu:

1. Abazungura ibyasigaye ku giti cyabo
2. Abazungura ibyasigaye kubera bagenzi babo
3. Abazungura ibyasigaye hamwe na bagenzi babo

Ariko iyo inyito (abazungura ibyasigaye) ikoreshejwe yonyine nta kindi biri ku mwe, icyo gihe nta kindi kiba kigambiriwe uretse igice cya mbere (abazungura ibyasigaye ku giti cyabo), ariko iyo hagambiriwe icya kabiri cyangwa n'icya gatatu, icyo gihe iyo nyito ikoreshwa hari indi nyito biri kumwe. Icyo gihe turavuga tuti 'abazungura ibyasigaye kubera bagenzi babo', cyangwa 'abazungura ibyasigaye hamwe na bagenzi babo', tukaba turi bugaragaze itegeko rya buri bwoko ku burebure Allah nabidushoboza.

1. Abazungura ibyasigaye ku giti cyabo: ni umuntu w'igitsina gabo ufite isano rigera ku wapfuye hatinjiyemo igitsina gore. Umuzungura nkuwo akaba afite impande enye zikurikirana ku buryo bukurikira:

a. Uruhande rw'abana b'abahungu ba Nyakwigendera: hazamo abahungu b'uwapfuye, abuzukuru b'abahungu b'uwapfuye gukomeza kumanuka...

b. Uruhande rw'umubyeyi w'umugabo: ruhurije hamwe umubyeyi w'umugabo Se w'uwapfuye, Sekuru ubyara Se, no gukomeza kuzamuka.

c. Uruhande rw'abavandimwe b'igitsina gabo: ruhurije hamwe umuvandimwe w'igitsina gabo bahuje ababyeyi bombi, umuvandimwe w'igitsina gabo bahuje Se gusa, umuhungu w'umuvandimwe w'igitsina gabo bahuje ababyeyi bombi, hanyuma umuhungu w'umuvandimwe w'igitsina gabo bahuje Se gusa no gukomeza kumanuka...

Uruhande rw'abavandimwe rugarukira ku bavandimwe bahuje ababyeyi bombi, n'abavandimwe bahuje Se gusa, n'abana babo b'abahungu.

Naho abavandimwe ba Nyakwigendera bahuje Nyina bo bafite imigabane yabo izwi ntibashobora rero kuba mu bazungura (ibyasigaye) kuko bagera ku wapfuye banyuze kuri Nyina.

e. Uruhande rwa ba Se wabo: ruhurije hamwe Se wabo wa Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi, Se wabo wa Nyakwigendera bahuje Se gusa, umuhungu wa Se wabo wa Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi n'umuhungu wa Se wabo wa Nyakwigendera bahuje Se gusa, no kumanuka...

Izi mpande zose zikurikirana muri ubu buryo tumaze kuvuga: uruhande rw'abana b'abahungu ruza mbere y'uruhande rw'ababyeyi b'abagabo, uruhande rw'ababyeyi b'abagabo narwo rukaza mbere y'uruhande rw'abavandimwe bahuje ababyeyi bombi, gutyo gutyo....

## ITEGEKO RIREBA ABAZUNGURA IBYASIGAYE KU GITI CYABO.

Twamaze kumenya mu byahise ko abazungura ibyasigaye ku giti cyabo bari mu mpande enye, kandi izungura ryabo ku byasigaye rigomba gushingira kuri izo mpande uko zikurikirana, bityo iyo habonetse umwe muri bo (abazungura ibyasigaye) afata umutungo wose cyangwa agafata uwasigaye wose nyuma yo gukuramo imigabane y'itegeko yagenwe igihe ba nyirayo bahari, kandi iyo abanyamigabane y'itegeko bagabanye umutungo wose ntihagire igisigara, icyo gihe abazungura ibyasigaye ntacyo babona. Nko kuba umugore yapfa agasiga (umugabo, mushiki we bahuje ababyeyi bombi, na musaza we bahuje Se gusa, icyo gihe umugabo afata kimwe cya kabiri (1/2), mushiki we bavukana ku babyeyi bombi agafata kimwe cya kabiri (1/2), hanyuma musaza we bahuje Se gusa ntagire icyo abona kuko ibyasigaye byose biba byarangiriye mu banyamigabane y'itegeko, naho iyo abazungura ibyasigaye ku giti cyabo babaye benshi bakarenga umwe, icyo gihe batoranywa mu buryo bukurikira:

## 1. KURUTISHA (KUMENYA UZUNGURA N'UTAZUNGURA)

Iyo abazungura ibyasigaye ku giti cyabo babaye benshi kubatoranya hashingiwe ku mpande z'abazungura, icyo gihe uruhande rw'abana b'abahungu ruza imbere y'izindi mpande zose. Bityo, abana b'uwapfuye bazungura umutungo wose cyangwa uwasigaye nyuma yo gutanga imigabane isanzwe y'itegeko yagenwe. Igihe hatabonetse abana b'abahungu ba Nyakwigendera, ubwo abuzukuru b'abahungu bavuka ku bana b'abahungu gukomeza kumanuka nibo bazungura, kuko baba bari mu mwanya wabo (abahungu ba Nyakwigendera).

Iyo haramutse hapfuye umuntu agasiga (umwana w'umuhungu, Se, n'umuvandimwe we bahuje ababyeyi bombi), icyo gihe uzungura ibyasigaye yaba ari uwo mwana w'umuhungu gusa kubera ko uruhande rw'abana b'abahungu rubanzirirrizа izindi mpande zose, kandi Se wa Nyakwigendera we afite umugabane usanzwe uzwi hanyuma umuvandimwe ntagire icyo abona kuko uruhande arimo ari urwa kure gutyo gutyo..... ibi rero bikitwa gutoranya hashingiwe ku mpande z'abazungura, ariko muri iri tondekanya rishingiye kuruhande (abavandimwe bahuje na Nyakwigendera ababyeyi bombi, cyangwa abahuje Se gusa) kuko uruhande rwabo ruza nyuma y'uruhande rw'umubyeyi w'umugabo ariko nabo bakazungurana nabo ku gitekerezo cyarutishijwe ari cyo gitekerezo cya (Zaid mwene Thabit) nkuko tuzabigaragaza ku bushake bwa Allah mu bushakashatsi ku izungura rya Sekuru ari kumwe n'abavandimwe ba Nyakwigendera ari nacyo abanyamategeko ya k'Islamu bagenderaho ubu ngubu.

## 2. GUTORANYA HASHINGIWE KU RWEGO.

Iyo abazungura ibyasigaye ku giti cyabo babaye benshi bakaba banahurira mu ruhande rumwe rw'abazungura, icyo gihe kubarutanisha hagati yabo bishingira ku rwego, bityo uri mu rwego rwa hafi y'uwapfuye agashyirwa imbere y'abari mu nzego za kure.

**Urugero:** umuntu apfuye agasiga umwana w'umuhungu, umwuzukuru w'umuhungu uvuka k'umwana w'umuhungu, icyo gihe byose bisigara ari iby'uwo mwana w'umuhungu ntihagire na kimwe umwuzukuru abona kubera ko urwego rw'umwana arirwo ruri hafi ya Nyakwigendera bigatuma aba umuzungura w'ibyasigaye byose.

Nina gutyo bigenda igihe hagaragaye umuvandimwe w'igitsina gabo bahuje Se gusa, umwana w'umuhungu uvuka ku muvandimwe w'igitsina gabo bahuje ababyeyi bombi, n'ubwo uruhande ari rumwe bose bahurira ku buvandimwe ariko inzego ziratandukanye, umuvandimwe kuri Se gusa ari hafi kurusha umwana w'umuvandimwe ku babyeyi bombi, icyo gihe umutungo wose uba uw'uwo muvandimwe ibyo bikitwa kurutisha hashingiwe ku rwego.

## 3. KURUTISHA HASHINGIWE KU MBARAGA Z'ISANO.

Iyo abazungura ibyasigaye bahuriye ku ruhande no mu rwego, icyo gihe kurutisha hagati yabo bishingira ku mbaraga z'isano, uwo isano ye ku wapfuye irushije iz'abandi aba ariwe uzungura ibyasigaye. Nko kuba haba hari umuvandimwe w'igitsina gabo ahuje ababyeyi bombi na

Nyakwigendera, n'umuvandimwe bahuje Se gusa, icyo gihe umutungo wose wasigaye uhabwa uwo muvandimwe bahuje Se na Nyina, naho uwo bahuje Se gusa ntagire icyo abona. Ibi nibyo twita

## KURUTISHA HASHINGIWE KU MBARAGA Z'ISANO.

Ikindi dukwiye gushishoza muri uru rugero, nuko Kurutisha hashingiwe ku mbaraga z'isano, mu mpande ebyiri arizo uruhande rw'ababyeyi b'abagabo ndetse n'uruhande rw'abana b'abahungu ahubwo biba ku mpande ebyiri arizo uruhande rw'abavandimwe ndetse n'uruhande rwa ba Se wabo.

## KUBERA IKI UMWANA W'UMUHUNGU ASHYIRWA IMBERE Y'UMUBYEYI W'UMUGABO.

Iyo havuzwe ko umwana w'umuhungu n'umubyeyi w'umugabo urwego rwabo ari rumwe mu kugirana isano rya hafi n'umuntu kuko umwana ari ishami rye, ariko na Se ni inkomoko ye kandi bose bakagera ku wapfuye mu rwego rumwe. Ku bw'ibyo rero umwana w'umuhungu ntakwiye kuza imbere y'umubyeyi w'umugabo mu kuzungura ibyasigaye by'akarusho noneho umwuzukuru w'umuhungu ntakwiye kuza imbere y'umubyeyi w'umugabo, ibyo bigenda gute?

Igisubizo nuko uruhande rw'umwana w'umuhungu ruza imbere y'uruhande rw'umubyeyi w'umugabo nkuko twabivuze, ndetse n'umumenyi AZAYLA-I (Allah amugirire impuhwe) yasobanuye impamvu, agaragaza gihamya mu byanditswe ndetse no mu nyurabwenge ko umwana w' umuhungu ariwe ukwiye kuzungura ibyasigaye mbere ya Se wa Nyakwigendera, amagambo ye rero akaba yarimo ubusesenguzi ndetse n'ubushishozi.

## GIHAMYA MU BYANDITSWE.

Gihamya mu byanditswe rero ni imvugo ya Allah igira iti “Naho ababyeyi be, buri wese ajye ahabwa kimwe cya gatandatu mu byo (uwapfuye) yasize, niba yari afite umwana. Naho naba nta mwana asize akazungurwa n'ababyeyi be, Nyina ajye ahabwa kimwe cya gatatu..." **Qur'ani 4:12**

Iyi mvugo iha umugabane uzwi umubyeyi w'umugabo igihe ari kumwe n'umwana w'uwapfuye. Nta n'ubwo yigeze ishyiriraho umwana w'umuhungu umugabane uzwi bituma agenerwa ibyasigaye, ibyo bikaba gihamya cyuko umwana w'umuhungu azanwa imbere y'umubyeyi w'umugabo mu kuzungura ibyasigaye ndetse n'umwuzukuru

w’umuhungu uvuka k’umwana w’umuhungu ajya mu mwanya w’umwana w’umuhungu igihe adahari akazanwa imbere y’umubyeyi w’umugabo.

## GIHAMYA Y’INYURABWENGE

Naho gihamya y’inyurabwenge nuko ubusanzwe umwana w’umuntu agira ingaruka k’umubyeyi we agahitamo ko imitungo ye yaba iy'umwana we kurusha uko yaba iy’umubyeyi we ndetse n'imitungo yose ahunika ayihunika kubera umwana we, ndetse ibyo Intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yarabigaragaje igira iti: “umwana azana ubugugu ndetse nubugwari” iyi mvugo isobanura ko umwana aba impamvu yuko se agira ubugugu ndetse akaba n'ikigwari, agira ubugugu kubera we (yanga gusesagura imitungo ngo umwana atabura ikimutunga) akifuza kubaho igihe kirekire akagira ubugwari bwo guhangana n'abanzi kubera umwana we (atinya ko ashobora gupfa umwana akabura umwitaho akaba imfubyi). Ibyo bigatuma umwana aba hafi y’umutima w’umuntu kurusha umubyeyi we Allah niwe mumenyi w'ikirenga.

## UMURONGO MUGARI.

Umuzungura w’ibyasigaye agomba kuba ari igitsina gabo, umuzungura w’igitsina gore ku giti cye ntashobora kuzungura ibyasigaye mu buryo ubwo aribwo bwose keretse abaye hari uwo yavanye mu bucakara ukaba yamuzungura kubwicyo gusa.

## UMUZUNGURA W’IBYASIGAYE KUBERA MUGENZI WE.

Abazungura ibyasigaye ni ab'ingeri enye kandi bose ni ab’igitsina gore akaba ari abakurikira:

a. Umwana w’umukobwa w’amaraso: ahinduka umuzungura w’ibyasigaye igihe ari kumwe na musaza we
b. Umwuzukuru w’igitsina gore uvuka ku mwana w’umuhungu: ahinduka umuzungura w’ibyasigaye igihe ari kumwe na musaza we cyangwa mwene se wabo w’igitsina gabo (umwuzukuru w’igitsina gabo w’umwana w’umuhungu)
c. Umuvandimwe w’igitsina gore bahuje ababyeyi bombi: ahinduka umuzungura w’ibyasigaye igihe ari kumwe na musaza we bahuje Se na Nyina

d. Umuvandimwe w'igitsina gore bahuje Se gusa: ahinduka umuzungura w'ibyasigaye igihe ari kumwe na musaza we (umuvandimwe w'igitsina gabo bahuje Se gusa)

Mu ncamake abazungura ibyasigaye kubera bagenzi babo ni abana b'abakobwa bari kumwe n'abana b'abahungu (basaza babo), abuzukuru b'abakobwa bavuka ku bana b'abahungu bari kumwe n'abuzukuru b'abahungu, abavandimwe b'igitsina gore bahuje n'uwapfuye ababyeyi bombi bari kumwe na basaza babo bahuje ababyeyi bombi, abavandimwe b'igitsina gore bahuje n'uwapfuye Se gusa bari kumwe na basaza babo bahuje n'uwapfuye Se gusa.

## IBYO ABAZUNGURA IBYASIGAYE KUBERA BAGENZI BABO BAGOMBA KUBA BUJUJE.

Mu ncamake abazungura ibyasigaye kubera bagenzi babo ntibashobora kubizungura keretse bujuje ibi bikurikira:

1. Agomba kuba ari igitsina gore kandi asanzwe afite umugabane uzwi agenerwa, aramutse asanzwe nta mugabane uzwi yagenewe ntago ashobore kuba umuzungura w'ibyasigaye kubera mugenzi we, nk'urugero umwana w'umukobwa uvuka k'umuvandimwe uhuje n'uwapfuye ababyeyi bombi ntashobora guhinduka umuzungura w'ibyasigaye igihe ari kumwe na musaza we kuko uwo mukobwa aba asanzwe nta mugabane uzwi afite ninako bigenda kuri nyirasenge w'uwapfuye uhuje na se ababyeyi bombi ntibashobora guhinduka umuzungura wibyasigaye kuko ari kumwe na musaza we ( se wabo uhuje na se ababyeyi bombi) kuko uwo nyirasenge nawe nta mugabane uzwi asanzwe agenerwa

2. Agomba kuba ari mu rwego rumwe na musaza we utuma ahinduka umuzungura w'ibyasigaye, nk'umwana w'umuhungu ntashobora gutuma umwuzukuru w'igitsina gore uvuka k'umwana w'umuhungu ahinduka umuzungura w'ibyasigaye kuberako atari mu rwego rwe ahubwo aramukumira ntazungure, nkuko umwana w'umuhungu uvuka k'umuvandimwe w'igitsina gabo bahuje Se na Nyina adashobora gutuma umuvandimwe w'igitsina gore uvukana n'uwapfuye ku babyeyi bombi aba umuzungura w'ibyasigaye kubera ko batari ku rwego rumwe, icyo gihe uwo mushiki wuwapfuye bahuje ababye bombi afata kimwe cya kabiri nk'umugabane uzwi yagenwe.

3. Musaza we utuma ahinduka umuzungura w'ibyasigaye bagomba kuba banganya imbaraga z'isano, ntibishoboka ko umuvandimwe uhuje n'uwapfuye Se gusa ahindura mushiki w'uwapfuye bahuje Se na Nyina umuzungura w'ibyasigaye kubera ko isano ry'uwo mushiki we rirusha imbaraga iry'uwo muvandimwe we.

**IBWIRIZA:** Buri muzungura w'igitsina gore wagenewe kimwe cyakabiriri cy'umutungo igihe yisanze ari umwe, baba benshi bakagenerwa bibiri bya gatatu ahindurwa umuzungura w'ibyasigaye na musaza we. Uyu murongo mugari urareba ingeri enye zose twavuze haruguru aribo: umwana w'umukobwa, umwuzukuru w'igitsina gore uvuka ku mwana w'umuhungu, mushiki w'uwapfuye bahuje ababyeyi bombi na mushiki we bahuje Se gusa. Allah niwe mumenyi w'ikirenga.

## GIHAMYA KU BIJYANYE N'IZUNGURA RY'ABAZUNGURA B'IBYASIGAYE KUBERA BAGENZI BABO

Gihamya ku izungura ry'abazungura b'ibyasigaye ni imvugo ya Allah igira iti: "umwana w'umuhungu afata bwikube kabiri kuby'umwana w'umukobwa ahabwa".

Nindi mvugo ya Allah igira iti: "nibaba ari abavandimwe b'abagabo n'abagore, ab'igitsina gabo bafata bwikube kabiri kuby'ab'igitsina gore bahabwa"

Abamenyi rero bakaba barahurije kukuba ikigamijwe muri iyi mvugo y'Imana ari abavandimwe bahuje n'uwapfuye ababyeyi bombi cyangwa abahuje nawe umubyeyi w'umugabo gusa ariko ntihinjiramo abahuje nawe Nyina gusa kubera yuko bo bafata ibyo bagenewe bizwi ariko ntibaba abazungura b'ibyasigaye kandi kuri bo (abahuje nuwapfuye Nyina gusa) ab'igitsina gore n'igitsina gabo banganya imigabane bose bagabana kimwe cya gatatu.

## UBURYO BW'INYITO

Muby'ukuri ubu bwoko bw'abazungura b'ibyasigaye bwiswe abazungura b'ibyasigaye kubera bagenzi babo batazungura ibyasigaye ku mpamvu zuko uko ari ingeri enye ndetse ntan'isano bafitanye n'uwapfuye ahubwo nuko haba hari undi muzungura usanzwe afite ubushobozi bwo kuzungura ibyasigaye ku giti cye noneho kuboneka kwe bigatuma nabo baba abazungura b'ibyasigaye kubera we kuko iyo atabonetse bazungura imigabane yabo izwi bagenewe.

## ABAZUNGURA IBYASIGAYE HAMWE NA BAGENZI BABO

Abazungura ibyasigaye hamwe na bagenzi babo ni umwihariko w'abavandimwe b'igitsina gore bahuje n'uwapfuye ababyeyi bombi cyangwa abahuje nawe umubyeyi w'umugabo igihe bari kumwe n'abana b'igitsina gore b'uwapfuye igihe badafite basaza babo, mushiki w'uwapfuye bahuje Se na Nyina cyangwa bahuje Se gusa azungurana ibyasigaye n'umukobwa w'uwapfuye cyangwa umwuzukure we w'igitsina gore uvuka ku mwana w'umuhungu kabone nubwo urwego rw'isano ye rwamanuka muri ubu buryo rero bitwa abazungura b'ibyasigaye hamwe na bagenzi babo, ubu bwoko bw'abazungura b'ibyasigaye hamwe na bagenzi babo ni umwihariko wa bashiki b'uwapfuye bari kumwe n'abakobwa be, iki akaba aricyo gisobanuro cy'imvugo y'abamenyi mu bijyanye n'izungura igira iti: "mugire bashiki b'uwapfuye abazungura b'ibyasigaye igihe bari kumwe n'abakobwa be" iyi mvugo akaba ari iya bamenyi mu bijyanye n'izungura aho kuba iy'Intumwa y'Imana nkuko umumenyi ALBAJURIY yabigaragaje. Mu by'ukuri bashiki b'uwapfuye bagirwa abazungura b'ibyasigaye igihe bari kumwe n'abakobwa be kugira hatabaho kugabanyuka kw'imigabane ku ruhuhande rwa bashiki gusa ngo ntibibe ku bakobwa kandi nanone abashiki baramutse bafashe ibyo bagenewe imigabane yabo yazamuka iy'abakobwa ikagabanyuka kandi bitanashoboka ko iyab ashiki bakimwa burundu bityo rero bazungura ibyasigaye bikaba umwihariko kuri bo gusa.

## GIHAMYA KU BIJYANYE N'IZUNGURA RY'ABAZUNGURA B'IBYASIGAYE HAMWE NA BAGENZI BABO

Gihamya ku bijyanye n'izungura ry'ibyasigaye ku bazungura hamwe na bagenzi babo ni imvugo y'Intumwa y'Imana iboneka mu gitabo cya Bukhari n'abandi batariwe ivuga yuko Abu Musa Al - Ashaariy yabajijwe kubijyanye n'izungura ry'umwana w'umukobwa, umwuzukuru w'igitsina gore uvuka ku mwana w'umuhungu ndetse na mushiki w'uwapfuye aravuga ati: "umwana w'umukobwa afate kimwe cya kabiri ndetse na mushiki we afate kimwe cya kabiri" arangije abwira uwa mubazaga ati ujye no kwa ibn Masud umubaze urasanga yemeza ibyo navuze, ibn Masud abajijwe arasubiza ati: "ndabacira urubanza nkuko Intumwa y'Imana (IIAU) yaruciye, umwana w'umukobwa afata kimwe cya kabiri, umwuzukuru agafata kimwe cya gatandatu kugira byuzure bibiri bya gatatu hanyuma ibisigara bigahabwa mushiki we" dusubiye kwa Abu Musa aratubwira ati: "ntimukambaze mugihe uyu mwigisha akibarimo" Intumwa y'Imana rero yagize mushiki w'uwapfuye bahuje

Se na Nyina umuzungura w'ibyasigaye igihe ari kumwe n'abakobwa b'uwapfuye.

## IBWIRIZA RYA NGOMBWA

Iyo mushiki w'uwapfuye bahuje ababyeyi bombi abaye umuzungura w'ibyasigaye hamwe na bagenzi be ahinduka nka musaza we agakumira abavandimwe bahuje Se gusa bose baba ab'igitsina gabo cyangwa gore akanakumira abaza inyuma yabo b'abazungura b'ibyasigaye nka bahungu b'abavandimwe naba se wabo bahuje Se ababyeyi bombi ndetse n'umubyeyi wabo w'umugabo, ninagutyo mushiki w'uwapfuye bahuje Se gusa iyo yabaye umuzungura w'ibyasigaye ari kumwe n'abana b'abakobwa nawe agira imbaraga nk'iza musaza we agakumira abahungu b'abavandimwe n'abaza inyuma yabo, Kugira ngo iki gitekerezo gisobanuke neza reka dutange ingero.

**Urugero rwa mbere:**

| | **2** |
|---|---|
| Umwana w'umukobwa ½ | 1 |
| Mushiki w'uwapfuye bahuje ababyeyi bombi: Azungura ibisigaye | 1 |
| Umuvandimwe we bahuje Se gusa: arakumirwa | |

Aha umwana w'umukobwa afite kimwe cya kabiri nk'umugabane usanzwe uzwi agenerwa hanyuma ibyasigaye bigahabwa mushiki w'uwapfuye bahuje Se na Nyina wahindutse umuzungura w'ibyasigaye kubera ko ari kumwe n'umwana w'umukobwa kandi akaba afite n'imbaraga z'isano kuko ahuje n'uwapfuye ababyeyi bombi, naho umuvandimwe bahuje Se gusa we akumirwa n'uwo mushiki we uba wahindutse umuzungura w'ibyasigaye.

**Urugero rwa kabiri**

| | **4** |
|---|---|
| Umugabo bashakanye ¼ | 1 |
| Umwuzuku w'umukobwa uvuka ku mwana w'umuhungu 1/2 | 2 |
| Bashiki b'uwapfuye babiri bahuje ababyeyi bombi abazungura b'ibyasigaye | 1 |
| Umuvandimwe w'uwapfuye bahuje Se: arakumirwa | |

Aha umugabo afite kimwe cya kane nk'umugabane agenerwa uzwi kubera ko hari ishami (umwana no kumanuka) rizungura, hanyuma umwuzukuru w'umukobwa agafata kimwe cya kabiri nk'umugabane uzwi, hanyuma hagasigara kimwe cya kane gisangirwa na bashiki be bahuje ababyeyi bombi kubera ko baba babaye abazungura b'ibyasigaye hamwe na mugenzi wabo bakaba banafite ingufu z'isano ku buryo bakumira musaza wabo bahuje Se gusa ntagire icyo abona.

**Urugero rwa gatatu:**

| | **3** |
|---|---|
| Abana babiri b'abakobwa 2/3 | **2** |
| Mushiki w'uwapfuye bahuje Se gusa: azungura ibyasigaye | **1** |
| Umuhungu w'umuvandimwe bahuje ababyeyi bombi: arakumirwa | |

Aha abana b'abakobwa babiri bafite bibiri bya gatatu naho mushiki w'uwapfuye we agafata ibyasigaye bingana na kimwe cya gatatu kuko aba yabaye umuzungura w'ibyasigaye hamwe na bagenzi be akaba anafite imbaraga z'isano kuko ari umuvandimwe w'uwapfuye bahuje Se agakumira abari inyuma ye mu bazungura ibyasigaye harimo n'umuhungu uvuka ku muvandimwe uhuje n'uwapfuye ababyeyi bombi.

**Urugero rwa kane:**

| | **6** |
|---|---|
| Umwana w'umukobwa ½ | **3** |
| Umwuzukuru w'umukobwa uvuka ku mwana w'umuhungu 1/6 | **1** |
| Nyina w'uwapfuye 1/6 | **1** |
| Mushiki w'uwapfuye bahuje Se gusa: azungura ibyasigaye | **1** |
| Se wabo uhuje na Se ababyeyi bombi: arakumirwa | |

Aha ngaha umwana w'umukobwa afata kimwe cya kabiri nk'umugabane uzwi yagenewe hanyuma umwuzuku w'umukobwa agafata kimwe cya gatandatu kugira ngo bibiri bya gatatu byuzure, Nyina nawe agafata kimwe cya gatandatu ibisagaye aribyo kimwe cya gatandatu bigafatwa na mushiki we bahuje Se gusa kubera ko aba yahindutse umuzungura w'ibyasigaye kuko ari kumwe n'abana b'abakobwa akaba anafite ingufu z'isano ziruta iza Se wabo bityo akamukumira.

**Icyitonderwa:** Abavandimwe bose babahungu n'abakobwa bahuje n'uwapfuye Nyina gusa ntibajya bazungura igihe hari abana babakobwa kuko babakumira, bakaba badashobora kuba abazungura b'ibyasigaye ngo kubera ko bari kumwe n'abana babakobwa.

## ESE BIRASHOBOKA KO UMUNTU YAZUNGURA MU MPANDE EBYIRI?

Hari igihe umuntu ashobora kugira impamvu ebyiri yazunguramo, azizunguramo zombi iyo ari impande zitandukanye nko kuba rumwe yafata umugabane uzwi yagenewe ahandi akazungura nk'umuzungura w'ibyasigaye, cyangwa akazungura umugabane we usanzwe akongeraho nibyo afata kubera urugero kuri ibi:

a. Umuntu arapfuye asize nyirakuru, musaza we bahuje Nyina gusa n'umugabo we uvuka kuri se wabo w'umugore wapfuye uhuje na se ababyeyi bombi, aha nyirakuru afata kimwe 1/6 n’umuvandimwe bahuje Nyina gusa agafata 1/6 hanyuma umugabo we agafata kimwe cya kabiri nk'umugabane agenerwa akanazungura ibyasigaye kubera ko ari mwene Se wabo uhuje na se ababyeyi bombi.

b. Umugabo arapfuye asiga abana b'abakobwa babiri ariko nyirasenge w'umwe muribo ni umugore we, icyo gihe umugore we afata umugabane we usanzwe ariwo 1/4 akanagabana ibyasigaye n'umukobwa we 50 kuri 50 akazungura muri ubwo buryu ku mpamvu z'isano, umugore rero akaba azunguye mumpande ebyiri zitandukanye rumwe nuko ari umugore w'uwapfuye urundi rukaba urw'isano.

c. Umuntu arapfuye asize mushiki we bahuje ababyeyi bombi n’umugore we uvuka kuri se wabo, aha umugore we afata umugabane we ungana na 1/4 naho mushiki we agafata 1/2 nkumugabane we akanongerwa ibyasigaye, aha umugore ntahabwa ibyasigaye kubera impamvu yisano ry'ubuvukanyi kubera ko hari uwagenewe umugabane usanzwe uzwi ariwe mushiki w'uwapfuye. Allah niwe mumenyi w'ikirenga.

# ISOMO RYA GATANU

## GUKUMIRA KU IZUNGURA

1. Igisobanuro cyo gukumira mu rurimi rw'icyarabu ndetse no mu mategeko
2. Ibice by'ikumira: gukumira kubw'umwirondoro no gukumira kubw'umuntu
3. Gukumira bya burundu no gukumira byo kugabanya
4. Abazungura bidashoboka ko bakumirwa
5. Abakumirwa baba abagore cyangwa abagabo
6. Umuvandimwe w'umugisha n'umuvandimwe w'ibibazo
7. Imigabane ihuriweho n'uburyo abamenyi bayitandukanyeho
8. Ibisabwa ku migabane ihuriweho

## GUKUMIRA KU IZUNGURA

**Igisobanuro cyo Gukumira**

Gukumira mu gisobanuro cy'ururimi: gukumira mururimi bivuga **kubuza** cyangwa **kuziririza**, Allah yaravuze ati: " reka ye! Kuri uwo munsi bazakumirwa kuri Nyagasani wabo", bisobanuye ngo bazabuzwa kumureba k'umunsi w'imperuka, umuzamu nawe ashobora kwitwa umukumizi kuko abuza abantu kugera ku muyobozi we nta burenganzira… Izina ry'ukora igikorwa cyo gukumira ni uwukumira *(Haajibu)*, izina ry'ukorerwa igikorwa ni uwakumiriwe *(Mahjubu)*. Haajibu (ukumira) rero ni uwubuza mugenzi we kugira icyo abona mu bizungurwa naho mahjubu (uwakumiriwe) ni uwabujijwe kugira icyo abona mu bizungurwa.

## IBICE BIGIZE GUKUMIRA KU IZUNGURA

Gukumira ku izungura bigizwe n'ibice bibiri aribyo:

1. Gukumira ku bw'umwirondoro
2. Gukumira ku bw'umuntu

Igice cya mbere ni ugukumira umuntu burundu ku izungura ku mpamvu y'umwirondoro we umubuza kugira icyo afata mu bizungurwa nko kuba yaba ariwe wishe uwo yari buzungure cyangwa akaba yarataye idini, ubu bwoko bwikumirwa itegeko ryabyo ryavuzweho mu byahise mu isomo ry'ibibuza umuntu kuzungura.

Naho igice cya kabiri cyo gukumira ku bw'umuntu ni ukuboneka kw'umuntu ukwiriye guhabwa ibizungurwa kurusha mugenzi we akamukumira ku izungura, iki gice nacyo kigizwe n'ibice bibiri aribyo:

1. Gukumira burundu
2. Gukumira byo kugabanya

Gukumira burundu ni ugukumira umuntu ku bizungurwa byose yari akwiye kubera umuntu uyikwiye kumurusha uhari nko gukumirwa kwa Sekuru kubera ko Se ahari, no gukumirwa k'umuhungu w'umwana w'umuhungu kubera ko uwo mwana w'umuhungu (ise) ahari, no gukumirwa ku muvandimwe kuri Se kubera ko umuvandimwe kuri Se na Nyina ahari, no gukumirwa kwa nyirakuru kubera ko Nyina ahari, gutyo gutyo no kubandi bakumirwa burundu, ibisobanuro byabyo ku burebure bizaza imbere.

Naho gukumira byo kugabanya ni ukuba umuntu yarakwiye kuzungura kandi koko akazungura ariko ibyo yagombaga kuzungura bikagabanyuka kubera undi muntu uhari kandi nawe ukwiye kuzungura, nko gukumirwa kwa Nyina ku mugabane yarakwiye ungana na kimwe cya gatatu akimukira kuri kimwe cya gatandatu kubera ko hari ishami (abana cyangwa umwe mubana b'uwapfuye) uhari no gukumura umugabo ku mugabane ungana na kimwe cya kabiri akimukira kuri kimwe cya kane cyangwa umugore agakumirwa ku mugabane ungana na kimwe cya kane akimukira kuri kimwe cya munani bombi kubera umwana uhari, ariko iyo havuzwe ijambo **(gukumira)** haba hagamijwe gukumira burundu aho kuba gukumira byo kugabanya.

## ABAZUNGURA BADASHOBORA GUKUMIRWA BURUNDU

1. Umwana w'umuhungu w'amaraso
2. Umwana w'umukobwa w'amaraso
3. Umubyeyi w'umugabo
4. Umubyeyi w'umugore
5. Umugabo washakanye n'uwapfuye
6. Umugore washakanye n'uwapfuye

Iyo hagize uboneka muri aba bavuzwe hejuru agomba kuzungura, hakaba hari bamwe mu bamenyi b'ibijyanye n'izungura babishyize mu ncamake bagira bati: "abana babiri, ababyeyi babiri n'abashakanye" bakaba batandatu batajya bakumirwa bya burundu ku izungura.

## ABAZUNGURA B''IGITSINA GABO BAKUMIRWA BYA BURUNDU

1. Sekuru wa nyawe (wo mu ruhande rw'umubyeyi w'umugabo) akumirwa n' umubyeyi w'umugabo, Sekuru wa hafi agakumira Sekuru wa kure gutyo gutyo

2. Umuvandimwe w'igitsina gabo bahuje Se na Nyina akumirwa n'umubyeyi w'umugabo cyangwa ishami ry'igitsina gabo (umuhungu, umwana w'umuhungu, umwana w'umwana w'umuhungu kumanura, mu murongo w'abahungu).

3. Umuvandimwe w'igitsina gabo bahuje Se gusa akumirwa n'abakumira umuvandimwe bahuje Se na Nyina akanakumirwa n'umuvandimwe bahuje Se na Nyina ubwe, akanakumirwa kandi n'umuvandimwe w'igitsina gore bahuje Se na Nyina ugenerwa umugabane utateganyiririjwe ingano mu bizungurwa kubera ko

azungurana (ari kumwe) na musaza we bavukana kwa se na Nyina agahabwa imbaraga zo kuzungura no gukumira na musaza we.

4. Umuvandimwe w'igitsina gore bahuje Nyina gusa cyangwa umuvandimwe w'igitsina gore bahuje Nyina gusa buri umwe muri aba bombi akumirwa n'inkomoko ndetse n'ishami ( umubyeyi w'umugabo, Sekuru ku ruhande rw'umubyeyi w'umugabo no gukomeza kuzamura mugi Sekuru cy'umubyeyi w'umugabo, ndetse n'umwana yaba uw'igitsina gore cyangwa gabo).

5. Umwuzukuru w'umuhungu akumirwa n'umwana w'umuhungu nina gutyo umwuzukuru w'umuhungu akumirwa na mugenzi we wa hafi kumurusha.

6. Umuhungu w'umuvandimwe bahuje Se na Nyina akumirwa na se, Sekuru, umwana w'umuhungu, umwuzukuru w'umuhungu, umuvandimwe bahuje Se na Nyina ndetse n'umuvandimwe bahuje Se gusa.

7. Umuhungu w'umuvandimwe bahuje Se gusaakumirwa nabakumira umuhungu w'umuvandimwe bashuje se na Nyinahakiyongeraho ko anakumirwa n'umuhungu w'umuvandimwe bahuje Se na Nyina

8. Se wabo uhuje na Se ababyeyi babiri akumirwa n'umuhungu w'umuvandimwe bahuje Se gusa akanakumirwa n'abakumira umuhungu w'umuvandimwe bahuje Se gusa.

9. Se wabo uhuje na se umubyeyi w'umugabo gusa akumirwa na se wabo uhuje na se ababyeyi bombi ndetse akanakumirwa n'abakumira se wabo uhuje na se ababyeyi bombi .

10. Umuhungu wa se wabo uhuje na Se ababyeyi bombi akumirwa na Se wabo uhuje na Se umubyeyi w'umugabo gusa akanakumirwa n'abakumira se wabo uhuje nase umubyeyi w'umugabo nko bavuzwe hejuru .

11. Umuhungu wa se wabo uhuje na Se umubyeyi w'umugabo akumirwa n'umuhungu wa Se wabo uhuje na Se ababyeyi bombi ndetse akanakumirwa n'abakumira umuhungu wa Se wabo uhuje na Se ababyeyi bombi

## ABAZUNGURA B’IGITSINA GORE BAKUMIRWA BYA BURUNDU

1. Nyirakuru uwo ariwe wese yaba uwo ku ruhande rwa se cyangwa ku ruhande rwa Nyina akumirwa na Nyina mu bihe byose .

2. Umukobwa w’umuhungu we akumirwa n’umuhungu we, uwo mukobwa yaba umwe cyangwa se benshi, agakumirwa kandi na babiri cyangwa se benshi mu bakobwa keretse habonetse umuhungu uzungurana (bari kumwe) ibidateganyiririjwe ingano mu bizungurwa nkuko biri bugaragare imbere.

3. Mushiki we bahuje Se na Nyina akumirwa na se akanakumirwa kandi n’ umuhungu (umwana w’umuhungu, umwuzukuru w’umuhungu uvuka kumwna w’umuhungu gutyo kumanuka muruhande rw'abahungu).

4. Mushiki we bahuje Se gusa akumirwa namushiki we bahuje ababyeyi bombi igihe yahindutse umuzungura w'ibyasigaye ari kumwe n'abana b'abakobwa, agakumurwa kandi na Se w'uwapfuye ndetse umugabo (abana b'abahungu, abuzukuru b'abahungu bavuka kubana b'abahungu kumanura….) iryo aririyo ryose ndetse na bashiki b'uwapfuye babiri igihe bafashe ibyuzuye 2/3 keretse bari kumwe nababahindura abazungura b'ibyasigaye (basaza babo).

5. Mushikiwe bahuje Nyina gusa akumirwa ninkomoko ngabo (umubyeyi w'umugabo, Sekuru, kuzamura...) ndetse n'ishami rizungura (abana b'abahungu n'abakobwa, abuzukuru, kumanura...)

## ESE UMUVANDIMWE W'UMUGISHA NINDE?

a. Iyo abana b'abakobwa bamaze gufata ibingana na bibiri bya gatatu abuzukuru b'abakobwa bavuka kubana b'abahungu barakumirwa keretse iyo bari kumwe n'abuzukuru b'abahungu bavuka kubana b'abahungu bari ku rwego rwabo cyangwa abari munsi yabo nk'abuzukuruza b'abahungu bagera k'uwapfuye mu murongo w'abahungu, abo bahindura b'abuzukuru b'abakobwa abazunguru b'ibyasigaye mu gihe bo batagira umugabane usanzwe uhoraho. Icyo gihe rero abo baba babahinduye abazungura b'ibyasigaye bitwa abanyesano bumugisha cyangwa se musaza we w'umugisha, akitwa uko kuber ako iyo bitaza kuba ngo babe bahari b'abuzukuru

b'abakobwa ntibari buzungure icyo aricyo cyose ariko kubera basaza babo b'umugisha nabo hari icyo babona mu bizungurwa.

b. Iyo bashiki b'uwapfuye bahuje nawe ababyeyi bombi iyo bafashe ibingana na bibiri bya gatatu bashiki be bahuje nawe Se gusa barakumirwa keretse iyo bari kumwe na musaza wabo nawe uhuje n'uwapfuye Se gusa akababahindura abazungura b'ibyasigaye bakazungura mu byasigaye akaba ababereye umuvandimwe w'umugisha.

## UMUVANDIMWE UTARI UW'UMUGISHA.

Mu byahise harimo ko umuvandimwe w'umugisha ari wa wundi ubura umuzungura w'igitsina gore ntabe akizunguye ntagire icyo abona mu bizungurwa ibyo bigatuma yitwa umuvandimwe w'umugisha cyangwa umunyamuryango w'umugisha naho umuvandimwe utari uw'umugisha cyangwa umunyamuryango utari uw’umugisha niwa wundi ubura umuzungura w'igitsina gore akazungura ariko yaba ahari uwo muzungura w’igitsina gore ntagire icyo abona, akitwa utari umunyamugisha kubera ko nta kiza azanira uwo muzungura w'igitsina gore ahubwo akaba yamubangamiye amugiraho ingaruka mbi kubera ko kuboneka kwe bimubuza umugisha wo kuzungura ingero z'ibyo ni izi zikurikira:

a. Umugore arapfuye asiga umugabo we, Nyina, ise, umwana w'umukobwa, n'umwuzukuru w'umukobwa uvuka ku mwana we w'umuhungu, ahangaha umugabo we afata kimwe cya kane, Nyina agafata kimwe cya gatandatu, ise nawe agafata kimwe cya gatandatu, umwana w'umukobwa agafata kimwe cya kabiri, naho umwuzukuru w'umukobwa uvuka ku mwana w'umuhungu afata kimwe cya gatandatu kugira ngo bibiri bya gatatu bifatwa n'abana babakobwa barenze umwe byuzure, ahangaha umugabane shingiro uriyongera ukagera kuri 15. Iyo muri aba basigaye haza kwiyongeraho umwuzukuru w'umuhungu uvuka ku mwana w'umuhungu umwuzukuru w'umukobwa yari guhita akumirwa ntagire na kimwe abona kubera ko abagenewe imigabane izwi bari kumara ibizungurwa byose ariko kuko adahari (musaza we) umwuzukuru w'umukobwa arazungura ku bw'ibyo ni umuvandimwe utari umunyamugisha kuri we.

**Dore ibisobanuro ku burebure muri izi shusho ebyiri**

**Ishusho ya mbere:**

| | | |
|---|---|---|
| 12 | 15 | Umugabane shingiro warenze uva kuri 12 ujya kuri 15 |
| Umugabo 1/4 | 3 | Kubera ko hari amashami (umwana n'umwuzukuru) azungura |
| Nyina 1/6 | 2 | Kubera ko hari amashami (umwana n'umwuzukuru) azungura |
| Ise 1/6 | 2 | Kubera ko hari amashami (umwana n'umwuzukuru) azungura |
| Umwana w'umukobwa 1/2 | 6 | Kubera yuko nta musaza we uhari ngo bazungurane ibyasigaye |
| Umwuzukuru w'umukobwa 1/6 | 2 | Kugira ngo yuzuze bibiri bya gatatu kuko ari umuzungura ufite umugabane uhoraho |

**Ishusho ya kabiri:**

| | | |
|---|---|---|
| 12 | 13 | Umugabane shingiro warenze 12 ujya kuri 13 |
| Umugabo ¼ | 3 | Kuberako hari amashami (umwana n'umwuzukuru) azungura |
| Nyina 1/6 | 2 | Kuberako hari amashami (umwana n'umwuzukuru) azungura |
| Ise 1/6 | 2 | Kuberako hari amashami (umwana n'umwuzukuru) azungura |
| Umukobwa 1/2 | 6 | Umugabane uzwi kubera yuko nta musaza we uhari |
| Umwuzukuru w'umukobwa | Ntacyo | Kubera ko ntacyasigaye |
| Umwuzukuru w'umuhungu | | |

## Icyitonderwa:

Muri iyi shusho ni ngombwa y'uko musaza w'umuzungura w'igitsina gore umuhindura umuzungura w'ibyasigaye aba ari mu rwego rumwe nawe, kubera ko iyo abaye mu rwego ruri munsi ye nk'umwuzukuru w'umukobwa ari kumwe n'umwuzukuruza w'umuhungu muri ubwo buryo ntiyamuhindura umuzungura w'ibyasigaye ntanashobora kubura umugabane we kubera ko uwo mwuzukuruza ahari kubera ko asanzwe afite umugabane uzwi yagenewe.

b. Umugore arapfuye asize umugabo, Nyina, musaza we bahuje Nyina, mushiki we bahuje Se na Nyina, ndetse na mushiki we bahuje Se gusa, muri iri hurizo iyo hagaragaye musaza w'uwapfuye bahuje Se gusa mushiki we nawe bahuje Se gusa ntacyo abona kubera musazawe utari uw'umugisha kuberako iyo ataboneka yari kugira icyo abona, dore ibisobanuro ku burebure:

**Ishusho ya 3**

| | | |
|---|---|---|
| 6 | 9 | Umugabane shingiro warenze 6 ujya ku 9 |
| Umugabo 1/2 | 3 | Umugabane we uzwi kuko nta shami rihari |
| Nyina 1/6 | 1 | Umugane we uzwi kubera abavandimwe benshi bahari |
| Umuvandimwe kuri Nyina 1/6 | 1 | Umugabane we kuko nta nkomoko nta nishami bihsri |
| Mushiki we bahuje Se na Nyina 1/2 | 3 | Umugabane we uzwi kuko ntawumuhindura umuzungura w'ibyasigaye |
| Mushiki we bahuje Se gusa1/6 | 1 | Umugabane uzwi kugirango yuzuze 2/3 bifatwa na bashiki b'uwapfuye |

**Ishusho ya 4**

| | | |
|---|---|---|
| 6 | 8 | Umugabane shingiro wiyongereye 6 ujya ku 8 |
| Umugabo 1/2 | 3 | Umugabane we uzwi kuko nta shami rihari |
| Nyina 1/6 | 1 | Umugane we uzwi kubera abavandimwe benshi bahari |
| Umuvandimwe kuri Nyina 1/6 | 1 | Umugabane we kuko nta nkomoko nta nishami bihari |
| Mushiki we bahuje Se na Nyina 1/2 | 3 | Umugabane we uzwi kuko ntawumuhindura umuzungura w'ibyasigaye kandi akaba ari umwe |
| Mushiki we bahuje Se gusa | 0 | Ntacyo abona kubera musaza we utari uw'umugisha uhari |
| Umuvandimwe we bahuje Se gusa | 0 | Umuvandimwe utari uw'umugisha wagize ingaruka mbi kuri mushiki we agatuma atazungura |

## IHURIZO RY'UMUGABANE USANGIRWA

Mu mategeko ngenderwaho mu bumenyi bw'ibijyanye n'izungura mu kugabanya abantu ibyo uwapfuye yasize nuko haherwa ku bafite imigabane izwi yagenwe ubundi hagakurikiraho abazungura b'ibyasigaye, nukuvuga yuko abafite imigabane izwi baza mbere yabazungura b'ibyasigaye hashingiwe ku mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) aho yavuze iti: "nimuhe imigabane abayigenewe hanyuma ibisigara byose bihabwe umuzungura w'igitsina gabo wahafi kurusha abandi"

Muri iri hurizo ryitwa ihurizo ry'umugabane usangirwa harengwa kuri iri tegeko kuko umuzungura wibyasigaye asangira n'abafite imigabane yabo izwi mu migabane yabo ibyo bikaba umwihariko kubazungura b'ibyasigaye b'igitsina gabo, abasangirangendo b'Intumwa y'Imana babitandukanyeho ndetse n'ababakurikiye naba Imam b'umuhate Allah bose abishimire .

## ISHUSHO Y'IHURIZO.

Ishusho y'ihurizo ni nko gupfa k'umugore agasiga umugabo, Nyina. Abavandimwe babiri cyangwa benshi bahuje Nyina gusa, n'umuvandimwe cyangwa bahuje ababyeyi bombi , aha umugabo we afata kimwe cya kabiri cy'umutungo wose, Nyina agafata kimwe cya gatandatu abavandimwe babiri bahuje Nyina gusa bagafata kimwe cya gatatu ntihagire igisagara ngo abazungura b'ibyasigaye nabo bagire icyo babona aribo umuvandimwe cyangwa abavandimwe bahuje ababyeyi bombi, hamwe nuko isano yabo kuwa pfuye ikomeye basangira isano n'abavandimwe babo bahuje Nyina gusa bikabongerara imbaraga zisano ziturutse kukuba bo bahuje n'uwapfuye se ku bw'ibyo bagasangira nabo bavandimwe babo bahuje Nyina gusa umugabane wabo wa kimwe cya gatatu bose bagafatwa nkabavandimwe bahuje Nyina gusa gusa ab'igitsina gore muribo bagafata ibingana nibya basaza babo.

## ITANDUKANA RY'ABAMENYI

Itandukana ryahereye ku basangirangendo bintumwa y'Imana ubwabo muri iri hurizo bituma n'abandi bamenyi nabo baritandukanaho hanyuma mu kubaganya bagendera kuri ibi bitekerezo bibiri bikurikira

**Icya mbere:** Abu Bakr na Ali na mwene Abas n'abandi batari abo bagende ku gitekerzo cyo kwima burundu abavandimwe bahuje n'uwapfuye ababyeyi bombi hagendewe ku tegeko ryavuzwe icyo akaba ari nacyo gitekerezo cyabakurikiye Abu Hanifa na Ahmad bun Hanbal.

**Icya kabiri:** Zaidi mwene Thabiti na Uthman na mwene Masudi bo bagendeye ku gitekerezo cyo guha abavandimwe bahuje n'uwapfuye ababyeyi bombi bakagabana nabo bahuje Nyina gusa umugabane wabo. Icyo akaba ari nacyo gitekerezo cy'abakurikiye Malik na Shafi, ari nacyo gitekerezo Omar Allah amwishimire yagendeyeho afata umwanzuro wanyuma, akaba ari nacyo gitekerezo aba nyamategeko ya sharia bishingikiriza.

Iri hurizo kandi rikaba ryitiririrwa Omar kuko yariciyemo urubanza, rikitwa ihurizo ry'indogobe ndetse ryongera kwitwa ihurizo ry'ibuye, rikaba ryariswe ayo mazina yose kubera ko Omar yaziwe niri hurizo bwa mbere aca urubanza y'uko nta kintu abavandimwe ku babyeyi bombi ntacyo babona hanyuma mu mwaka wakurikiye arongera ahura niryo hurizo ashaka guca urubanza nkuko yari yaruciye mbere umwe mu bazungura aramubwira ati: yewe muyobozi wabemeramana bifate nkaho Data ari indogobe cyangwa ibuye ese ntituri abana ba mama

umwe? Omar yumvise ayo magambo aca urubanza yuko bose basangira nk'abavandimwe bahuje Nyina.

**Iyi niyo shusho yiri hurizo ryisangira:**

<table>
<tr><th></th><th>6</th><th>18</th><th>Kwemeza ihurizo</th></tr>
<tr><td>Umugabo 1/2</td><td>3</td><td>9</td><td>Umugabo afata kimwe cyakabiri kuko nta mwana umukomokaho rizungura rihari</td></tr>
<tr><td>Nyina 1/6</td><td>1</td><td>3</td><td>Nyina afata kimwe cya gatandatu kubera abavandimwe benshi bahari</td></tr>
<tr><td>Abavandimwe 2 kuri Nyina</td><td rowspan="2">2</td><td>4</td><td>Abavandimwe 2 kuri Nyina bafata kimwe cya gatatu nk’umugabane wabo bagenewe bakagisangira n’umuvandimwe bahuje se na Nyina</td></tr>
<tr><td>Umuzungura wibyasigaye: musaza we bahuje Se na Nyina</td><td>2</td><td>Kuko afatwa nk’umuvandimwe kuri Nyina agasangira n’abandi bavandimwe kimwe cya gatatu</td></tr>
</table>

**Ibisabwa kuri iri hurizo ryo gusangira.**

1. Abavandimwe kuri Nyina bagomba kuba ari benshi baba abigitasinagabo cyangwa gore
2. Agomba kubacari umuvandimwe bahuje ababyeyi bombi kuko abaywe umuvandimwe bahuje Se gusauwo ntacyo yabona hagendewe kugitekerezo cyahuriweho nabamenyi bose, kandi ntatandukaniro rihari yaba ari umwe cyangwa benshi
3. Uwo muvandiwe bahuje abababyeyi bombi agomba kuba ari igitsina gabokuko abaye uwigitsina gore yazungura umugabane we yagenewe umugabane shingiro ukarenga ibyo gusangira bikaba bitakibayeho

**IBWIRIZA 1:** Abana b'abavandimwe naba bashiki bahuje ababyeyi bombi, n'abana b'abavandimwe na bashiki bahuje Se gusa, n'abana b'abavandimwe na bashiki bahuje Nyina gusa bose ntacyo babona kubera umwana w'umuhungu, n'umwuzukuru w'umuhungu uvuka

ku mwana w'umuhungu ndetse nase hagendewe kubyo abamenyi bose bemeranijweho hakiyongeraho Sekuru ku gitekerezo cya Abu Hanifa, igitekerezo atandukaniyeho n'abandi ba Imam batatu nkuko abana babavandimwe n'ababashiki bahuje Nyina gusa babuzwa kuzungura n'abakobwa b'uwapfuye ndetse n'abuzukuru b'igitsina gore bavuka ku muhungu w'uwapfuye no gukomeza kumanuka.

**IBWIRIZA 2:** Abana b'abavandimwe n'aba bashiki bahuje Nyina gusa mu kuzungura bose baranganya ntago umuhungu muri bo afata bwikube kabiri ku mukobwa hagendewe ku mvugo ya Allah igira iti: "basangira bose kimwe cya gatatu"

# ISOMO RYA GATANDATU

## IZUNGURA RYA SEKURU HAMWE N'ABAVANDIMWE

1. Igisobanuro cya sekuru wa nyawe na sekuru utari uwa nyawe
2. Itandukana ry'abasangira ngendo n'abamenyi b'amategeko ya Kislam ku bijyanye n'izungura rya sekuru
3. Gusobanura igitekerezo cya benshi mu bamenyi kubijyanye n'izungura
4. Ni ryari kugabana biba byiza kurushaho kuri sekuru?
5. Ni ryari kimwe cya gatatu cy'umutungo kiba cyiza kuri we kurushaho?
6. Uburyo bwokuringaniza kugabanya na kimwe cya gatatu
7. Uburyo bwa kabiri (sekuru hamwe n'abavandimwe n'umunyamugabane uzwi)
8. Ingero ngiro ku buryo bwa kabiri
9. Abavandimwe kuri se gusa igihe bahuye n'abavandimwe ku babyeyi bombi na sekuru.

## IZUNGURA RYA SEKURU HAMWE N'ABAVANDIMWE NDETSE NA BASHIKI

### Sekuru wa nyawe

Sekuru ugambiriwe muri uyu muryango: ni Sekuru wanyawe akaba ari Sekuru ugera ku wapfuye hadaciyemo igitsina gore. **Urugero:** Sekuru ubyara se ugakomeza ukazamuka, muri uwo murongo ugera k'uwapfuye haramutse hinjiyemo igitsina gore aba abaye Sekuru utari uwanyawe. **Urugero:** nka Sekuru ubyara Nyina ni Sekuru utari uwanyawe gutyo kimwe na Sekuruza ubyara Nyina wa Se nawe ni Sekuruza utari uwanyawe, ibwiriza nuko igihe hinjiyemo igitsina gore uwo mu Sekuru ahinduka utari uwanyawe ariko igihe hatagiyemo igitsina gore aba ari Sekuru wanyawe kabone niyo igisekuru cyaba ari icyo hejuru cyane nka Sekuruza ubyara Sekuru wa se ubyara uwapfuye gutyo niyo wagera kuri Adam (Amahoro ya Allah amubeho).

## ITEGEKO RIREBA IZUNGURA RYA SEKURU HAMWE N'ABAVANDIMWE B'UWAPFUYE

Nta tegeko ry'umwihariko ku bijyanye n'izungura rya Sekuru hamwe n'abavandimwe bavukana n'uwapfuye ku babyeyi bombi cyangwa kuri se ryagaragaye muri Qur'ani cyangwa muri Hadith niyo mpamvu abenshi mu basangirangendo b'Intumwa y'Imana bajyaga bemerenya kuri icyo kintu ubundi bakagira nubwo batanga umwanzuro kuri bene iryo zungura kugeza ubwo mwene Masudi (Allah amwishimire) avuze ati: Na Omar mwene Khatwab (Allah amwishimire) yaravuze ati: “ubahamagarira kugabanya Sekuru w'uwapfuye aba abakururira umuriro” na Ali Allah amwishimire yaravuze ati: “uwumva ashaka kwikongereza umuriro wa Jahannam ajye aca iteka ku izungura hagati ya Sekuru w'uwapfuye n'abavandimwe b'uwapfuye”.

Wenda wasanga ubwoba bwo kugira icyo bakora kw'izungura rya Sekuru ariko nta murongo ubivugaho wagaragaye haba muri Qur'ani cyangwa muri Hadithi kubijyanye n'izungura rya Sekuru w'uwapfuye hamwe n'abavandiwe na bashiki b'uwapfuye ni ikintu gicyeneye ubwitange n'umuhate, kandi uwo muhate ushobora gutuma habaho ikosa ryo kwima uwarukwiye kugira icyo abona cyangwa ugaha utari ukwiye kugira icyo abona niyo mpamvu bamwe mu basangirangendo batinyaga kugira icyo bakora kuri iryo zungura. Cyane cyane by'umwihariko kuri aya mategeko ajyanye n'imitungo aho atinya ko yaca urubanza rukaba impamvu zo kugira uwuhuguzwa ukuri kwe.

Ku bwibyo ibijyanye n'izungura ni ibintu byo kwitondera niyo mpamvu Allah nta kiremwa yigeze aha inshingano zo kugabanya abantu ibyasizwe n'uwapfuye ahubwo ni ikintu Allah nyir'Ubutagatifu yikoreye ku giti cye ku girango hatazabaho guhuguzwa ku bagaragu ba Allah ku bw'intege nke z'ibiremwa cyangwa ngo habeho ku gabanya cyangwa kurenza ku kuri k'umuzungura uwo ariwe wese.

Umwanditsi akavuga ati: uku kwihanangirizwa rero kwabateye amacyenga, nyuma yuko hagaragaye ibitekerzo bitandukanye by'abeza batubangirije n'ibitekerezo bitandukanye bya ba Imam bumuhate bakandika ibyo biterezo byabo hamwe na gihamya zishingiye ku mategeko ya sharia noneho byashoboka ko umuntu yishingikiriza bimwe mu bitekerezo byiza byukuri kandi bifite imbaraga kurusha ibindi nyuma yo kureba neza muri za gihamya zatanzwe kuri buri gitekerzo nkuko tuzabisobanuro ubwo tuzaba tuvuga ku mvugo zaba Imam bumuhate kuburebure Allah abishimire bose.

## IBITEKEREZO BYA BA IMAM KURI SEKUKURU W'UWAPFUYE

Aba Imam b'umuhate baratandukanye ku bijyanye n'itegeko ry'izungura rya Sekuru w'uwapfuye ari kumwe n'abavandimwe hakurikijwe itandukana ry'abasangirangendo ubwabo, maze bigabanya mu bice bibiri.

## IGICE CYA MBERE

Bo babona ko abavandimwe bose baba abahuje ababyeyi bombi cyangwa bahuje Se gusa cyangwa Nyina gusa baba ab'igitsina gabo cyangwa ab'igitsina gore bakumirwa ku izungura, no kuba Sekuru w'uwapfuye ahari ntibashobora kugira icyo babona igihe bari kumwe nawe. Ibyo bikaba byubakiye ku gufata Sekuru agashyirwa mu mwanya w'umuhungu we (ariwe se w'uwapfuye) igihe adahari mu buryo bwose kuko ariwe se w'ikirenga k'uwapfuye, na none hagashingirwa ku bwiriza ryahise rivuga ko mu kuzungura ibyasigaye iyo abazungura ibyasigaye ku giti cyabo babaye benshi uruhande rw'abana rushyirwa imbere hagakurikiraho urw'umubyeyi hakabona kujyaho urw'abavandiwe hanyuma urwa Se wabo kandi izungura ntirishobora kwimukira kuruhande urwo arirwo rwose hatabanje kurebwa nimba uruhandi rurubanziriza rutabonetse.

Iyo habone abazungura bibyasigaye babaye umwana na se uzungura ibyasigaye ni umwana, iyo habonetse umuvandimwe na se wabo w'uwapfuye umuzungura w'ibyasigaye aba umuvandimwe, gutyo gutyo ntaruhande ruzungura ibyasigaye keretse hagumba kureba nimba uruhande rurubanzirirza koko rudahari. Kubwo kuba rero uruhande rwa se w'uwapfuye ruvuga se, Sekuru, Sekuruza kuzamura ruza imbera yuruhande rwabavandimwe niyo mpamvu Sekuru akumira abavandimwe bose burundu nkuko ari nako bigenda igihe abavandimwe bahuye na se w'uwapfuye mu ihurizo.

Iki akaba ari igitekerezo cya Abu Hanifa Allah amugirire impuhwe akaba ari nacyo gitekerezo cya bamwe mu basangirangendo b'Intumwa y'Imana barimo Abu Bakri, mwene Abas, mwene Omar n'abandi benshi mu abasangirangendo n'abababakuriye Allah abishimire bose.

## IGICE CYA KABIRI

Abo mu gice cya kabiri bagizwe naba Imam bumuhate bo babona ko abavandimwe na bashiki b'uwapfuye bahuje Se na Nyina ndetse nabo bahuje Se gusa bazungura niyo Sekuru w'uwapfuye yaba ahari, kandi ko Sekuru atabakumira nkuko bimeze kuri se w'uwapfuye urwitwazo rwabo bashingira aho nuko Sekuru n'abavandimwe bari mu rwego rumwe muburyo bagera k'uwapfuye, Sekuru agera k'uwapfuye aciye kuri se ndatse n'abavandimwe nabo bakagera k'uwapfuye baciye kuri se, Sekuru ni inkomo ya Se ariko n'abavandimwe ni amashami ya Se.

Ku bw'ibyo rero urwego rukaba rungana kumpande zombi ntago rero byaba bisobanutse kuba hahabwa uruhande rumwe urundi rukirengagizwa byaba ari ugushyira imbere uruhande rumwe nta gishingiweho kigaragara ninko kuba twaha abavandimwe bamwe bahuje nuwapfuye ababyeyi bombi tukima abandi nabo bahuje nuwapfuye ababyeyi bombi kandi bose ari abavandimwe bagera kuwapfuye kurwego rungana.

Bakongera bakavuga bati: ikigaragara nuko abavandimwe b'uwapfuye nibo baba bacyeneye umutungo kurusha sekuru, kubera ko akenshi sekuru w'umuntu aba ageze muzabukuru n'intege ncye bitandakunye n'abavandimwe, sekuru aramutse azunguye umutungo wose hanyuma agapfa ubwo azungurwa n'abana be aribo base wabo na nyina wabo b'uwapfuye ubwo abo ba se wabo n'abanyina wabo bakaba aribo bifatira umutungo nyamara, abavandimwe b'uwapfuye ntibagire icyo babona uretse gusigara baririra uwapfuye ndetse n'igihombo cyuko ntacyo babonye ku mutungu w'umuvandimwe wabo.

Iki akaba aricyo gitekerezo cyaba Imam batatu aribo Shaffi, Hanbal na Maliki, akaba kandi ari nacyo gitekerezo cya benshi mubasangirangendo n'ababakurikiye bahagarariwe na Imam w'icyubahiro Zaid mwene Thabit wamirijwe n'Intumwa y'Imana ko arusha abandi basangirangendo mu bumenyi bw'izungura, ninacyo gitekerezo kandi cya Ali mwene Masudi, Shaabiy n'abaswahaba b'i Madina n'abandi batari abo Allah abishimire bose. Iki gitekerezo akaba aricyo cy'ukuri cyatoranijwe n'abamenyi benshi kuba cya kishingikirizwa, kikaba cyaranakoreshejwe n'inkiko za Kislam mu bihugu byinshi bya k'Islam kuko aricyo cyegereye ubutabera ndetse gifite ishingiro rikomeye binagaragara ko aricyo gishyigikiye inyungu rusange.

## GUSOBANURA IGITEKEREZO CYA BENSHI MU BAMENYI.

Mu rwego rwo gusobanura igitekerezo cyatoranyijwe mu bindi aricyo gitekerezo cya benshi mu bamenyi turavuga tuti: Sekuru w'uwapfuye igihe yahuye n'abavandimwe izungura rye ririmo uburyo bubiri na buri buryo muri ubwo bwombi bufite amategeko abugenga tugiye gusobanura muri ibi bikurikira:

### UBURYO BWA MBERE

Ni ukuba Sekuru w'uwapfuye yahuye n'abavandimwe na bashiki b'uwapfuye gusa (bivuga ngo nta n'umwe ufite umugabane uzwi) nko kuba umuntu yapfa agasiga sekuru nabavandimwe be cyangwa bashiki be gusa ntihagire undi muzungura uwo ariwe wese asiga mubafite imigabane izwi nk'umugore, Nyina, umwana w'umukobwa gutyo.

### UBURYO BWA KABIRI

Ni ukuba Sekuru yaba ari kumwe n'abavandimwe na bashiki b'uwapfuye ndetse n'abanyamigabane basanzwe nka Nyina, umugabo cyangwa umugore, umwana w'umukobwa, umwuzukuru w'umukobwa uvuka ku mwana wumuhungu gutyo gutyo.

## ITEGEKO RIREBA UBURYO BWA MBERE.

Mu buryo bwa mbere aribwo Sekuru ahuriramo n'abavandimwe, na bashiki b'uwapfuye gusa nta wundi munyamugabane usanzwe bari kumwe sekuru ahitamo ikimubereye cyiza muri ibi bibiri bikurikira:

a. Kugabana
b. Gufata (1/3) cy'umutungo wose

Aba afite amahitamo yo gufata icyo yishimiye kurursha ikindi, niba abona kugabana aribyo byiza kuri we azungura muri ubwo buryo, yabona kandi gufata (1/3) cy'ibyasigaye byose aribyo byiza akazungura gutyo.

## IGISOBANURO CYO KUGABANA

Ni ugafata Sekuru w'uwapfuye nk'umuvandimwe w'uwapfuye bahuje se na nyina agafata umugabane w'umuvandimwe kuri se na Nyina agafatwa nk'umuvandimwe uri kumwe n'abandi bavandimwe, bisobanuye ko nahura na mushiki w'uwapfuye kuri se na nyina azafata bwikube kabiri ibyuwa mushiki w'uwapfuye. Ariko iyo abonye iryo gabana nk'umuvandimwe rimugiraho ingaruka ararireka akifatira kimwe cya gatatu cy'ibyasigaye byose.

### Ni ryari kugabana biba byiza kuri Sekuru?

Kugabana biba byiza kuri sekuru mu buryo batanu bukurikira aribwo:

1. Sekuru na mushiki w'uwapfuye bahuje Se na Nyina
   ***Sekuru afata 2/3 by'umutungo wose.***

2. Sekuru na bashiki b'uwapfuye babiri bahuje Se na Nyina
   ***Sekuru afata 1/2 cy'umutungo wose.***

3. Sekuru na bashiki b'uwapfuye batatu bahuje Se na Nyina
   ***Sekuru afata 2/5 by'umutungo wose.***

4. Sekuru n'umuvandimwe w'uwapfuye bahuje Se na Nyina
   ***Sekuru afata 1/2 by'umutungo wose.***

5. Sekuru n'umuvandimwe na mushiki b'uwapfuye bose bahuje ababyeyi bombi.
   ***Sekuru afata 2/5 by'umutungo wose.***

Ibyo byose akaba ari byo byiza kuri we kurusha uko yahabwa 1/3 cy'umutungo, kugabana rero akaba aribyo byiza kuri we.

## NI RYARI KUGABANA NA 1/3 BIBA BINGANA.

Muri ubu buryo bukurikira uko ari butatu kugabana 1/3 byose ni kimwe birangana:

1. Sekuru hamwe n'abavandimwe babiri bahuje n'uwapfuye ababyeyi bombi
2. Sekuru na bashiki b'uwapfuye bane bahuje n'uwapfuye ababyeyi bombi
3. Sekuru n'umuvandimwe umwe na bashiki babiri bose bahuje n'uwapfuye ababyeyi bombi.

Muri ubu buryo bwose uko ari butatu sekuru afata 1/3 cy' umutungo wose mu kugabana aribyo bingana na 1/3 cy' umutungo wose igihe yazunguye atagabanye n'abavandimwe nk'umwe muri bo.

## NI RYARI GUFATA 1/3 CY'UMUTUNGO BIBA BYIZA KURI WE KURUSHA KUGABANA?

Uretse mu buryo umunani twagaragaje hejuru ahandi 1/3 cyumutungo nicyo kiba cyiza kuriwe kurusha kugabana, urugero nkumuntu apfuye agasiga Sekuru n'abavandimwe, cyangwa agasiga Sekuru na bashiki be batanu kuzamura cyangwa hagasigara Sekuru n'abavandimwe babiri na bashiki be babiri kuzamura icyo gihe afata 1/3 cy'umutungo ibisigaye abavandimwe bakabigabana hagendewe ku bwiriza ry'uko umuhungu afata bwikube kabiri umukobwa, kubera yuko tumuhaye hagendewe ku kugabana nabo nk'umwe muri bo byamugiraho ingaruka kuko ibyo yabona byaba biri munsi ya 1/3 ntibigire icyo bimwungura.

**Icyitonderwa:** Abavandimwe na bashiki b'uwapfuye bahuje Se gusa barebwa niri tegeko iyo ntabo bahuje ababyeyi bombi bahari.

## UBURYO BWA KABIRI

Ni ukuba Sekuru ari kumwe n'abavandimwe na bashiki b'uwapfuye ndetse n'abandi bazungura bafite imigabane ihoraho ubundi agafata icyiza kuri we muri bitatu bikurikira:

1. Kugabana
2. 1/3 cy'ibyasigaye
3. Cyangwa 1/6 cy'umutungo wose.

Ni ngombwa y'uko ibyo azungura bitagomba kujya munsi ya kimwe 1/6 mu buryo ubwo aribwo bwose, haramutse ntagisigaye nyuma yo gutanga imigabane isanzwe izwi kuri banyirayo uretse 1/6 cyangwa se hagasigara bicye kuri 1/6 muri ubu buryo sekuru ni ngombwa ko ahabwa icyo 1/6 hanyuma abavandimwe ntibagire icyo babona hagendewe kubyo aba Imam ndetse n'abamenyi mu by'amategeko y'idini bemeranyijweho.

Ariko iyo kugabana n'abavandimwe nk'umwe muri bo nyuma yo gutanga imigabane isanzwe aribyo byiza kuri we ahabwa muri iyo nzira, niyo 1/6 aricyo kibaye kiza kuri we ahabwa ibyo, iyo ibyo byose bidashobotse ahabwa 1/6 mu byasigara byose uko byaba bingana kuko ntashobora gutakaza umugabane wa 1/6 usanzwe uzwi mu buryo ubwo aribwo bwose.

## INGERO ZISOBANURA NEZA UBU BURYO BWA KABIRI.

a. Umugore arapfuye asize umugabo, Sekuru na musaza we kuri Se na Nyina

Umugabo afite umugabane we uzwi ariwo 1/2 ibisigaye byose bikagabanywa sekuru na musaza we, ahangaha kugabana nibyo byiza kuri sekuru kurusha uko yafata 1/3 cy'ibyasigaye cyangwa kimwe cya gatandatu kubera ko iyo agabanye na musaza w'uwapfuye afata 1/4 kubera yuko haba hasigaye kimwe cya kabiri bakakigabana buri umwe agafata 1/4.

| Umugabo | Sekuru | Musaza we |
|---|---|---|
| 1/2 | 1/4 | 1/4 |

b. Arapfuye asize Nyina, Sekuru, abavandimwe babiri bahuje ababyeyi bombi na bashiki be babiri bahuje Se na Nyina.

Aha Nyina afata 1/6, Sekuru agafata 1/3 cy'ibyasigaye, ibisigaye abavandimwe baka bigabana na bashiki babo hagendewe ku bwiriza ryo guha igitsina gabo bwikube kabiri ku gitsina gore mu buryo bukurikira: Nyina, Sekuru, abavandimwe na bashiki babo 1/6, 1/3 cy'ibyasigaye, igitsina gabo inshuro ebyiri kuri gore. 1/3 cy'ibyasigaye bivuze 1/3 cya 5/7 bingana na hafi 27% akaba aribyo byiza kuri Sekuru muri uyu mugabane.

# ISOMO RYA KARINDWI

## AMATEGEKO YO KWIYONGERA KW'IMIGABANE (AL A'WUL) MU IZUNGURA NO KUGABANYUKA (AR-RADU) KWAYO

*Ibisobanuro by'ukwiyongera kw'imigabane (al awlu)*

1. Ni ryari kwiyongera kw'imigabane kwabayeho bwa mbere? Hari habaye iki?
2. Ibyita rusange byiyongera n'ibitiyongera
3. Icyita rusange (6) kiyongera kugera kuri kangahe? N'ingero zabyo
4. Icyita rusange (12) kiyongera kugera kuri kangahe? N'ingero zabyo
5. Icyita rusange (24) kiyongera kugera kuri kangahe? N'ingero zabyo
6. Ibisobanuro byo kugabanyuka kw'umugabane
7. Abazungura imigabane yabo igabanyuka n'abo itagabanyuka
8. Uburyo bwo kugabanyuka kw'imigabane iyo nta n'umwe mu bashakanye uhari
9. Uburyo bwo kugabanyuka kw'imigabane iyo hari umwe mu bashakanye
10. Ingero ngiro z'iby'igabanyuka ry'imigabane n'amoko yaryo

## 1.IBISOBANURO BY'UKWIYONGERA KW'IMIGABANE (AL AWLU).

Ijambo [Awlu] mu rulimi rw'icyarabu rifite ibisobanuro bitandukanye ariko byose bihurira ku Kwiyongera, Gutubuka n'ibindi.

Naho mu bisobanuro bitangwa n'abahanga b'ubumenyi, ijambo [Awlu], ni "ukwiyongera mu giteranyo cy'imigabane y'itegeko, bigatuma hababaho kugabanyuka kw'ibyo abazungura bari guhabwa", igihe imigabane yahuriranye ari myinshi, ikiharira umutungo wose, maze hakagira abazungura basigara ntacyo babonye.

Icyo gihe rero biba ngombwa ko twongera icyita rusange kugirango umutungo ukwire abafite imigabane y'itegeko bose, bityo hakabaho kugabanyuka kwa buri mugabane buri wese yari guhabwa, nta n'umwe wimwe na kimwe mu izungura.

**Urugero:** nk'umugabo wari guhabwa kimwe cya kabiri (1/2) cy'umutungo hari ubwo cyagabanyuka agahabwa ibingana na kimwe cya gatatu (1/3) cy'umutungo, cyangwa icyita rusange kikongerwa aho kuba (6) kikaba (9), aho guhabwa (3/6) bingana na kimwe cya kabiri cy'umutungo, agahabwa (3/9) bingana na kimwe cya gatatu cy'umutungo. Ni nkuko bigenda no ku bandi bazungura, imigabane yabo iragabanyuka igihe habayeho ukwiyongera kw'imigabane.
Aha niho imvugo y'abahanga mu bumenyi bw'iby'izungura igaragarira aho basobanura ukwiyongera kw'imigabane ko ari "Ukwiyongera kw'imigabane y'itegeko no kugabanyuka kw'ibyo abazungura bari guhabwa".

## 2.NI RYARI KWIYONGERA KW'IMIGABANE KWABAYEHO BWA MBERE?

Ukwiyongera kw'imigabane ntikwabayeho ku gihe cy'intumwa y'"Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha), habe no ku gihe cy'umusangirangendo Abubakar (Allah amwishimire), kuko nta kibazo cyabayeho gisaba ko imigabane yiyongera, ahubwo ikibazo cya mbere cyabayeho ku gihe cy'umusangirangendo Omar mwene Khatwab (Allah amwishimire).

Umusangirangendo Ibn Abass (Allah amwishimire) aragira ati "Uwa mbere byagaragayeho ku gihe cye kongera Imigabane ni ku gihe cya Omar mwene Khatwab, ubwo imigabane yabaye myinshi, ndetse bamwe barabona abandi ntibabona, maze aravuga ati "Sinzi uwo Allah

yabanje, sinzi n'uwo yaherukije! Kandi yari umuntu ugira gutinya no kwanga umugayo, maze aravuga ati "Ndabona nta kundi nabigenza, uretse kubagabanya imitungo mu migabane, maze buri wese uzungura nkagenda mu gabanyiriza ku mugabane we (kugirango habeho gusaranganya), uwa mbere wabitangije ni Omar mwene Khatwab".

Nyuma n'abamenyi baje kubyemeranywaho, ntihagira n'umwe unyuranya nabyo, ubwo igihe cy'ubuyobozi bwa Omar cyarangiraga, umusangirangendo Ibn Abass yaje kunyuranya nawe uretse ko ibitekerezo bye bitaje gushyigikirwa nk'igitekerezo cya Omar.

## HARI HABAYE IKI?

Abanyamategeko n'abanditsi batubwira ko impamvu yatumye Omar afata umwanzuro wo kongera imigabane no kugabanya ku byo buri muzungura yari kubona (Awlu) kugirango habeho gusaranganya ari igihe yazaniwe ikibazo:

Umugore yapfuye asiga (Umugabo, na bashiki be babiri bahuje ababyeyi bombi), icyo gihe umugabo ahabwa kimwe cya kabiri (1/2), bashiki b'uwapfuye bahabwa bibiri bya gatatu (2/3), maze imigabane irenga umutungo bagomba kugabana, umugabo aza asaba umugabane we wuzuye, na bashiki b'uwapfuye baza basaba umugabane wabo wuzuye. Omar aravuga ati "Sinzi uwo mbanza cyangwa mperutsa!? Bisobanuye ngo Nindamuka mpaye umugabo mbere umugabane we ari wo kimwe cya kabiri (1/2), umugabane wa bashiki b'uwapfuye uraba ugabanyutse, kandi nimbanza guha bashiki b'uwapfuye umugabane wabo ari wo bibiri bya gatatu (2/3), umugabane w'umugabo uraba ugabanyutse,…Ubwo yahise abihagarika agisha inama bamwe mu basangirangendo, umwe muri bo (Zayd mwene Thabit) amugira inama yo kongera imigabane (Awlu). Omar aravuga ati "Mwongere imigabane", maze n'abandi basangirangendo barabishyigikira babyemeranywaho."

## 3.IBYITA RUSANGE BYIYONGERA N'IBITIYONGERA.

Ubundi ibyita rusange birimo amoko arindwi, atatu muriyo ariyongera, ane muri yo ntiyiyongera. Naho ibyo bitatu byiyongera ni (6- 12- 24). Naho ibitiyongera ni (2- 3- 4- 8). Iyo icyita rusange cy'amahurizo ari umwe muri iyi mibare tuvuze, icyo gihe nta kwiyongera kwabaho. Urugero: nk'umugore apfuye agasiga (umugabo, mushiki we bahuje ababyeyi bombi cyangwa mushiki we bahuje Se gusa, icyo gihe icyita rusange kiba (2), umugabo agahabwa (1) muri (2), na mushiki w'uwapfuye agahabwa (1) isigaye.

Icyo gihe nta kwiyongera kw'icyita rusange kwabaho. Nkuko na none umugore yapfa agasiga (Se na Nyina), icyo gihe Nyina yahabwa kimwe cya gatatu (1/3), ibisigaye bigahabwa Se wa Nyakwigendera. Maze icyita rusange kikaba (3), bityo nta kwiyongera kwagaragaramo.

Nanone nk'umugabo apfuye agasiga (Umugore, umuvandimwe bahuje Se na Nyina, mushiki we bahuje Se na Nyina), icyo gihe icyita rusange cyaba (4): Umugore agahabwa kimwe cya kane (1/4) kingana na (1) muri (3), naho ibisigaye aribyo (3/4) bikagabanywa hagati y'umuvandimwe na mushiki ba Nyakwigendera bahuje ababyeyi bombi, igitsina gabo gifata ibyikubye kabiri iby'igitsina gore.

Icyo gihe turavuga tuti "ihurizo rifite icyita rusange cya (4), ntibishoboka ko icyo cyita rusange cyakiyongera, ni nk'uko na none Umuntu aramutse apfuye agasiga (umugore, umukobwa we, mushiki we bahuje ababyeyi bombi na mushiki we bahuje Se gusa). Icyo gihe icyita rusange cyaba (8): umugore 1/8, umukobwa we 1/2, mushiki we bahuje ababyeyi bombi agahabwa ibisigaye, icyo gihe nkuko bigaragara nta kwiyongera ku cyita rusange kwabayeho.

**Ibyita rusange byiyongera.**

Naho ibyita rusange byiyongera ni (6-12-24) nkuko twabigaragaje, kuko buri umwe muri iyi mibare tuvuze uriyongera igihe ari icyita rusange; nka (6) uriyongera ukaba wagera ku (10) byaba ibiharwe cyangwa atari ibiharwe (7-8-9-10), kandi ntujya urengaho, wiyongera rero inshuro enye gusa.

Naho (12) uriyongera ukaba wagera kuri (17) ari ibiharwe gusa (13-15-17), wiyongera rero inshuro eshatu gusa. Naho (24) uriyongera kugera kuri (27) inshuro imwe gusa mu ihurizo rizwi ku izina ry'ihurizo rya Minbar (Minbariyat), tuza gusobanura.

## INGERO NGIRO ZO KWIYONGERA KW'ICYITA RUSANGE (6).

1. Umugore yapfuye agasiga (Se, Nyina, Umukobwa we, umwuzukuru we w'umukobwa w'umuhungu we). *Ese buri wese yafata umugabane ungana ute?*

Se: 1/6, Nyina: 1/6, Umukobwa we: 1/2 gihwanye na 3/6, umwuzukuru we: 1/6 cyuzuriza 2/3.

Icyo gihe icyita rusange ni (6), n'umubare w'imigabane ni (6). Hano nta kwiyongera kw'icyita rusange kwabayeho, kuko icyita rusange cyaje kingana n'umubare w'imigabane.

2. Umugore yapfuye asiga (Umugabo, mushiki we bahuje Se na Nyina, mushiki we bahuje Nyina gusa).

*Ese buri wese yafata umugabane ungana ute?*

Umugabo: 1/2, mushiki we bahuje ababyeyi bombi: 1/2 gihwanye na 3/6, mushiki we bahuje Nyina: 1/6. Duteranyije imigabane turasanga ari 7/6, hano wiyongereyeho umugabane umwe (Awlu), icyo gihe twongera n'icyita rusange aho kuba (6) kikaba (7), n'ibindi ni nk'uko,...

3. Umugore yapfuye asiga: (umugabo, Nyina, Mushiki we bahuje ababyeyi bombi, mushiki we bahuje Nyina gusa).

*Ese icyo gihe umugabane wa buri wese ungana iki?*

**Umugabo:** 1/2 kingana na 3/6, Nyina: 1/6, mushiki we bahuje ababyeyi bombi: 3/6, mushiki we bahuje Nyina 1/6. IGiteranyo cy'imigabane ni 8/6. Hano habayeho Kwiyongera biva ku cyita rusange (6), biba (8). Ibi mu ri ubu bumenyi byitwa (Al Mubaahalat)

4. Umugore yapfuye asiga: (Umugabo, abavandimwe be babiri bahuje Nyina, bashiki be babiri bahuje ababyeyi bombi).

*Ese umugabane wa buri wese ungana ute?*

Umugabo: 1/2 kingana na 3/6, abavandimwe babiri kwa Nyina: 1/3 kingana 2/6, bashiki be babiri bahuje ababyeyi bombi: 2/3 bingana na 4/6. Icyo gihe igiteranyo cy'imigabane kiraba 9/6, icyo gihe dukuraho (6) tugasigaza (9) ikaba icyita rusange. Maze tukavuga ko ihurizo habayemo Kwiyongera bikava kuri (6) bikajya ku (9). Ari byo bita muri ubu bumenyi **(Al Mar'waaniyat)**

5. Umugore yapfuye asiga: (Umugabo, bashiki be babiri bahuje Se, bashiki be babiri bahuje Nyina, Nyina.

*Ese umugabane wa buri wese ungana iki?*

Umugabo: 1/2 kingana na 3/6, bashiki be bahuje Se: 2/3 bingana na 4/6, bashiki be bahuje Nyina: 1/3 kingana na 2/6, Nyina: 1/6. Igiteranyo cy'iyi migabane ni 10/6, icyo gihe (6) tuyikuraho tugasigaza (10) nk'icyita rusange, maze tukavuga ko mu ihurizo habayemo Kwiyongera kuva kuri (6) kuba (10). Ari byo bita muri ubu bumenyi **(Ashurayhiyat)**.

**Ingero zo Kwiyongera kw'icyita rusange (12).**

1. Umuntu arapfuye asiga: (Umugore, bashiki be babiri bahuje ababyeyi bombi, Nyina). *Ese umugabane wa buri wese ungana iki?*

| Imbonerahamwe (1) | **12** | **13** |
|---|---|---|
| Umugore: 1/4 | | 3 |
| Bashiki be: 2/3 | | 8 |
| Nyina: 1/6 | | 2 |

Hano ihurizo habayemo 'Kwiyongera kw'icyita rusange' kiva kuri (12) kiba (13).

Icyita rusange mu ruhande rw'iburyo, kinagaragaza umubare wiyongereye uba ari wo uba icyita rusange.

2. Umuntu arapfuye: asiga (Umugore, Nyina, Mushiki we bahuje ababyeyi bombi, mushiki we bahuje Se, mushiki we bahuje Nyina. *Ese umugabane wa buri wese ungana iki?*

| Imbonerahamwe (2) | **12** | **15** |
|---|---|---|
| Umugore: 1/4 | | 3 |
| Nyina: 1/6 | | 2 |
| Mushiki we bahuje ababyeyi bombi: 1/2 | | 6 |
| Mushiki we kwa Se: 1/6 cyuzuriza 2/3 | | 2 |
| Mushiki we kwa Nyina: 1/6 | | 2 |

3. Umuntu arapfuye asiga (Abagore batatu, ba Nyirakuru babiri, bashiki umunani bahuje ababyeyi bombi, bashiki be bane bahuje Nyina. *Ese umugabane wa buri wese ungana ute?*

| | | |
|---|---|---|
| Imbonerahamwe (3) | **12** | **17** |
| Abagore batatu: 1/4 | | 3 |
| Ba Nyirakuru babiri: 1/6 | | 2 |
| Bashiki be umunani: 2/3 | | 8 |
| Bashiki be bane: 1/3 | | 4 |

Muri uru rugero habayemo Kwiyongera kw'icyita rusange kiva kuri (12), kiba (17)., Icyo gihe (17) niyo tugira icyita rusange.

Ibi nibyo bita (Dinariyat Swugh'ra: Nto).

**Ingero zo Kwiyongera kw'icyita rusange (24).**

Icyita rusange makumyabiri na kane (24) kiyongera rimwe gusa kikaba (27) mu ihurizo ryizwi ku izina rya (Minbariyat). Ryiswe gutyo kuko Umusangirangendo Ally (Allah amwishimire), yaricyemuye ari Minbar , maze ryitirirwa aho hantu.

**Ishusho yaryo iteye itya:**

Umuntu yapfuye asiga: (Umugore, Ababyeyi bombi (Se na Nyina), abakobwa be babiri). Icyo gihe Umugore ahabwa: 1/8 kingana na 3/24, Se: 1/6 kingana na 4/24, Nyina: 1/6 kingana na 4/24, abakobwa be: 2/3 bingana na 6/24. Igiteranyo cy'imigabane kiraba 27/24, maze icyita rusange ntikibe (24) ahubwo kibe (27), nkuko biri mu mbonerahamwe ikurikira.

| Imbonerahamwe (4) | **24** | **27** |
|---|---|---|
| Umugore: 1/8 | | 3 |
| Se w'uwapfuye: 1/6 | | 4 |
| Nyina w'uwapfuye: 1/6 | | 3 |
| Abakobwa be babiri: 2/3 | | 16 |

Iri niryo hurizo bita (Minbariyat) aho icyita rusange cyavuye kuri (24) kikaba (27).

Urundi rugero nk'uru, umuntu aramutse apfuye agasiga: Umugore, Ababyeyi be bombi (Se na Nyina), umukobwa we, n'umwuzukuru we w'umukobwa w'umuhungu we); icyita rusange cyaba 27.

| Imbonerahamwe (5) | **24** | **27** |
|---|---|---|
| Umugore: 1/8 | | 3 |
| Se: 1/6 | | 4 |
| Nyina: 1/6 | | 4 |
| Umukobwa we: 1/2 | | 12 |
| Umwuzukuru we: 1/6 cyuzuza 2/3 | | 4 |

[3] Ahantu Imam uyobora amasengesho ahagarara imbere y'abaje mu musigiti ari gutanga inyigisho.

**Icyitonderwa:**

1. Buri hurizo ririmo umuzungura uzungura kimwe cya kabiri (1/2) cy'umutungo, n'undi uzungura Ibisigaye, cyangwa rikaba ririmo abazungura babiri buri umwe muri bo azungura 1/2, icyo gihe icyita rusange kiba (2), nta no kwiyongera kw'icyita rusange kibaho.

2. Buri hurizo, umuzungura abonamo 1/3, undi akazungura ibyasigaye, cyangwa hakaba harimo abazungura babiri, umwe muri bo azungura 1/3, naho undi akazungura 2/3, icyo gihe icyita rusange kiba (3), nta no kwiyongera kw'icyita rusange kubaho.

3. Buri hurizo umuzungura abonamo 1/4, undi akabona ibisigaye, cyangwa hakaba harimo abazungura babiri umwe muri bo azungura 1/4 undi akazungura 1/2, icyo gihe icyita rusange kiba (4) kandi nta kwiyongera kw'icyita rusange kubaho.

4. Buri hurizo umuzungura abonamo 1/8, undi akabona ibisigaye, cyangwa hakaba harimo abazungura babiri umwe muri bo azungura 1/8 undi akazungura 1/2, icyo gihe icyita rusange kiba (8) kandi nta kwiyongera kw'icyita rusange kubaho.

## IBISOBANURO BYO KUGABANYUKA KW'UMUGABANE.

Kugabanyuka kw'umugabane (Ar-radu) mu bisobanuro duhabwa n'abahanga muri ubu bumenyi ni "Ukugabanyuka kw'icyita rusange, no kwiyongera kw'imigabane y'itegeko y'abazungura". Ni ikinyuranyo rero cyo Kwiyongera kw'imigabane (Awlu) twari tumaze kubona.

Iyo hari ibisigaye mu izungura, nyuma yo guha abanyamigabane y'itegeko, hakaba nta bazungura ibyasigaye bahari, icyo gihe ibyo bisagutse byongererwa abazungura b'imigabane y'itegeko bahari, buri wese hakurikijwe umugabane we.

## Ibisabwa kugirango habeho Kongera imigabane y'abazungura (AR-RADU).

Nta mugabane w'umuzungura wakongerwa hatabanje kubahirizwa ibi bintu bitatu bikurikira:

1-Kuba hari umunyamugabane w'itegeko.
2-Kuba nta wuzungura ibyasigaye uhari
3-Kuba hari umutungo usigaye

Iyo ibi tumaze kuvuga nta bihari icyo gihe no kongera imigabane nta bibaho.

### Abazungura bongererwa imigabane yabo.

Abazungura imigabane y'itegeko yagenwe bose bongererwa imigabane yabo iyo hari ibyasigaye, uretse Abashakanye babiri (Umugabo cyangwa Umugore), bakaba ari umunani bakurikira:

1. Umukobwa
2. Umwuzukuru w'umukobwa w'umwana w'umuhungu
3. Mushiki w'uwapfuye bahuje ababyeyi bombi
4. Mushiki w'uwapfuye bahuje Se gusa
5. Nyina
6. Nyirakuru w'uwapfuye (ubyara Se)
7. Mushiki w'uwapfuye bahuje Nyina
8. Umuvandimwe w'uwapfuye bahuje Nyina.

Naho Se na Sekuru ba Nyakwigendera n'ubwo bari mu banyamigabane y'itegeko rimwe na rimwe, ariko nabo ntibongererwa umugabane wabo, kuko igihe cyose Se w'uwapfuye cyangwa Sekuru ahari, icyo gihe muri iryo hurizo ntihashobora kubamo (Kongerera imigabane y'abazungura), kuko bahita babarwa mu bazungura ibyasigaye, bityo bakazungura ibisigaye.

### Abazungura batongererwa imigabane yabo.

Naho abazungura batajya bongererwa, mu banyamigabane y'itegeko ni abashakanye (Umugabo cyangwa Umugore), kubera ko isano bafitanye si isano ry'amaraso, ahubwo ni isano ryatewe n'impamvu yo gushyingiranwa, kandi ryarangiranye n'urupfu. Bityo nta kongerera umwe mu bashakanye mu byo yari kuzungura, buri wese afata umugabane we w'itegeko yagenewe nta kiyongereyeho, naho ibisagutse mu izungura byongererwa abandi.

## Uburyo bwo Kongera imigabane y'Abazungura.

Kongera imigabane y'abazungura birimo uburyo bune, na buri buryo buriharive:

1. Abazungura bagomba kuba abanyamugabane w'itegeko umwe, hatarimo umwe mu bashakanye babiri.

2. Abazungura bagomba kuba abanyamigabane y'itegeko itandukanye, hatarimo umwe mu bashakanye babiri.

3. Abazungura bagomba kuba abanyamugabane w'itegeko umwe, bari kumwe n'umwe mu bashakanye babiri.

4. Abazungura bagomba kuba abanyamigabane y'itegeko itandukanye, bari kumwe n'umwe mu bashakanye babiri.

## Itegeko ry'uburyo bwa mbere.

Iyo abazungura ari abanyamugabane w'itegeko umwe, hatarimo umwe mu bashakanye babiri, icyo gihe umutungo ugabanywa hakurikijwe umubare w'abazungura mbere na mbere, hagamijwe inzira ya bugufi.

Icyo gihe umuntu aramutse apfuye agasiga (abakobwa batatu) gusa, icyo gihe icyita rusange cyaba (3), hashingiwe ku mubare wabo, kuko bafite umugabane wa 2/3 w'itegeko, hanyuma ibisigaye (1) bakayongererwaho (Ar-radu). Bityo tukagabanya umutungo hakurikijwe umubare wabo, kuko abazungura ari abanyamugabane w'itegeko umwe. Ubwo tukaba duhaye buri wese muri bo umugabane we ndetse n'inyongegera twayongeyeho.

**Urugero:** umuntu apfuye agasiga (bashiki be 10 bahuje ababyeyi bombi), icyo gihe icyita rusange kiba (10) kigakusanya ibyo bari bubone nk'umugabane w'itegeko n'ibyo bari bubone nk'inyongera.

**Urundi rugero:** nk'umuntu apfuye agasiga (nyirakuru, mushiki we bahuje Nyina). Icyo gihe icyita rusange kiba (2), kigakusanye umugabane bari kuzungura w'itegeko n'ibyo bongereweho. Kuko imigabane yabo iri kumwe. Na none umuntu apfuye agasiga abavandimwe be bahuje Nyina batandatu, icyo gihe icyita rusange kiba (6) hashingiwe ku mubare wabo, n'izindi ngero zakorwa gutya.

**Itegeko ry'uburyo bwa kabiri.**

Iyo abazungura bagomba kuba abanyamigabane y'itegeko itandukanye, hatarimo umwe mu bashakanye babiri, icyo gihe umutungo ugabanywa hakurikijwe umubare w'imigabane, aho kuba umubare w'abazungura nk'igihe umuntu yapfa agasiga (Nyina, abavandimwe babiri bahuje n'uwapfuye Nyina); icyo gihe Nyina ahabwa 1/6, abavandimwe 1/3. Maze icyita rusange kikaba hakurikijwe umubare w'imigabane (3), kuko Nyina afite umugabane 1 wa 1/6, n'abavandimwe bafite imigabane 2 ya 2/6. Igiteranyo cy'imigabane kikaba 3/6 ari nacyo cyita rusange cy'ihurizo.

**Ingero ngiro z'ubu buryo.**

**a.** Umuntu yapfuye asiga: Umukobwa we, Umwuzukuru we w'umukobwa wo ku mwana we w'umuhungu. Icyita rusange kiraba (4) kuko ari cyo giteranyo cy'imigabane yabo.

**b.** Umuntu yapfuye asiga: Nyina, mushiki we bahuje ababyeyi bombi, umuvandimwe we bahuje Nyina gusa. Icyita rusange kiraba (5) kuku ari cyo giteranyo cy'imigabane yabo.

**c.** Umugore yapfuye asiga: Nyirakuru, umukobwa we, umwuzukuru we w'umukobwa w'umuhungu we. Icyita rusange kiraba (5) kuku ari cyo giteranyo cy'imigabane yabo.

**d**. Umugore yapfuye asiga: mushiki we bahuje ababyeyi bombi, mushiki we bahuje Se gusa. Icyita rusange kiraba (4) kuko ari cyo giteranyo cy'imigabane yabo.

**e**. Umuntu yapfuye asiga: mushiki we bahuje ababyeyi bombi, mushiki we bahuje Se gusa, mushiki we bahuje Nyina gusa. Icyita rusange kiraba (5) kuku ari cyo giteranyo cy'imigabane yabo.

N'izindi ngero wabigenza utyo, ariko igihe cyose hakaba nta n'umwe mu bashakanye (Umugabo cyangwa umugore) uhari.

**Itegeko ry'uburyo bwa gatatu.**

Iyo abazungura ari abanyamugabane umwe, ariko bakaba bari kumwe n'umwe mu bashakanye, icyo gihe itegeko ni uko icyita rusange kiba hashingiwe ku mugabane w'utongererwa mu bazungura, hanyuma ibisigaye bikagabanywa hakurikijwe umubare w'abazungura. Nk'igihe

hasigaye umugabo, abakobwa babiri. Icyo gihe umugabo ahabwa 1/4, ibisigaye 3/4 bigabanywa abakobwa ku buryo bungana.

Naho umuntu apfuye agasiga: Umugore, abavandimwe be babiri bahuje Nyina gusa, mushiki we bahuje Nyina. Icyo gihe icyita rusange cyaba (4), hashingiwe ku cyita rusange cy'umugabane w'utongererwa ibyasigaye, hanyuma ibisigaye bikagabanywa hashingiwe ku mubare w'abazungura. Na none hari umuntu upfuye agasiga: Umugore, abakobwa (5). Icyo gihe icyita rusange cyaba (8); umugore agahabwa umugabane umwe wa 1/8, naho 7/8 bisigaye bikagabanywa hagati yabo hashingiwe ku mubare wabo, maze ihurizo rigakorwa muri ubu buryo bukurikira:

| | **8** | **40** | Gukosora icyita rusange |
|---|---|---|---|
| Umugore: 1/8 | 1 | 5 | Umugore yabonye imigabane 5 muri 40 |
| Abakobwa batanu: 7/8 | 7 | 35 | Buri mukobwa arabona imigabane 7 muri 40. |

Na none Umugore apfuye agasiga: Umugabo, abakobwa bane. Icyita rusange kiraba (4): Umugabo arahabwa umugabane 1, ibisigaye bihabwe abakobwa mu buryo bukurikira:

| | **4** | **16** | Gukosora icyita rusange |
|---|---|---|---|
| Umugabo: 1/4 | 1 | 4 | |
| Abakobwa bane: 2/3 | 3 | 12 | Buri mukobwa arahabwa imigabane 3 |

## Itegeko ry'uburyo bwa kane.

Igihe abazungura ari abanyamigabane itandukanye, bari kumwe n'umwe mu bashakanye (umugabo cyangwa umugore), icyo gihe itegeko n'uko dukora amahurizo abiri; ihurizo rya mbere dushyiramo umwe mu bashakanye, ihurizo rya kabiri ntidushyiremo umwe mu bashakanye, hanyuma na buri hurizo tukarikora ukwaryo, maze tukareba hagati y'amahurizo yombi kimwe muri bitatu: (Gusa kwayo, guhura kwayo no gutandukana kwayo). Reka dutange zimwe mu ngero zabyo:

1. Umuntu yapfuye asiga (Umugore, Nyirakuru, bashiki be babiri bahuje Nyina).

| | |
|---|---|
| 6 | 3 |
| Nyirakuru: 1/6 | 1 |
| Bashiki be babiri bahuje Nyina: 1/3 | 2 |

<table>
<tr><td colspan="2"></td><td>4</td><td>4</td></tr>
<tr><td colspan="2">Umugore: 1/4</td><td>1</td><td>1</td></tr>
<tr><td>Nyirakuru</td><td rowspan="2">Ibyasigaye</td><td rowspan="2">3</td><td>1</td></tr>
<tr><td>Bashiki be babiri bahuje Nyina</td><td>2</td></tr>
</table>

Mu ihurizo rya mbere, icyita rusange ni (6), ariko kubera kongerera abazungura icyita rusange kiraba (5) nk'igiteranyo cy'imigabane.

Mu ihurizo rya kabiri, icyita rusange ni (4), dushingiye ku mugabane w'utongererwa umugabane we ari we mugore, harasigara (3) igabanywe hagati ya Nyirakuru na bashiki babiri bshuje Nyina.

Twareba hagati y'aya mahurizo abiri tugasanga umugabane wa Nyirakuru w'uwapfuye n'uwa bashiki ba Nyakwigendera bahuriye kuri Nyina ari wo (3); uyu mubare turasanga ari wo ugaruka mu mahurizo yombi (Gusa kwayo), kuko umugore afashe umugabane we w'itegeko ari wo wa 1/4, harasigara (3) ari nawo uri mu ihurizo ririmo kongerera abazungura imigabane, icyo gihe ntiducyeneye kurikosora, maze icyita rusange cy'ihurizo rya kabiri nicyo tugira icy'amahurizo yombi.

2. Umuntu yapfuye asiga (umugore, abakobwa babiri na Nyina).

Ihurizo rya (1): ririmo kongerera abazungura

| | |
|---|---|
| | 7 |
| | **5** |
| Abakobwa babiri: 2/3 | 4 |
| Nyina: 1/6 | 1 |

Ihurizo rya (2):

| | | |
|---|---|---|
| | 5 | |
| | **8** | **40** |
| Umugore: 1/8 | 1 | 5 |
| Abakobwa babiri | 7 | 28 |
| Nyina | | 7 |

Hano icyita rusange ni (6), twashyiraho ibyasigaye kikaba (5) nk'igiteranyo cy'imigabane yose. Mu ihurizo rya kabiri Icyita rusange cyabaye (8), dufatiye ku mugabane w'umugore, hanyuma twamuha umugabane we wa (1/8), harasigara (7/8) ari wo mugabane w'abakobwa babiri na Nyina (ku buryo bw'imigabane yabo hiyongereyeho ibisigara (Ar-radu). Turebye hagati ya (7) na (5) harimo ukudasa kw'iyi mibare, icyo gihe twafashe icyita rusange cy'ihurizo rya kabiri ari cyo (8) tugikuba ku cyita rusange cy'ihurizo rya mbere (5), maze icyo tubonye (40) kiba icyita rusange gihuriweho n'amahurizo yombi, hanyuma dufata (4x7=28) nk'umugabane w'abakobwa babiri, nkuko twafashe (1x7=7) nk'umugabane wa Nyina wa Nyakwigendera.

3. Umuntu yapfuye asiga (abagore babiri, Nyina n'umukobwa we).

Ihurizo (1) ryo kongerera abanyamigabane ibyasigaye.

| | |
|---|---|
| | 7 |
| **6** | **4** |
| Nyina: 1/6 | 1 |
| Umukobwa: 1/2 | 3 |

| | | |
|---|---|---|
| | 4 | |
| | **8** | **32** |
| Abagore babiri: 1/8 | 1 | 4 |
| Nyina | 7 | 7 |
| Umukobwa | | 21 |

Muri iri hurizo rya mbere icyita rusange ni (6), twakongeraho ibyasigaye (ar-radu) kiraba (4) nk'igiteranyo cy'imigabane, naho mu ihurizo rya kabiri icyita rusange ni (8) dufatiye ku mugabane w'umugore, na nyuma y'uko umugore afata umugabane we harasigara (8) kandi hagati ya (8) na (4) harimo ukudasa. Dufata icyita rusange cy'ihurizo rya kabiri tugikuba n'icyita rusange cy'ihurizo rya mbere tubona (32), ari nawo cyita rusange cy'amahurizo yombi ari nacyo gishobora kugabanyika, icyo gihe umugabane w'umugore uraba 4/32, uwa Nyina w'uwapfuye 7/32, uw'umukobwa w'uwapfuye 21/32. N'izindi ngero warebera kuri izi twatanze. Allah niwe mumenyi uhebuje.

# ISOMO RYA MUNANI

## KUBARA N'UBURYO BWO KUNOZA IMITANGIRE Y'UBURAGE.

*Uburyo bwo kubara no kugabanya izungura.*

1. Igisobanuro cyo gushyiraho "icyita rusange" ku bamenyi b'iby'izungura.
2. Ubwoko bwa mbere mu mibare y'itegeko (1/2, 1/4, 1/8)
3. Ubwoko bwa kabiri mu mibare y'itegeko (2/3, 1/3, 1/6)
4. Itegeko ryo gushaka icyita rusange
5. Ibisobanuro byo (gusa, kwinjiranamo, guhuza, no kudasa)
6. Ibisobanuro byo kubara n'uburyo bwo kubara
7. Ingero ngiro z'uburyo bwo kubara
8. Uburyo bwo kugabanya izungura hagati y'abazungura
9. Uburyo bwa mbere yo kugabanga izungura
10. Uburyo bwa kabiri bwo kugabanya izungura

## UBURYO BWO KUBARA NO KUGABANYA IZUNGURA.

Kumenya “Icyita rusange” cy’ibigabanywa mu izungura ni ingenzi cyane kuri buri mushakashatsi muri ubu bumenyi, kugirango bimworohere kumenya uburyo bwo kugabanya imitungo izungurwa ku bagomba kuyizungura mu buryo buboneye, ndetse na buri mugabane w’uzungura mu buryo bwuzuye butagabanyije.

## GUSHYIRAHO ICYITA RUSANGE.

Kumenya uburyo bwo Gushyiraho icyita rusange, ari byo Abahanga mu by’amategeko y’izungura bita “Gushyiraho icyita rusange” mu kubara imigabane y’izungura, bisobanuye Kugera ku mubare muto ushobora kugabanyika n’umugabane wa buri uzungura, hatagaragayemo ibice, kuko iyo hagaragayemo ibice mu kubara izungura ntibyemera cyeretse kugabanya n’umubare wemera kugabanyika.

Kugirango dushobore kumenya “Icyita rusange cy’imibare”, tureba mbere na mbere Abazungura, hari ubwo dusanga bose ari *“Abanyamigabane itagenwe muri Qur'ani na Sunat mu ruhande rwa Se w’uwapfuye [Aswabat]”*, cyangwa *“Abazungura bose bakaba ari abanyamigabane yagenwe muri Qur'ani na Sunat [Asw’hab ul Furudwi],* cyangwa bakaba bavanze.

### IGICE CYA MBERE:

Iyo bose ari *“Abanyamigabane itagenwe muri Qur'ani na Sunat mu ruhande rwa Se w’uwapfuye [Aswabat*]”, icyo gihe kubona Icyita rusange dushingira ku mubare wabo igihe ari igitsina gabo gusa, urugero rwabyo ni nk’uko Umuntu yapfa agasiga abahungu batanu (5), icyo gihe Icyita rusange mu kugabanya imigabane y’abazungura ni Gatanu (5), cyangwa arapfuye asize abavandimwe be bavukana b’igitsina gabo icumi (10), icyo gihe Icyita rusange ni icumi (10), ni nkuko n’ibindi tubigenza…

Igihe ari igitsina gabo n’igitsina gore bavanze, icyo gihe duha Igitsina gabo umugabane wikubye kabiri Igitsina gore, naho Igitsina gore dukagiha umugabane umwe gusa kubera ibwiriza rigira riti “Buri gitsina gabo gihabwe ibyikubye kabiri umugabane w’igitsina gore”, icyo gihe gushaka Icyita rusange hashingirwa ku mubare wabo na none. Urugero rwabyo ni nk’igihe Umuntu yaba apfuye agasiga Abahungu be babiri (2) n’abakobwa batatu (3), icyo gihe icyita rusange kiba umubare karindwi (7), naho iyo asize abakobwa batanu (5) n’abahungu batatu (3), icyo gihe icyita rusange kiba ari umubare cumi na rimwe (11), ni

nk'uko umuntu yapfa agasiga bashiki be barindwi (7) bavukana kwa Se na Nyina n'abavandimwe be icumi (10) bavukana kwa Se na Nyina, icyo gihe icyita rusange kiba Umubare makumyabiri na karindwi (27).

## IGICE CYA KABIRI:

N'iyo bose ari abanyamigabane yavuzwe muri Qur'ani, iyo mu migabane harimo umwe ufite umugabane w'itegeko wavuzwe muri Qur'ani, icyo gihe Icyita rusange gishingira kuri uwo mugabane wavuzwe, nka 1/3 icyita rusange ni gatatu (3), ¼ icyita rusange ni kane (4), 1/6 icyita rusange ni gatandatu (6), 1/8 icyita rusange ni umunani (8). Iyo mu igabanya hari imigabane irenze umwe, icyo gihe icyita rusange kiba umubare wikubye ugabanyika n'iyo migabane, yaba isa cyangwa yinjiranamo cyangwa idasa.

Abamenyi mu by'izungura bashyizeho itegeko ryoroshye buri wese byakorohera ku ryumva mu gushaka icyita rusange atiriwe avunika cyangwa ngo yigore, yifashishije kubara imigabane y'itegeko mu buryo bubiri bukurikira:

**Ubwoko bwa mbere:** (1/2, 1/4, 1/8): kimwe cya kabiri, kimwe cya kane, kimwe cy'umunani.

**Ubwoko bwa kabiri:** (2/3, 1/3, 1/6): bibiri bya gatatu, kimwe cya gatatu na kimwe cya gatandatu.

Iyo imigabane ari iyo mu buryo bwa mbere yonyine, icyo gihe icyita rusange kiba umubare munini uruta iyindi, naho iyo mu migabane harimo (1/2 na 1/4), icyo gihe icyita rusange kiba umubare kane (4), kuko umubare kabiri (2) winjira muri kane (4), naho iyo mu migabane harimo (1/4, ½, 1/8) cyangwa (1/8, ¼), icyo gihe icyita rusange kiba umunani (8), naho iyo mu migabane harimo (1/3, 1/6) cyangwa (2/3, 1/6), icyo gihe icyita rusange kiba (6), kuko umubare (3) winjira mu mubare (6)… Ni nk'uko igihe cyose duhitamo umubare munini. Naho iyo mu igabana, harimo imigabane y'itegeko ibiri cyangwa kurenzaho yivanze umwe uri mu bwoko bwa mbere, undi uri mu bwoko bwa kabiri, icyo gihe uzazirikane iri tegeko.

## ITEGEKO RYO KUMENYA ICYITA RUSANGE.

1. Iyo umugabane (1/2) wo mu bwoko bwa mbere, wahuye n'uwo mu bwoko bwa kabiri, yaba yose cyangwa umwe muri yo, icyo gihe icyita rusange kiba gatandatu.

2. Iyo umugabane (1/4) wo mu bwoko bwa mbere, wahuye n'uwo mu bwoko bwa kabiri, yaba yose cyangwa umwe muri yo, icyo gihe icyita rusange kiba cumi na kabiri (12).

3. Iyo umugabane (1/8) wo mu bwoko bwa mbere, wahuye n'uwo mu bwoko bwa kabiri, yaba yose cyangwa umwe muri yo, icyo gihe icyita rusange kiba makumyabiri na kane (24).
Kugirango birusheho gusobanuka, reka dutange ingero:

a. Nk'umuntu apfuye agasiga Umugabo, Musaza we bavukana kwa Nyina, Nyina, na Se wabo uvukana na Se umubyara kwa Se na Nyina *(Imbonerahamwe ya mbere).*

| **Imbonerahamwe 1** | **6** | **Icyita rusange ni (6)** |
|---|---|---|
| Umugabo: (1/2) | 3 | Icyo gihe Umugabo abona 1/2 kuko uwapfuye nta bamukaho yasize. |
| Musaza we bavukana kwa Nyina: (1/6) | 1 | Musaza we abona umugabane wa 1/6 kigenwa n'itegeko, kuko uwapfuye nta Se nta n'umwana yasize. |
| Nyina (1/3) | 2 | Nyina ahabwa umugabane wa 1/3 kigenwa n'itegeko kubera ko uwapfuye nta mwana yasize umuzungura, ndetse akaba ari nta bandi bavandimwe bamuzungura. |
| Se wabo (ahabwa ibisigaye) | - | Se wabo ntacyo abona, kuko ari mu bazungura ibyasigaye, kandi ntacyasigaye. |

Dushishoje neza muri uru rugero turasangamo umugabane wa kimwe cya kabiri (1/2) uri mu bwoko bwa mbere, wahuye n'umugabane wa kimwe cya gatandatu (1/6) na kimwe cya gatatu (1/3) yo mu bwoko bwa kabiri, icyo gihe icyita rusange kiba umubare gatandatu (6), nk'uko ari itegeko rizwi. Iki cyita rusange cyakomotse ku mubare (2x3) ikomoka ku migabane y'umugabo ndetse na Nyina ba Nyakwigendera.

b. Umuntu yapfuye asiga umugore, Nyina, abavandimwe babiri bavukana kwa Nyina ndetse n'umuvandimwe bava inda imwe *(Imbonerahamwe ya kabiri).*

| **Imbonerahamwe 2** | **12** | **Icyita rusange ni (12)** |
|---|---|---|
| Umugore: (1/4) | 3 | Icyo gihe Umugore abona 1/4 cy'itegeko kuko uwapfuye nta bamukaho yasize. |
| Nyina: (1/6) | 2 | Nyina ahabwa umugabane wa 1/6 kigenwa n'itegeko kubera ko uwapfuye yasize abavandimwe. |
| Abavandimwe (2) kwa Nyina: 1/3 | 4 | Abavandimwe bava inda imwe kwa Nyina bagabana kimwe cya gatatu (1/3) cy'itegeko, kuko Nyakwigendera nta Se yasize ndetse n'abana. |
| Umuvandimwe bava inda imwe: ibisigaye | 3 | Umuvandimwe bava inda imwe abona ibisigaye kuko ari mu bazungura ibyasigaye. |

Dushishoje neza muri uru rugero turasangamo umugabane wa kimwe cya kane (1/4) uri mu bwoko bwa mbere, wahuye n'umugabane wa kimwe cya gatandatu (1/6) na kimwe cya gatatu (1/3) yo mu bwoko bwa kabiri, icyo gihe icyita rusange kiba umubare wa cumi na kabiri (12), waturutse ku mubare (4x3) ikomoka ku migabane y'umugore ndetse n'umugabane w'abavandimwe bava inda imwe kwa Nyina.

c. Umuntu yapfuye asiga umugore, umwana w'umukobwa, umwuzukuru we w'umukobwa, Nyina n' umuvandimwe we bava inda imwe *(Imbonerahamwe ya gatatu).*

| Imbonerahamwe 3 | 24 | Icyita rusange ni (24) |
|---|---|---|
| Umugore: (1/8) | 3 | Icyo gihe Umugore abona 1/8 cy'itegeko kuko uwapfuye yasize umwana we w'umukobwa umuzungura. |
| Umwana w'umukobwa we: (1/2) | 12 | Umukobwa we abona ½ cy'umugabane w'itegeko |
| Umwuzukuru we w'umukobwa: (1/6) | 4 | Umwuzukuru we w'umukobwa abona 1/6 cyuzuriza bibiri bya gatatu 2/3 kuko ari wo mugabane w'abakobwa barenze umwe. |
| Nyina: (1/6) | 4 | Nyina ahabwa 1/6 cy'itegeko kuko hari umukobwa wa Nyakwigendera w'umuzungura |
| Umuvandimwe we bava inda imwe (ibisigaye) | 1 | Umuvandimwe we bava inda imwe abona ibisigaye |

Dushishoje neza muri uru rugero turasangamo umugabane wa kimwe cy'umunani (1/8) uri mu bwoko bwa mbere, wahuye n'umugabane wa kimwe cya gatandatu (1/6) wo mu bwoko bwa kabiri, icyo gihe icyita rusange kiba makumyabiri na kane (24) nkuko twabigaragaje, uyu mubare waturutse ku mubare (3x8) cyangwa kimwe cya kabiri (1/2) cy'umunani (4x6), kubera ko iyi mibare yombi (6 na 8) ihurira igabanyika na (2), twafashe kimwe cya kabiri cy'umwe muri yo tugikuba ku wundi tutawugabanyije.

## KUGABANYA IMIGABANE

*(Gusa, Kwinjiranamo, Guhuza, no Kudasa).*

Kugirango tugabanye imigabane abazungura, ni ngombwa ko tumenya ibi bintu bine bikurikira: Gusa, Kwinjiranamo, Guhuza, no Kudasa. Iyo abazungura bagabanyijwe imigabane yabo mu buryo nyabwo, nta bice byagaragayemo, nibyo biba bicyenewe, icyo gihe si na ngombwa kureba imigabane yabo cyangwa umubare wabo, cyangwa gukuba umubare wabo ku yindi, kuko ibyo byaba ari uguta igihe bitari ngombwa.

Naho iyo imigabane itagabanyika hakurikijwe umubare wabo, umubare wabo ukaba udahura n'imigabane yabo, icyo gihe dukosora iryo gabanya.

**Igisobanuro cyo Gukosora Igabanya.**

Kugabanya mu rulimi rw'icyarabu: bisobanuye gukuraho ubusembwa. Naho igisobanuro gitangwa n'inzobere muri ubu bumenyi ni "Ukubona umubare muto ushobora kugabanyika na buri mugabane wa buri wese uzungura, nta bice bigaragayemo".

**Igisobanuro cyo Gusa kw'imigabane.**

Gusa mu rulimi rw'icyarabu ni: uguhuza mu ishusho ndetse n'imiterere. Naho igisobanuro gitangwa n'inzobere muri ubu bumenyi ni "Ukunganya agaciro kw'imibare ku buryo umwe utaruta indi (nk'umubare 3 uri hamwe na 3), cyangwa (5 hamwe na 5), cyangwa (7 hamwe na 7).

**Igisobanuro cyo Kwinjiranamo kw'imigabane.**

Kwinjiranamo mu rulimi rw'icyarabu: bifitanye inkomoko n'ijambo kwinjira ari ryo kinyuranyo cyo gusohoka. Naho igisobanuro gitangwa n'inzobere muri ubu bumenyi ni "igihe umubare munini ugabanyika ku muto mu buryo nta bice bisigara".

**Igisobanuro cyo Guhuza kw'imigabane.**

Guhuza ni ukuzuzanya. Naho igisobanuro gitangwa n'inzobere muri ubu bumenyi ni "igihe umwe mu mibare ibiri utagabanywa ku wundi, ahubwo ikaba yombi yagabanywa n'undi mubare wa gatatu ihuriyeho, ariko ntube rimwe (1). Urugero (6 hamwe na 8), yagabanyika n'undi mubare ari wo (2), (12 hamwe na 30) yagabanyika n'undi mubare ari wo (6), (8 hamwe na 20) yagabanyika n'undi mubare ariwo (4), Ni nk'uko tuvuga tuti hagati y'imibare ibiri hari umubare ihuriyeho ugabanyika nayo waba 1/2=2 cyangwa 1/3=3 cyangwa 1/4=4 cyangwa 1/5=5, ni nk'uko buri mibare ibiri ishobora kugabanyika ku wundi mubare wa 3, tuvuga ko hagati y'iyo mibare yombi hari uguhuza kuko ihuriye ku mubare runaka.

**Igisobanuro cyo Kudasa kw'imigabane.**

Naho ukudasa kw'imigabane mu rulimi rw'icyarabu ni Ukudahuza no gutandukana. Naho igisobanuro gitangwa n'inzobere muri ubu bumenyi ni "igihe umwe mu mibare ibiri itagabanyika ku wundi,

kuko nta mubare uyihuza. Urugero ni nka (4 hamwe na karindwi), (8 hamwe na 11), (5 hamwe na 9). Ibwiriza kuri ibi: nuko umubare munini iyo ugabanyika ku mubare muto, icyo gihe iyo mibare yombi iba yinjiranamo, naho iyo umunini utagabanyika ku muto, ariko ikaba hari umubare wa gatatu wagabanyika nayo icyo gihe iba ihuriye kuri uwo mubare, naho iyo nta wundi mubare ugabanyika nayo icyo gihe ntabwo iba ihuye, naho iyo yombi ingana icyo gihe iba isa. Uburyo bwo kumenya ubwo busumbane ni yo nzira yo kumenya (Umubare ihuriyeho).

## UBURYO BWO KUGABANYA IZUNGURA.

Nyuma yo kumenya ibisobanuro byo (Gusa, Kwinjiranamo, Guhuza, no Kudasa by'imigabane), ni gute twagabanya Izungura? Ni iyihe ntego mu kugabanya izungura?

**Igisubizo:** Abahabwa imigabane y'itegeko ntabwo bagenerwa imibare uretse itarimo ibice, kugirango hatabaho kubogama no kugabanya imigabane mu buryo buboneye, no kugirango tumenye ingano buri uzungura akwiye nta cyo abuze mu byo akwiye. Ibi nta gushidikanya ko ari ukwitaho kudasanzwe kw'abamenyi b'iby'izungura mu kugeza imitungo ku bayikwiye na ba nyirayo, mu buryo bushimangira inyungu, bukiMakkaza  ubutabera.

**Uburyo bwo kugabanya izungura**: ni ukureba imigabane y'abazungura n'umubare wabo, iyo imigabane yabo igabanyika hatajemo ibice ibyo nibyo biba bicyenewe, naho iyo itagabanyitse tureba niba hagati iyo mibare yinjiranamo icyo gihe dufata umubare ihuriraho tukawukuba n'umubare wabo. Naho iyo idahura, dufata umubare wabo tukawukuba n'umubare w'imigabane yabo, icyo gihe umubare tubonye niwo twita icyita rusange.

**Ingero ngiro z'igabanya ry'imigabane.**

1. Umuntu yapfuye asiga Abakobwa bane, Se, Nyina, n'abuzukuru b'abakobwa batatu (3), ese buri mugabane wa buri wese ungana ute?

| **Imbonerahamwe Nº (4)** | **6** |
|---|---|
| Abana b'abakobwa bane: 2/3 | 4 |
| Se: 1/6 | 1 |
| Nyina: 1/6 | 1 |
| Abuzukuru b'abakobwa batatu: ibisigaye | - |

Umubare w'abakobwa ni 4 n'umubare w'imigabane yabo ni 4. Icyo gihe nta mpamvu yo gukosora iri gabanya kuko imigabane igabanyika neza.

2. Umuntu yapfuye asigaye Nyina, na bashiki be kwa Nyina babiri, bashiki be bane bava inda imwe. Ese ni uwuhe mugabane wa buri wese?

| **Imbonerahamwe Nº (5)** | **7** |
|---|---|
| Nyina: 1/6 | 1 |
| Bashiki be babiri bo kwa Nyina: 1/3 | 2 |
| Bashiki be bava inda imwe bane: 2/3 | 4 |

Hano turasanga urugero rw'Ugusa kw'imigabane aho icyita rusange cyari (6), noneho kirengaho kiba (7), aha nta kosora ducyeneye, kuko umubare w'abazungura usa n'umubare w'imigabane, niyo mpamvu bashiki be babiri bo kwa Nyina bafite imigabane ibiri (2), buri umwe muri bo afite umugabane umwe (1), naho bashiki be bane bava inda imwe bafite imigabane ine (4), yose ikaba igabanyika ukurikije umubare wabo nta bice bigaragaye.

3. Umuntu yapfuye asiga abakobwa umunani, Nyina, na Se wabo uva inda imwe na Se. Ese ni uwuhe mugabane wa buri wese uzungura?

| **Imbonerahamwe Nº (6)** | **6** | **12** |
|---|---|---|
| Abakobwa (8): 2/3 | 4 | 8 |
| Nyina: 1/6 | 1 | 2 |
| Se wabo: ibyasigaye | 1 | 2 |

Hano turasanga urugero rw'Uguhuza kw'imigabane, aho icyita rusange ari (6), abakobwa bafite imigabane (4), Nyina afite umugabane (1), naho Se wabo afite umugabane (1), turasanga kandi ko hagati y'imigabane y'abakobwa n'umubare wabo hari uguhuza kuri 1/4, kandi 1/4 cy'umunani ni (2), ari cyo gice cy'umugabane dukuba ku cyita rusange (2x6=12).

4. Umugore yapfuye asiga umugabo, na bashiki be (6) bava inda imwe, n'abavandimwe be kwa Nyina babiri, icyo gihe umugabane wa buri wese ungana iki?

| **Imbonerahamwe No (7)** | **9** | **27** |
|---|---|---|
| Umugabo: 1/2 | 3 | 9 |
| Bashiki be bava inda imwe (6): 2/3 | 4 | 12 |
| Abavandimwe be kwa Nyina (2): 1/3 | 2 | 6 |

Uru rugero ruratwereka uguhuza kw'imigabane n'umubare w'abazungura, aho icyita rusange ari (6), kiyongereye kiba (9), umugabo abona imigabane (3), naho bashiki be bava inda imwe babona imigabane (4), abavandimwe be babiri bo kwa Nyina babona imigabane (2). Turebye hagati y'imigabane ya bashiki be bava inda imwe n'umubare wabo, turasanga ihuriye kuri ½, maze tugafata ½ cy'umubare wabo ari cyo (3), tukagikuba ku cyita rusange ari cyo (9), tukabona 27.

Naho abavandimwe bo kwa Nyina babiri, umugabane wabo uragabanyika ku mubare wabo.

5. Umugore apfuye agasiga Umugabo, umukobwa, abuzukuru b'abakobwa 3, musaza we bava inda imwe. Ese umugabane wa buri wese ungana iki?

| **Imbonerahamwe Nº (8)** | **12** | **36** |
| --- | --- | --- |
| Umugabo: 1/4 | 3 | 9 |
| Umukobwa: 1/2 | 6 | 18 |
| Abuzukuru b'abakobwa (3): 1/6 | 2 | 6 |
| Musaza we bava inda imwe: ibisigaye | 1 | 3 |

Uru ni urugero rw'ukudahura kw'imigabane n'ukudasa kwayo, aho umugabo yahawe 1/4, umukobwa 2/2, abuzukuru 1/6 cyuzuza 2/3, naho musaza we bava inda imwe abona ibisigaye kuko azungura nyuma y'izungura ry'abanyamigabane, icyita rusange rero cyabaye (12), icyo gihe tureba hagati y'imigabane y'abuzukuru n'umubare wabo, dusanga hagati y'umubare (2, 3) ntihuza, nibwo twafashe icyita rusange (12) tugikuba n'umubare (3), tubana icyita rusange cya (36), maze umugabane w'abuzukuru b'abakobwa nyuma y'ikosora (6), buri mwuzukuru arabona imigabane (2).

6. Umuntu yapfuye asiga umugore, abakobwa batanu, Se na Nyina, n'umuvandimwe we kwa Se na Nyina. Ese umugabane wa buri wese ungana ute?

| **Imbonerahamwe Nº (9)** | **24** | **27** | **135** |
| --- | --- | --- | --- |
| Umugore: 1/8 | | 3 | 15 |
| Abakobwa (5): 2/3 | | 16 | 80 |
| Se: 1/6 | | 4 | 20 |
| Nyina: 1/6 | | 4 | 20 |
| Umuvandimwe we: Nta cyo abona kubera ko Se wa Nyakwigendera ahari (Mahjub) | | 0 | 0 |

Muri iri hurizo, harimo urugero rw'ukudasa kw'imigabane, aho Umugore yabonye 1/8, abakobwa bombi bakabona 2/3, Se akabona 1/6, Nyina akabona 1/6. Naho Umuvandimwe we yakuwemo na Se wa Nyakwigendera, icyo gihe ntacyo yazungura igihe akiriho. Icyita rusange cyari (24), ariko kiyongereye kiba (27). Umugabane w'abakobwa wari (16), ariko dusanga utagabanyika ku bakobwa (5), kandi no hagati yawo n'umubare wabo hari Ubudasa, icyo gihe dufata icyita rusange cyiyongereye (27) tugikuba ku mubare wabo 27*5=135.

Icyo tubonye ni ryo kosora ry'imigabane umugabane w'abakobwa batanu rero ni (80) nyuma y'ikosora, buri mukobwa arabona imigabane (16) nk'uko twabigenje ku zindi ngero.

7. Umuntu yapfuye asiga Abagore batatu, abakobwa barindwi, na ba Nyirakuru babiri, abavandimwe be bane bava inda imwe ndetse n'umuvandimwe we wo kwa Nyina. Ese wa buri uzungura ungana ute?

| **Imbonerahamwe Nº (10)** | **24** | **672** |
|---|---|---|
| Abagore (3): 1/8 | 3 | 84 |
| Abakobwa (7): 2/3 | 16 | 448 |
| Ba Nyirakuru: 1/6 | 4 | 112 |
| Abavandimwe be 4: Bazungura ibisigaye nyuma y'abazungura bafite imigabane y'itegeko | 1 | 28 |
| Umuvandimwe we wo kwa Nyina: Nta cyo abona kubera abakobwa ba Nyakwigendera bahari batumye aba (Mahjub) | 0 | 0 |

Muri iri hurizo, harimo urundi rugero rw'ukudasa kw'imigabane, aho Abagore bahawe 1/8, abakobwa 2/3, ba Nyirakuru 1/6, abavandimwe ba Nyakwigendera babona ibisigaye nyuma y'izungura ry'abafite imigabane y'itegeko, naho umuvandimwe we wo kwa Nyina: Nta cyo abona kubera abakobwa ba Nyakwigendera bahari batumye aba (Mahjub), icyita rusange hano ni 24: Abagore bafite imigabane 3 kandi iragabanyika ku mubare wabo, naho abakobwa bo ni 7 imigabane yabo ni 16 itagabanyika ku mubare wabo, kandi hagati y'imigabane babonye n'umubare wabo hari ukudahura.

Ba Nyirakuru bafite imigabane 4 igabanyika ku mubare wabo, abavandimwe be bafite umugabane umwe kandi umubare wabo ni 4, kandi hagati y'imigabane yabo n'umubare wabo harimo ukudahura. Icyo gihe turakosora iyi mibare twifashishije umubare w'abakobwa (7) tukawukuba ku mubare w'abavandimwe be (4): 7x4=28. Icyo tubonye tugikuba n'icyita rusange (24): 28x24=672. Iri ni ryo kosora ry'imigabane. Allah niwe mumenyi uhebuje.

**Kumenya uburyo bwo kugabanga Ibyasigaye.**

Ibyasigaye ni ibyo Nyakwigendera asiga inyuma nk'imitungo, ibintu n'ubutaka. Ibi byasigaye bigabanywa abazungura bijyanye n'imigabane yabo bagenewe, maze buri uzungura agahabwa ibye hagendewe ku mugabane we yazunguye kuri Nyakwigendera. Hari inzira nyinshi zo kumenya uko tugabanya Ibyasigaye, ariko izizwi cyane ni ebyiri:

**Iya mbere:** Nuko agaciro k'umwe mu migabane y'izungura tugakura mu byasigaye maze tukagakuba n'umubare w'imigabane ya buri uzungura, maze hakaboneka umugabane wa buri uzungura.

**Iya kabiri:** Nuko umugabane wa buri uzungura tuwukura mu byasigaye, dukuba umugabane wa buri uzungura ku gipimo cy'ibyasigaye, maze tukawugabanya ku cyita rusange cyangwa, maze tukabona umugabane wa buri uzungura.

**Ingero z'inzira ya mbere.**

1. Umuntu yapfuye asiga Umugore, Umukobwa we, Se na Nyina maze asiga amadinari magane mirongo inane (480). Ese umugabane wa buri wese ungana iki?

| **Imbonerahamwe (1)** | **24** |
|---|---|
| Umugore: 1/8 | 3 |
| Umukobwa: 1/2 | 12 |
| Se: Ibyasigaye | 5 |
| Nyina: 1/6 | 4 |

**480: 24= Amadinari 20, agaciro ka buri mugabane**

- Umugabane w'umugore ni: 3x20= Amadinari 60
- Umugabane w'umukobwa ni: 12x20= Amadinari 240
- Umugabane wa Se ni: 5x20= Amadinari 100
- Umugabane wa Nyina ni: 4x20= Amadinari 80

**IGITERANYO CYAYO: 480.**

[4] Amadinari ni ubwoko bw'amafaranga akoreshwa mu gihugu cy'umwanditsi w'igitabo. Yayifashishije mu gutanga ingero ariko Umusomyi nawe yakoresha andi abona nk'amanyarwanda n'andi.

2. Umuntu yapfuye asiga Bashiki be bavukana babiri, Nyina, Umugabo we, Umwuzukuru we w'umukobwa, kandi ibyo asize ari amadinari Magana acyenda mirongo itandatu (960). Ese umugabane wa buri wese ungana iki?

| **Imbonerahamwe (2)** | **12** | **24** |
|---|---|---|
| Bashiki be bavukana: ibyasigaye | 1 | 2 |
| Nyina: 1/6 | 2 | 4 |
| Umugabo we: 1/4 | 3 | 6 |
| Umwuzukuru we w'umukobwa: 1/2 | 6 | 12 |

- » Umugabane wa bashiki be: ni: 2x40= 80
- » Umugabane w'umugore ni: 4x40= 160
- » Umugabane w'umugabo ni: 6x40= 240
- » Umugabane w'umwuzukuru: 12x40= 480

**IGITERANYO: 960**

3. Umuntu yapfuye asiga abakobwa be bane, abahungu be babiri, Se, Nyina n'abavandimwe be bavukana batatu. Ibyo yasize ni amadinari ibihumbi bitatu (3000). Ese umugabane wa buri wese ungana iki?

<table>
<tr><th colspan="2">Imbonerahamwe (3)</th><th>6</th><th>12</th></tr>
<tr><td>Abakobwa</td><td rowspan="2">Ibyasigaye</td><td rowspan="2">4</td><td>4</td></tr>
<tr><td>Abahungu</td><td>4</td></tr>
<tr><td colspan="2">Se: 1/6</td><td>1</td><td>2</td></tr>
<tr><td colspan="2">Nyina: 1/6</td><td>1</td><td>2</td></tr>
<tr><td colspan="2">Abavandimwe bava inda imwe: Aburizwamo</td><td>0</td><td>0</td></tr>
</table>

- » Imigabane y'abakobwa: 4x250= ni amadinari 1000
- » Imigabane y'Abana be b'abahungu: 4x250=ni amadinari 1000
- » Umugabane wa Se: 2x250= ni amadinari 500
- » Umugabane wa Nyina: 2x250= ni amadinari 500

4. Umugore yapfuye agasiga Umugabo, Mushiki we bava inda imwe, basaza be babiri bo kwa Nyina, Nyirakuru. Agasiga Amadinari (9900).

*Ese umugabane wa buri wese wangana iki?*

| **Imbonerahamwe (4)** | **6** | **9** |
|---|---|---|
| Umugabo: 1/2 | | 3 |
| Mushiki we: 1/2 | | 3 |
| Basaza be: 1/3 | | 2 |
| Nyirakuru: 1/6 | | 1 |

- Umugabane w'umugabo: 3x1100= ni amadinari 3300
- Umugabane wa Mushiki we: 3x1100= ni amadinari 3300
- Umugabane wa basaza be kwa Nyina: 2x1100= ni amadinari 2200
- Umugabane wa Nyirakuru: 1x1100= ni amadinari 1100.

**IGITERANYO: 9900.**

**Ingero z'inzira ya kabiri.**

1. Umuntu yapfuye asiga Umugabo, Nyina, abakobwa babiri, abuzukuru b'abakobwa batatu, umwuzukuru. Yasize umutungo ungana n'amadini (585).

*Ese umugabane wa buri wese ungana iki?*

<table>
<tr><th colspan="2">Imbonerahamwe (5)</th><th>12</th><th>13</th></tr>
<tr><td colspan="3">Umugabo: 1/4</td><td>3</td></tr>
<tr><td colspan="3">Nyina: 1/6</td><td>2</td></tr>
<tr><td colspan="3">Abakobwa babiri: 2/3</td><td>8</td></tr>
<tr><td>Umwuzukuru w’umukobwa</td><td rowspan="2">Ibyasigaye</td><td></td><td>0</td></tr>
<tr><td>Umwuzukuru w’umuhungu</td><td></td><td>0</td></tr>
</table>

» Umugabane w’umugabo: 3x585/13= ni amadinari 135
» Umugabane w’umugore: 2x585/13= ni amadinari 90
» Umugabane w’abakobwa 2: 8x585/13= ni amadinari 360

**IGITERANYO: 585**

2. Umugore yapfuye asiga Abavandimwe babiri bava inda imwe, Umwuzukuru w’umukobwa, Nyina, Umugabo. Asiga umutungo ungana n’amadinari 240.

*Ese umugabane wa buri uzungura ungana ute?*

| Imbonerahamwe (6) | 12 | 24 |
|---|---|---|
| Abavandimwe be babiri: ibyasigaye | 1 | 2 |
| Umwuzukuru we w’umukobwa: 1/2 | 6 | 12 |
| Nyina: 1/6 | 2 | 4 |
| Umugabo: 1/4 | 3 | 6 |

» Umugabane w’abavandimwe be babiri: 2x240/24= ni amadinari 20
» Umugabane w’umwuzukuru we w’umukobwa: 12x240/24= ni amadinari 120
» Umugabane wa Nyina:4x240/24= ni amadinari 40
» Umugabane w’umugabo:6x240/24= ni amadinari 60

Umuntu yapfuye asiga Nyina, bashiki be bava inda imwe babiri, mushiki we wo kwa Se, abavandimwe be babiri bo kwa Se, umwuzukuru we w'umukobwa. Asiga umutunga ungana n'amadinari (1500).

*Ese umugabane wa buri wese ungana ute?*

<table>
<tr><th colspan="2">Imbonerahamwe (7)</th><th>6</th></tr>
<tr><td colspan="2">Nyina: 1/6</td><td>1</td></tr>
<tr><td colspan="2">Bashiki be bava inda imwe: ibyasigaye</td><td>2</td></tr>
<tr><td>Mushiki we kwa Se</td><td rowspan="2">Ntacyo bazungura</td><td>0</td></tr>
<tr><td>Abavandimwe be babiri bo kwa Se</td><td>0</td></tr>
<tr><td colspan="2">Umwuzukuru w'umukobwa: 1/2</td><td>3</td></tr>
</table>

» Umugabane wa Nyina: 1x1500/6= ni amadinari 250.
» Umugabane wa Bashiki be bava inda imwe: 2x1500/6= ni amadinari 500
» Umugabane w'umwuzukuru we: 3x1500/6=ni amadinari 750.

**IHURIZO "DINARIYAT" RITO.**

Hari amahurizo abiri yamenyekanye mu bumenyi bw'iby'izungura, irya mbere ryitwa (Dinariyat rito), naho irya kabiri rikitwa "Dinariyat rikuru". Irito ni ibyo igitsina gore cyazunguye, na buri umwe muri bo akabona idinari rimwe gusa mu byo Nyakwigendera yasize, ishusho yaryo iteye itya:

*Ishusho y'ihurizo rizwi ku izina rya Dinariyat rito.*

Umugabo yapfuye asiga: abagore batatu, ba Nyirakuru babiri, bashiki be bo kwa Se umunani, bashiki be bo kwa Nyina bane. Asiga umutungo ungana n'amadinari 17.

| Imbonerahamwe (8) | 12 | 17 | Ubundi icyita rusange cyari 12, ariko kiyongereye kiba 17 |
|---|---|---|---|
| Abagore batatu: 1/4 | 3 | 3 | Buri mugore arabona umugabane umwe ungana n'idinari rimwe |
| Ba Nyirakuru babiri: 1/6 | 2 | 2 | Buri Nyirakuru arabona umugabane umwe ungana n'idinari rimwe |
| Bashiki be bo kwa Se umunani: 2/3 | 8 | 8 | Buri wese arabona umugabane umwe ungana n'idinari rimwe |
| Bashiki be bo kwa Nyina bane: 1/3 | 4 | 4 | Buri wese arabona umugabane umwe ungana n'idinari rimwe |

Kubera ko ibyo yasize ari amadinari 17, kandi ni icyita rusange tukaba twagishyize kuri 17, buri wese mu bazungura arabona idinari rimwe gusa. Niyo mpamvu iri huriza mu bamenyi b'iby'izungura baryise "Dinariyat nto".

## IHURIZO "DINARIYAT" RIKURU.

Naho ihurizo "Dinariyat rikuru" ni igihe hajemo bamwe mu bazunguru b'abanyamigabane y'itegeko, abandi bakaba bazungura ibyasigaye, ariko mu bazunguru harimo ababonye idinari rimwe gusa mu izungura, abandi bakabona amadinari abiri, abandi bakabona ayarenzeho, ari yo mpamvu ryitwa "Dinariyat nkuru", ikaba iteye itya:

Umugabo yapfuye asiga umugore, Nyina, abakobwa be babiri, abavandimwe be bava inda imwe 12, na mushiki we bava inda imwe umwe. Asiga umutungo ungana n'amadinari 600.

| **Imbonerahamwe (8)** | | **24** | **600** | **Ubundi icyita rusange cyari 24, ariko kiyongereye dukuba na 25, kiba 600** |
|---|---|---|---|---|
| Umugore: 1/8 | | 3 | 75 | Umugore arabona amadinari 75 |
| Nyina: 1/6 | | 4 | 100 | Nyina arabona amadinari 100 |
| Abakobwa be babiri: 2/3 | | 16 | 400 | Abakobwa babiri barabona amadinari 400, buri mukobwa abona amadinari 200. |
| Abavandimwe be 12 | Ibyas igaye | 1 | 15 | Buri muvandimwe arabona imigabane ibiri ingana n'amadinari abiri gusa |
| Mushiki we | | | | Naho mushiki we abone umugabane umwe ungana n'idinari rimwe gusa |

Iri hurizo rya "Dinariyat rikuru" ryabayeho ku gihe cya (Shurayhi Al Qadwiy), maze abicyemura ahaye Mushiki wa Nyakwigendera bava inda imwe idinari rimwe, maze uwo mushiki ajya kuregera Ally mwene Abi Twalibi amusaba kumurenganura avuga ko Shurayhi yamuhuguje umutungo we akamuha idinari rimwe gusa mu madinari 600 Nyakwigendera yasize, acyeka ko akwiye byinshi.

N'igihe yaregeraga Ally mwene Abi Twalibi akababaro ke, ntiyamusobanuriye uko umutungo bazungura Nyakwigendera yasize ungana, ndetse n'umubare w'abazungura n'abo ari bo, ariko Ally mwene Abi Twalibi mu bushishozi bwe n'ubuhanga bwe, yahise amenya abazungura uko bangana n'abo aribo n'uko ikibazo giteye maze aramusubiza ati "Wasanga Musaza wawe yapfuye agasiga Umugore, Nyina, abakobwa be babiri na basaza bawe 12 ndetse na we"? Aramusubiza ati "Yego niko bimeze". Aramubwira ati "Ibyo wabonye nibyo byawe nta kiyongereyeho cyangwa ngo kigabanyuke".

Ndetse anamubwira ko Shurayhi atigeze abogama muri iki kibazo, kandi ko nta bindi akwiye birenze ibyo yahawe. No kubera ibyo, umusizi wo muri ubu bumenyi bw'iby'izungura mu gitabo cye *"Al Adh'bu Al Faidwu fii Al Fiyat Al Faraidw"* yahimbye igisigo muri aya magambo:

**“Al Adh’bu Al Faidwu fii Al Fiyat Al Faraidw”**

yahimbye igisigo muri aya magambo acyita:

## USABA KURENGANURWA

*Kuko yaje kwa Ally arira*
*Amubwira ati “Mu by’ukuri Shurayhi yampuguje,*
*Yabogamye ubwo yatugabanyaga.*
*Musaza wanjye yasize Magana atandatu (600)*
*None njye yampaye rimwe gusa, bitari nk’uko yahaye abandi*
*Ally aramusubiza ati “Wasanga yapfuye,..”*
*Asize Umugore, Nyina, akanasiga*
*Abakobwa be babiri hamwe n’abavandimwe be 12*
*Hamwe nawe wuzuriza umubare”?*
*Aramusubiza ati” Nibyo”! Aravuga ati “Ibyo ni byo byawe ukwiye,..*
*None uraza uturirira kandi utari mu kuri..?!*
*Ugaragaza ko Shurayhi yaguhuguje*
*Nyamara uhishe uburyo yaciye urubanza?!*

# UMUKORO

Kora aya mahurizo akurikira, unakosora aho biri ngombwa, unagaragaza umugabane wa buri wese uzungura.

**Icya mbere:** Umuntu yapfuye asiga: umugore we, Nyina, abakobwa be batanu, na bashiki be bava inda imwe batatu, asiga umutungo ungana n'amadinari 960.

**Icya kabiri:** Umuntu yapfuye asiga: Abagore bane, abakobwa barindwi, abuzukuru b'abakobwa batanu, Mushiki we bava inda imwe, mushiki we wo kwa Nyina, Nyirakuru, asiga umutungo ungana n'amadinari 720.

**Icya gatatu**: Umugore yapfuye asiga: Umugabo, basaza be bo kwa Se babiri, bashiki be bavukana kwa Nyina babiri, Se wabo uva inda imwe na Se, Nyirakuru, umwuzukuruza we w'umukobwa. Asiga umutungo w'amadinari 1200.

**Icya kane:** Umugore yapfuye asiga: Se, Nyina, bashiki be bavanze (kwa Se no kwa Nyina) batatu, umwana wa Se wabo uvukana na Se, Nyirakuru. Asiga umutungo ungana n'amadinari 2500.

**Icya gatanu:** Umugabo yapfuye asiga: Abagore babiri, abakobwa babiri, umwuzukuru we w'umukobwa, umwuzukuruza we, umuvandimwe we bava inda imwe, Mushiki we wo kwa Nyina. Asiga umutungo ungana n'amadinari 7500.

**Icya gatandatu:** Umugore yapfuye asiga: Umugabo, musaza we bava inda imwe, Sekuru, Se wabo uva inda imwe na Se. Asiga umutungo ungana n'amadinari 9000.

**Icya karindwi**: Umugabo yapfuye asiga abagore babiri, abuzukuru b'abakobwa batatu, bashiki be bo kwa Se babiri, abavandimwe be bo kwa Nyina babiri. Asiga umutungo ungana n'amadinari 3000.

# ISOMO RYA CYENDA

## AMATEGEKO Y'IYIMURA RY'IMIGABANE (AL MUNASAKHATI).

*Uburyo bwo kubara no kugabanya izungura.*

1. Ibisobanuro by'iyimura ry'imigabane
2. Uburyo 3 iryo yimura ribaho
3. Inzira rikorwamo
4. Ingero zaryo
5. Ibisobanuro by'ijambo ugukuranamo "at-takharuj" mu izungura
6. Ese ugukuranamo mu rwego rw'amategeko kuremewe?
7. Uburyo ugukuranamo bibaho?
8. Ingero zabyo.

## 1.IBISOBANURO BY'IYIMURA RY'IMIGABANE.

Mu rulimi rw'icyarabu kwimura bisobanuye Kuvanaho cyangwa Kwimura ikintu ugikura ahantu, uburyo kimeze ugishyira ahandi; mu bundi buryo. Ushobora kuvuga uti Nimuye inyandiko igihe wayikuye hamwe uyitwara ahandi. N'igihe Izuba ryagaragaye umwijima ukagenda twavuga ko Izuba ryimuye umwijima" bivuze ko ryawukuyeho".

Ku gisobanuro cya mbere, turasanga urugero rw'imvugo y'Imana igira iti *"….Twajyaga twimura ibyo mwajyaga mukora".* Bisobanuye ngo twabyimuriraga mu nyandiko tukabyandika. Naho ku gisobanuro cya kabiri, turasanga imvugo y'Imana igira iti *"Ntitujya dukuraho umwe mu mirongo yacu cyangwa ngo tuwibagize (abantu bawuyoberwe) uretse ko tuzana umwiza kuwurusha..".* Turawuhindura ugasigara usomwa ariko itegeko riwurimo ritagikora.

Naho mu bisobanuro by'abamenyi b'iby'izungura " Ni igihe umwe mu bazungura yapfa mbere y'igabana ry'imitungo ya Nyakwigendera, maze ugabane we ukimukira ku bandi. Icyo gihe iyo umwe mu bazungura apfuye mbere y'igabana, icyo gihe umugabane we yari kubona ufatwa n'abandi mu bazungura be, maze icyo gihe hakabaho Ihurizo rihuje amahurizo abiri twita "Ihurizo rihuje".

**Uretse ko iri zungura ririmo uburyo butatu:**

**Ubwa mbere:** Ni igihe abazungura ba Nyakwigendera wa kabiri aribo bagaruka bakaba abazungura ba Nyakwigendera wa mbere. Icyo gihe Ihurizo rihama riri kwa kundi, nta gihindutse mu buryo bari buzungure.

**Urugero**: Umuntu arapfuye asize abana batanu, nyuma umwe muri aba bana arapfuye agasiga abavandimwe be nta wundi muzungura afite uretse bo gusa, icyo gihe ibyasigaye bigabanywa baavandimwe be basigaye, icyo gihe uwo mwana wapfuye abarwa nk'aho n'ubundi Atari mu bazungura. Icyo gihe abariho bane bagabanywa ibyasigaye by'umubyeyi wabo. Urundi rugero rwabyo ni igihe Umuntu yapfa agasiga bashiki be bava inda imwe kwa Se na Nyina batatu, nyuma umwe muri bo agapfa, hagasigara babiri, nta wundi muzungura afite uretse bo gusa.

**Ubwa kabiri:** Ni igihe abazungura ba Nyakwigendera wa kabiri aribo bazungura ba Nyakwigendera wa mbere, ariko bakaba badahuje isano bafitanye na Nyakwigendera.

**Urugero:** Umugabo afite abagore babiri, ariko umwe muri bo afite umwana w'umuhungu, naho undi afite abana b'ababkobwa batatu, maze uyu mugabo agapfa asize abo tumaze kuvuga. Nyuma umwe mu rib a bana b'abakobwa b'umugore wa kabiri agapfa mbere y'izungura, icyo gihe abazungura ba Nyakwigendera wa mbere ni abo basigaye, uretse ko umwana w'umuhungu kuri Nyakwigendera wa kabiri isano bafitanye nuko ari musaza we kwa Se, naho abakobwa babiri basigaye bava inda imwe kwa Se na Nyina. Icyo gihe hano igabana rirahinduka, kandi ni ngombwa ko muri ubu buryo tugira ikindi dukora, ndetse tugatandukanya aya mahurizo abiri kuko adahuye.

**Ubwa gatatu**: Ni igihe abazungura ba Nyakwigendera wa kabiri atari bo bazungura ba Nyakwigendera wa mbere, cyangwa hagati yabo hakaba harimo abazungura kuri bombi (ba Nyakwigendera bombi). Icyo gihe ni ngombwa kuri twe ko dutandukanya aya mahurizo yombi, kuko iri gabana ritandukanye kubera abazungura ubwabo.

## Inzira y'iyimura ry'imigabane.

Mu gihe turi gukora Iyimura ry'imigabane, no gutandukanya amahurizo tugomba gukurikira iyi nzira ikurikira:

1. Gukosora ihurizo ry'izungura rya Nyakwigendera wa mbere, no guha buri uzungura umugabane we harimo na Nyakwigendera wa kabiri.

2. Gukora ihurizo rishya ryihariye rya Nyakwigendera wa kabiri, nyuma rigakosorwa hatitawe ku rya mbere.

3. Kugereranya hagati y'umugabane wa Nyakwigendera wa kabiri mu ihurizo rya mbere, no hagati y'ikosora ry'igabana ry'abazungura be mu ihurizo rya kabiri.

4. Mu gihe cy'igereranya hagati ya byombi, hari ubwo dusanga hari kimwe mu bintu bitatu (ukungana, uguhuza, Ukudasa), iyo hagati ya byombi (Umugabane wa Nyakwigendera wa kabiri, n'abamuzungura) bingana, icyo gihe dukora iryo hurizo dushingiye ku bya mbere.

**Urugero:** Umuntu arapfuye asize abakobwa batatu, bashiki be bava inda imwe kwa Se na Nyina babiri, umuvandimwe we kwa Se na Nyina umwe, nyuma umwe muri bashiki be agapfa hagasigara mushiki we kwa Se na Nyina umwe n' umuvandimwe we kwa Se na Nyina umwe na mushiki we kwa Se na Nyina umwe nkuko bigaragara muri iyi mbonerahamwe  ikurikira.

<table>
<tr><th>Imbonerahamwe (1)</th><th>12</th><th>3</th><th>36</th><th colspan="2" rowspan="2"></th><th>3</th><th>36</th></tr>
<tr><td colspan="2">Abakobwa batatu 2/3</td><td>2</td><td>24</td><td>-</td><td>24</td></tr>
<tr><td>Mushiki we kwa Se na Nyina</td><td rowspan="3">Ibisigaye</td><td rowspan="3">1</td><td>3</td><td>Arapfuye</td><td></td><td></td><td>0</td></tr>
<tr><td>Mushiki we kwa Se na Nyina</td><td>3</td><td>Mushiki we kwa Se na Nyina</td><td rowspan="2">ibisigaye</td><td>1</td><td>3+1=4</td></tr>
<tr><td>Umuvandimwe we kwa Se na Nyina</td><td>6</td><td>Umuvandim we we kwa Se na Nyina</td><td>2</td><td>6+2=8</td></tr>
</table>

**Ibisobanuro:**

Mu ihurizo rya mbere, umubare w'abazungura ntusa, niyo mpamvu twafashe (3x4=12), nuko tuwukuba n'icyita rusange tubona (36). Turebye hagati y'umugabane wa Nyakwigendera wa kabiri (ari we Mushiki wa Nyakwigendera kwa Se na Nyina) ari wo 3, no hagati y'icyita rusange cy'ihurizo rya kabiri turasanga bias, icyo gihe ikibihuza ni cya cyita rusange cya mbere (36), kuko ibyo Mushiki wa Nyakwigendera yari gufata biri bugabane abazungura be, maze imigabane y'abazungura mu ihurizo rya kabiri tuyongera ku migabane yabo mu ihurizo rya mbere, tubona imigabane 4 ya mushiki wa Nyakwigendera n'imigabane 8 y'umuvandimwe wa Nyakwigendera, hasigara imigabane 24 y'abakobwa nta cyiyongereye, kuko bo atari abazungura mu ihurizo rya kabiri, kuko bo ari abakobwa b'umuvandimwe wa Nyakwigendera wa kabiri.

**Urundi rugero:** Umuntu arapfuye asiga umugore, Se, Nyina, umwuzukuru we w'umukobwa, nyuma uyu mwuzukuru arapfa asiga umugabo, Nyina, abakobwa batatu n'abahungu babiri.

<table>
<tr><td>Imbonera hamwe (2)</td><td>24</td><td colspan="2"></td><td>12</td><td>24</td><td></td></tr>
<tr><td>Umugore: 1/8</td><td>3</td><td colspan="2"></td><td></td><td>3</td><td></td></tr>
<tr><td>Se: ibisigara</td><td>5</td><td colspan="2"></td><td></td><td>5</td><td></td></tr>
<tr><td>Nyina: 1/6</td><td>4</td><td colspan="2"></td><td></td><td>4</td><td></td></tr>
<tr><td>Umwuzukuru w’umukobwa: 1/2</td><td>12</td><td colspan="2">Yapfuye</td><td></td><td>-</td><td></td></tr>
<tr><td colspan="2" rowspan="4"></td><td colspan="2">Umugabo: 1/4</td><td>3</td><td>3</td><td></td></tr>
<tr><td colspan="2">Nyina: 1/6</td><td>2</td><td>2</td><td></td></tr>
<tr><td>Abakobwa batatu</td><td rowspan="2">ibisigara</td><td rowspan="2">7</td><td>3</td><td>Buri mukobwa arahabwa umugabane umwe</td></tr>
<tr><td>Abahungu babiri</td><td>4</td><td>Buri muhungu arahabwa imigabane ibiri</td></tr>
</table>

**Ibisobanuro:** Muri iri hurizo turasanga harimo ihuriro aririyo (24) ari ryo cyita rusange, kubera ko umugabane wa Nyakwigendera wa kabiri mu ihurizo rya mbere ni (12), kandi itegeko muri ubu buryo (bwo gusa) rivuga ko icyita rusange cy’ihurizo rya mbere ni cyo tugira ihuriro, kubera ko umugabane wa Nyakwigendera wa kabiri ugabanywa abazungura be, icyo gihe ntiducyeneye gukura Icyita rusange gishya ihuriyeho, ahubwo icya mbere nicyo kiba Ihuriro.

Icyitonderwa: Iyo hagati y’icyita rusange cya mbere n’icya kabiri hari umubare bihuriraho, dukuba uwo mubare bihuriraho ku cyita rusange cya mbere, tukaba tubonye icyita rusange bihuriyeho byombi twita “Icyita rusange bisangiye”.

**Urugero rwabyo:** Umugore arapfuye asiga umugabo, umukobwa, umwuzukuru w’umukobwa n’umwuzukuru w’umuhungu. Nyuma umugabo arapfa asiga umugore, Nyina, bashiki be babiri kwa Se, umuvandimwe we kwa Nyina.

<table>
<tr><th colspan="8">Imbonerahamwe (3)</th></tr>
<tr><td colspan="2"></td><td>12</td><td></td><td>12</td><td>15</td><td>60</td><td></td></tr>
<tr><td colspan="2">Umugabo: 1/4</td><td>3</td><td colspan="2" rowspan="4">Yapfuye</td><td></td><td colspan="2"></td></tr>
<tr><td colspan="2">Umukobwa: 1/2</td><td>6</td><td>30</td><td colspan="2" rowspan="2">Ihuriye kuri 1/3, na 1/3 cya 15 ni 5, niho ihurira</td></tr>
<tr><td>Umwuzukuru w’umukobwa</td><td rowspan="2">Ibisigara</td><td>1</td><td>5</td></tr>
<tr><td>Umwuzukuru w’umuhungu</td><td>2</td><td>10</td><td colspan="2"></td></tr>
<tr><td colspan="2" rowspan="4"></td><td></td><td colspan="2">Umugore: 1/4</td><td>3</td><td>3</td><td></td></tr>
<tr><td></td><td colspan="2">Nyina: 1/6</td><td>2</td><td>2</td><td></td></tr>
<tr><td></td><td colspan="2">Bashiki be kwa Se babiri: 2/3</td><td>8</td><td>8</td><td></td></tr>
<tr><td></td><td colspan="2">Umuvandimwe we kwa Nyina: 1/6</td><td>2</td><td>2</td><td></td></tr>
</table>

**Ibisobanuro:** Icyita rusange cy’iri hurizo ni (12), naho ihurizo rya kabiri icyita rusange ni (12), cyaje kwiyongera kiba (15), hagati y’umugabane wa Nyakwigendera wa kabiri (Umugabo), no hagati y’umugabane w’abazungura mu ihurizo rya kabiri ari umubare bihuriyeho ari wo 1/3. Na 1/3 cya (15) ni (5) dukuba mu ihurizo rya mbere, icyo turi bubone nicyo kiri bube gihuriweho, tukaba dufite (60).

**Urundi rugero rw’uguhuza kw’imigabane:** Umuntu yapfuye asiga Ababyeyi be bombi, umugore, abakobwa batanu, nyuma Se arapfa asiga umugore, mushiki we kwa Se na Nyina, mushiki we kwa Nyina n’umwana w’umuvandimwe we kwa Se na Nyina.

| **Imbonerahamwe (4)** | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **24** | **27** | **135** | | **12** | **405** |
| Se: 1/6 | | 4 | 20 | Yapfuye | | |
| Nyina: 1/6 | | 4 | 20 | | | 60 |
| Umugore: 1/8 | | 3 | 15 | | | 45 |
| Abakobwa batanu: 2/3 | | 16 | 80 | | | 240 |
| | | | | Umugore: 1/4 | 3 | 15 |
| | | | | Mushiki we kwa Se na Nyina: 1/2 | 6 | 30 |
| | | | | Mushiki we kwa Nyina: 1/6 | 2 | 10 |
| | | | | Umwana w'umuvandimwe we kwa Se na Nyina: ibisigaye | 1 | 5 |

**Ibisobanuro**: Icyita rusange cy'iri hurizo ni (24), cyiyongereye kiba (27), kandi umubare w'abakobwa ni (5) n'imigabane yabo ni (16), itagabanyika ku mubare wabo, ndetse no hagati y'umubare wabo n'imigabane yabo hari Ukudahuza. Mu rwego rwo gukosora iri hurizo, twafashe (5x27=135). Naho ihurizo rya kabiri icyita rusange cyaryo ni (12), hagati y'icyita rusange cy'ihurizo rya kabiri n'umugabane wa Nyakwigendera wa kabiri (Ise), hagati ya (12, 20) harimo uguhurira kuri 1/4, kandi ¼ cya 12 ni (3), twayikubye dukosora ku ihurizo rya kabiri tubona (405) ari nawo mubare amahurizo yombi ahuriyeho ndetse ushobora kugabanyika kuri yombi, naho ¼ cya 20 ari cyo 5, twawukubye ku cyita rusange cy'ihurizo rya kabiri, ndetse tuwukuba kuri buri mugabane wa buri muzungura mu mahurizo yombi, tubona imigabane ya buri muzungura.

Ni na ngombwa kugirango twemeze ko ihurizo twarikoze neza, ko umugabane wa Nyakwigendera wa kabiri mu ihurizo rya mbere uba ungana n'umugabane w'abazungura be mu ihurizo rya kabiri. Iyo dukubye (20x3=60) na (12x5=60), uko niko tumenya ko ihurizo twarikoze neza. Iyo hagati y'amahurizo yombi hari ubudasa, ukuba icyita rusange cya kabiri ku cyita rusange cya mbere, icyo ubonye kikaba ari cyo kiba icyita rusange cya byombi cyangwa gikusanyije amahurizo yombi.

**Urugero rwabyo:** Umugore arapfuye asiga umugabo, Se na Nyina, abakobwa be babiri, nyuma umugabo arapfa asiga Mushiki we kwa Se na Nyina, Nyina, umugore, n'umuvandimwe we kwa Nyina nkuko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| **Imbonerahamwe (5)** | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | **12** | **15** | **12** | **13** | **195** |
| Umugabo:1/4 | | 3 | Apfuye | | |
| Se: 1/6 | | 2 | | | 26 |
| Nyina: 1/6 | | 2 | | | 26 |
| Abakobwa babiri: 2/3 | | 8 | | | 104 |
| | | | Mushiki kwa Se na Nyina: 1/2 | 6 | 18 |
| | | | Nyina: 1/6 | 2 | 6 |
| | | | Umugore: 1/4 | 3 | 9 |
| | | | Umuvandimwe we kwa Nyina: 1/6 | 2 | 6 |

**Ibisobanuro:** Ihurizo rya mbere icyita rusange ni (12) cyiyongereye kiba (15), naho icyita rusange cya kabiri ni (12) cyiyongereye kiba (13), Nyakwigendera wa kabiri (Umugabo) afite imigabane itatu, kandi hagati y'ihurizo rya mbere n'irya kabiri hari Ukudahuza.

Icyo gihe dukuba icyita rusange cyose cy'ihurizo rya kabiri ku cyita rusange cy'ihurizo rya mbere, icyo tubonye kikaba gihuriweho, maze umugabane wa Nyakwigendera wa kabiri (Umugabo) tukawukuba ku mubare w'umugabane wa buri uzungura, tukabona umugabane wa buri muzungura mu cyita rusange gihuriweho.

Kugirango tumenye neza ko ibyo twakoze ari byo dufata (3x13=39), turabona kandi ko igiterane cy'migabane y'abazungura mu ihurizo rya kabiri ari 39 nkuko bigaragara.

**Icyitonderwa:** Hari ubwo dusanga icyita rusange gihuriweho kirenze kimwe igihe umuntu umwe apfuye, nyuma hagapfa undi wa kabiri n'uwa gatatu n'uwa kane n' uwa gatanu bagapfa mbere y'Igabana ry'imitungo, icyo gihe dukurikiza ubu buryo twakoresheje mu kwimura imigabane, icyo gihe icyita rusange cya kabiri tugishyira mu mwanya w'icya mbere, n'icya gatatu tukagishyira mu mwanya w'icya kabiri, tukuzuza umubare kugera turangije ba Nyakwigendera bose, icyo tubonye cyitwa (Icyita rusange gihuriweho cya kabiri) n'icya gatatu, gutyo gutyo,... nkuko biri mu rugero rukurikira.

**Urugero rw'Icyita rusange gihuriweho cya kabiri n'icya gatatu:**

**Umugore yapfuye asiga:** Umugabo, Mushiki we kwa Nyina, Se wabo kwa Se na Nyina, nyuma umugabo arapfa asiga umukobwa, umwuzukuru we w'umukobwa, Se na Nyina, nyuma umukobwa arapfa asiga Nyirakuru, bashiki be kwa Se na Nyina, basaza be kwa Nyina.

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Imbonerahamwe (6)** | 2 | | 1 | 7 | | 3 | 4 |
| | **6** | | **6** | **12** | | **7** | **84** |
| Umugabo: 1/2 | 3 | Yapfuye | | | | | |
| Mushiki we kwa Nyina: 1/6 | 1 | | | 2 | | | 14 |
| Se wabo kwa Se na Nyina: ibisigaye | 2 | | | 4 | | | 28 |
| | | Umukobwa:1/2 | 3 | 3 | yapfuye | | |
| | | Umwuzukuru we w'umukobwa:1/6 | 1 | 1 | | | 7 |
| | | Se: 1/6 | 1 | 1 | | | 7 |
| | | Nyina: 1/6 | 1 | 1 | | | 7 |
| | | | | | Nyirakuru:1/6 | 1 | 3 |
| | | | | | Bashiki be 2 kwa Se na Nyina: 2/3 | 4 | 12 |
| | | | | | Basaza be babiri kwa Se na Nyina: 1/3 | 2 | 6 |

## GUHARIRANA MU IZUNGURA.

**Ibisobanuro:** ni igihe umwe mu bazungura yakumvikana na bagenzi be akavamo, bityo ntafate umugabane we kubera umutungo afite ashobora gukura mu byo yazunguye cyangwa ahandi… Ibi mu rwego rw'amategeko y'idini biremewe ni nk'uko yasiga umugabane we burundu akawurekera abazungura basigaye, nta gire icyo afata mu mitungo, icyo gihe turavuga duti: Yahariye umugabane we yari kubona mu izungura; Byakiriwe biturutse kwa Abdou Rahman bun Awf (Allah amwishimire) ko yari afite abagore bane, amaze gupfa, umwe mu bagore be (TUMADWIR BINT AL ASWBAGH) yumvikanye na bacyeba be kuri kimwe cya kane cya kimwe cy'umunani (1/4/8) kingana n'amadirihamu ibihumbi ijana bari kugabana.

## UBURYO BIKORWAMO

Iyo umwe mu bazungura yumvikanye na bagenzi be akabaharira umugabane we, hari ubwo yaharira bose cyangwa akawegurira umwe cyangwa bamwe mu bazungura.

Mu buryo bwa mbere: Tubanza mbere na mbere gukora ihurizo, hanyuma tugakuramo umugabane w'uwahariye abandi, tukawugabanya abazungura basigaye, maze igiteranyo cy'imigabane yabo tukaba ari cyo tugira icyita rusange. Urugero nk'umuntu apfuye agasiga: Se, umukobwa, umugore be, agasiga inzu n'amadinari 4200, maze umugore we akumvikana n'abandi bazungura kumurekera inzu, nawe akabaharira umugabane mu mafaranga yari kuzungura, icyo gihe ibyasigaye bigabanywa hagati ya Se wa Nyakwigendera n'umukobwa we, maze umubare w'imigabane yabo ukaba icyita rusange.

Muri ubu buryo icyita rusange cyaba (24), nidukuramo imigabane y'umugore ari yo (3) harasigara (21), icyo gihe uraba ari wo ubaye icyita rusange, maze ibisigaye bigabanywe hagati ya Se wa Nyakwigendera n'umukobwa we bijyanye n'imigabane yabo. Ibyo turi bubone ni ibi bikurikira: 4200/21= ni amadinari 200 nk'agaciro k'umugabane umwe.

- Umugabane wa Se ni: 9x200= ni amadinari 1800.
- Umugabane w'umukobwa ni: 12x200= ni amadinari 2400.
-

**IGITERANYO NI: 4200**

Mu buryo bwa kabiri: iyo habayeho ubwumvikane no guharira kw'umwe mu bazungura, uwo yahariye asimbura uwamuhariye akamugira mu mwanya, icyo gihe akagira imigabane ibiri (uwe yari asanzwe ari bubone n'uw'uwamuhariye).

**Urugero rwabyo:** Umuntu aramutse apfuye agasiga umugore, umukobwa, n'abahungu babiri, none ho umwe mu bahungu be ukumvikana na mushiki we kumuharira umugabane we nawe akagira icyo amuharira mu mutungo we asanganywe, iyo ubwo bwumvikanye bubayeho, ibyasigaye bigabanywa hagati y'abahungu babiri n'umugore, ariko umuhungu wumvikanye na mushiki we akabona umugabane we n'uwa mushiki we nkuko biri mu mbonerahamwe ikurikira:

[5] Amadirihamu ni amafaranga yakoreshwaga muri icyo gihe ariko akaba afite agaciro kari mu nsi y'amadinari twabonye hejuru. Yahabwaga agaciro hakurikijwe agaciro ka Feza naho amadinari hakurikizwaga agaciro ka Zahabu (Umusemuzi).

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 5 | | |
| **Imbonerahamwe (2)** | | **8** | **40** | **40** |
| Umugore: 1/8 | | 1 | 5 | 5 |
| Umuhungu | ibyasigaye | 7 | 14 | 14 |
| Umuhungu | | | 14 | 14+7 |
| Umukobwa | | | 7 | 0 |

Muri uru rugero icyita rusange ni (8), dukosoye cyabaye (40), umugore abona imigabane (5), umukobwa abona (7), naho buri muhungu abona (14), hanyuma umugabane w'umukobwa twawongereye ku w'umwe muri aba bahungu wumvikanye nawe (14+7), asigara afite umugabane wa (21). Allah niwe mumenyi uhebuje.

## IBIBAZO.

1. Umuntu arapfuye asize umugore, umukobwa, Se na bashiki be batandukanye isano, nyuma umugore arapfuye asiga Se na Nyina, n'abavandimwe batatu bava inda imwe. Asiga umutungo ungana n'amadinari Magana atatu mirongo inane (380).

2. Umugore arapfuye asiga umugabo, mushiki we kwa se na Nyina, mushiki we kwa Se, Nyina, nyuma mushiki we kwa Se arapfuye asiga Nyirakuru, umwuzukuru we w'umukobwa, umwana wa Se wabo kwa Se na Nyina. Asiga n'umutungo ungana n'amadinari Magana acyenda mirongo itanu (950).

3. Umuntu arapfuye asiga abagore batatu, abakobwa bane, bashiki be babiri kwa Se na Nyina, abavandimwe be babiri kwa Nyina, nyuma umwe muri abo bagore arapfa asiga ababyeyi be bombi, umukobwa we, umwuzukuru we w'umukobwa n'umuvandimwe we kwa Nyina, nyuma Nyina arapfa asiga Sekuru, abakobwa batatu. Asiga n'umutungo ungana n'amadinari 3600.

4. Umuntu arapfuye asiga umugore, mushiki we kwa Se, umuvandimwe we kwa Nyina, Nyirakuru. Nyuma Nyirakuru arapfa asiga abakobwa batatu, abahungu babiri. Nyuma mushiki we kwa Se arapfa asiga umugabo, umukobwa na mushiki we kwa Se na Nyina. Asiga n'umutungo ungana n'amadinari ibihumbi bitandatu Magana atanu (6500).

5. Umuntu yapfuye asiga ababyeyi be bombi, umwana wa Se wabo kwa Se na Nyina, umuvandimwe we kwa Nyina. Nyuma Se nawe arapfa asiga abakobwa icumi (10), abahungu be babiri. Nyuma umwe mu bana icumi arapfa asiga umugore n'abakobwa bane (4). Bagabana umutungo ungana n'amadinari ibihumbi umunani (8000).

# ISOMO RYA CUMI

## IZUNGURA RY'ABAHUJE ISANO.

*Amategeko y'abazimiye, abarohamye, n'abatorongeye.*

## ABAHUJE ISANO:

Ijambo Abahuje isano cyangwa Abava inda imwe mu rulimi rw'icyarabu rifitanye isano muzi n'inyito y'ahantu Umwana aremerwa akanakurira mu nda ya Nyina, ariko ryaje kwitirirwa n'abawe ba hafi bo mu muryango ku ruhande rwa So cyangwa rwa Nyoko, kuko bafitanye isano ry'amaraso rya hafi. Aha turasanga imvugo ya Allah igira iti *"… Kandi mutinye Allah we musabana ku bwe, ndetse (munatinye guca) n'amasano…."* Qur'ani: 3:2 Na none Imana iti *"… Ese mugamije mu kwirengagiza (amategeko ya Allah n'ibyo intumwa ye ibigisha) gukwiza ubwangizi ku isi no guca amasano…?"*

N'intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti *"Wa wundi uzashaka kongererwa mu byo atunze, no kungererwa igihe cye cyo kubaho (agasigara avugwa neza n'igihe yapfuye), azunge amasano".*

Mu bisobanuro by'abamenyi b'iby'izungura, ijambo Abahuje isano ni *"ba bandi batagenewe umugabane uzwi mu izungura haba muri Qur'ani na Sunat, ndetse bakaba batari mu bazungura ibyasigaye"*. Mu magambo magufi ni abadafite umugabane w'itegeko bakaba batanazungura ibyasigaye mu igabana ry'imitungo.

Bityo buri wese ufitanye isano na Nyakwigendera akaba atamuzungura ku buryo bw'umugabane cyangwa ngo afate ibyasigaye nyuma y'igabana, icyo gihe tumubara mu bazungura iby'abahuje isano. Ingero zabo ni nka (Nyina wabo wa Nyakwigendera, Nyirarume, Nyirasenge, umwuzukuru w'umukobwa we, umwishywa we.

## IMVUGO Z'ABAMENYI KU BY'IZINGURA RY'ABAHUJE ISANO.

Abamenyi ntibavuze rumwe ku bijyanye n'iby'izungura ry'abahuje isano, kuberako n'abasangerangendo (Allah Abishimire) batabivuzeho rumwe. Imvugo zabo babivuzeho tukaba twazigabanyamo ibice bibiri:

**Igice cya mbere:** babona ko nta mpamvu y'iri zungura ry'abahuje isano na Nyakwigendera, kuko niba nta muzungura ufite umugabane uzwi, ndetse akaba atanazungura ibyasigaye, icyo gihe umutungo wimurirwa mu kigega cy'umutungo w'AbayIslamu (BAYT UL MAL), ugakoreshwa mu nyungu rusange z'abayIslam. Iyi ikaba ari imvugo ya (Imam Shafiy na Malik Allah abagirire impuhwe), nabo bakaba bayikomora kuri bamwe mu basangirangendo b'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'umugisha) nka Zayd bun Thabit na Ibn Abass (Allah abishimire bombi).

**Igice cya kabiri:** Bo babona ko abafitanye isano na Nyakwigendera badafite umugabane bagenewe, batari no mu bafata ibyasigaye, bashobora kuzungura, ndetse bakabona ko abafitanye isano na Nyakwigendera bakwiye kumuzungura kuruta undi uwo ari we wese kubera isano ry'amaraso bafitanye nawe, kandi ko aribo bagomba kubanza mu izungura mbere yo guha ikigega cy'umutungo w'abayIslam. Iyi ikaba ari imvugo ya Imam Abu Hanifat, Imam Ahmad bun Hanbal (Allah abagirire impuhwe), nabo babikomoye ku basangirangendo Ally, Omar na Ibun Mas'uud, ndetse n'abandi basangirangendo bakuru. Iki kikaba ari nacyo gitekerezo cya benshi mu bamenyi bahurijeho.

### Impamvu Abamenyi ba mbere (babona ko Abafitanye isano na Nyakwigendera batamuzungura) batanga.

Naho zimwe mu mpamvu ababona ko Abafitanye isano na Nyakwigendera batamuzungura batanga:

a. Ubusanzwe mu izungura nuko haba hari imvugo ntagatifu (Ayat na Hadithi) isobanutse kandi igaragara yabivuzeho, kandi izi mvugo zo kubazunguza nta Ayat cyangwa Hadithi zifite zizishyigikira. Bityo kubazunguza bidafite gihamya muri Qur'ani na Sunat ntabwo ari ukuri.

b. Nuko intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabajijwe ku bijyanye n'izungura rya (Nyina wabo w'umuntu cyangwa Nyirasenge we) mu bo bafitanye isano na Nyakwigendera, maze aravuga ati "…Malayika Jibril yambwiye ko nta mugabane bagenewe…", kandi birazwi ko niba Nyirasenge w'umuntu ndetse na Nyina wabo ntacyo bafite mu izungura, ubwo abatari bo ntacyo babona. Kandi ntibinemewe kwima Nyina wabo wa Nyakwigendera na Nyirasenge we, hanyuma ngo abatari bo mu bafitanye isano na Nyakwigendera ngo bahabwe, icyo gihe mu mategeko twaba tubanje abadakwiye kubanzwa ntacyo twishingikirije kandi bidakwiye. Ku bw'ibyo, nta zungura ry'abafitanye isano na Nyakwigendera.

c. Umutungo wa Nyakwigendera uramutse ushyizwe mu kigo cy'umutungo w'abayIslamu ni byo byagira umumaro rusange abayIslamu bose zikabageraho mu gihe tuzunguje abafitanye isano na Nyakwigendera, icyo gihe inyungu zabyo nibo zigarukiraho gusa zitageze no ku bandi, nyamara itegeko riteganya ko Inyungu rusange nizo zibanza mbere y'inyungu bwite. Ku bw'ibyo, ikigega cy'umutungo nicyo kigomba kubanzwa mbere y'izungura ry'abafitanye isano na Nyakwigendera.

**Impamvu Abamenyi ba kabiri (babona ko Abafitanye isano na Nyakwigendera bamuzungura) batanga.**

Naho abavuga ko abafitanye isano na Nyakwigendera bagomba kumuzungura, batanga impamvu zikurikira bishingikirije imvugo za Allah n'imvugo z'intumwa y'Imana ndetse n'inyurabwenge.

Naho zimwe mu mvugo z'Imana batanga ni:

a. Aho Imana igira iti *"…Kandi abafitanye amasano hagati yabo ku bwabo babanzwa mbere y'abandi…" Ayat.*

Ah'ingenzi muri iyi Ayat: ni aho Allah avuga abafitanye amasano ba bugufi ko aribo bakwiye kuzungura hagati yabo mbere y'abandi. Iyi mvugo rero (ABafitanye isano) ni rusange irareba abafitanye isano na Nyakwigendera bose baba abagenewe imigabane izwi, cyangwa baba bazungura ibyasigaye, ndetse n'abandi mu ba hafi ya Nyakwigendera batari muri abo tuvuze.

Aha rero imvugo ni rusange ikusanyije bose nta kurobanura, ni nkaho Ayat ivuga iti 'Abafitanye isano na Nyakwigendera uko baba bameze kose, nibo bakwiye guhabwa izungura hagati yabo ku bwabo' kubera iryo sano rya bugufi na Nyakwigendera. Iyo rero hagaragaye ufitanye isano rya bugufi na Nyakwigendera, ahabwa umugabane we mu bya Nyakwigendera asize, ntawe tubanje mbere ye.

Nta no gushidikanya ko abafitanye isano na Nyakwigendera, nabo bavugwa muri iyi Ayat yo hejuru, bitavuze ko ari bo bonyine bavugwamo, ahubwo bisobanuye ko buri wese wa bugufi na Nyakwigendera ku bw'isano ry'amaraso ari we ukwiye ku muzungura mbere y'undi uwo ari we wese, bityo bakaba ari bo bakwiye kubanzwa mbere yo guha ikigega cy'imari.

Iki gitekerezo bagitangira na gihamya muri Qur'ani aho Imana igira iti *"Abagabo bafite umugabane ku byo ababyeyi babo bombi basize (igihe bapfuye), n'abagore bafite umugabane ku byo ababyeyi babo bombi basize (igihe bapfuye) ndetse n'abo bafitanye isano rya bugufi, byaba bicye cyangwa byinshi, nk'imigabane y'itegeko (bategetswe n'Imana)". Ayat…*

Icyo iyi Ayat igamije kutugaragariza nuko Imana Nyir'ubutagatifu yavuze ko buri wese mu bagabo ndetse n'abagore afite umugabane mu mitungo yasizwe n'abo bafitanye isano nabo rya bugufi, Ayat nayo yaje ibigaragaza 'abo bafitanye isano', ndetse inagaragaza ko bafite umugabane mu izungura uko waba ungana kose, kandi abafitanye isano na Nyakwigendera nabo babarwa muri abo; Ku bw'ibyo nabo bagomba kuzungura Nyakwigendera. Iyi Ayat kandi ikuraho uburyo bwakoreshwaga mbere y'ubuyIslam no mu ntangiriro zabwo bw'izungura ku mpamvu z'ubugaragu (Sebuja akazungura umuja we) ndetse n'uburyo bwo (Kunywana n'ubuvandimwe bw'ubucuti) mu idini. Cyangwa impamvu z'iyimuka abayIslamu bagize bimukira i Madina bakakirwa n'abavandimwe babo mu kwemera basanze i Madina. Bityo, idini ya Islam yashimangiye izungura ry'abafitanye isano na Nyakwigendera mbere y'abandi bazungura nkuko Ayat z'iby'izungura zibigaragaza, si n'ibyo gusa ahubwo iyi Ayat hari amategeko igaragaza y'izungura ry'abo mu muryango ba hafi na Nyakwigendera nta kurobanura. Bityo Ayat ikaba itugaragariza ko abafitanye isano rya bugufi na Nyakwigendera bamuzungura.

Naho mu mvugo n'inyigisho z'intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha), iri tsinda ry'abamenyi ritanga gihamya y'imvugo yakiriwe ko ubwo umwe mu basangirangendo Thabit mwene Dahdah yapfaga, intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha), yabwiye umusangiragendo (Qays mwene Aswim) iti "Mwaba muzi niba asize abamukomokaho?" Qays asubize intumwa y'Imana ati "Yabaga muri twe atadukomokamo, kandi ntawe tuzi umukomokaho uretse umwishywa we ari we (Abu Lubanat mwene Abdul Mundhir), intumwa y'Imana ihita igenera umwishywa we umugabane.

Umwishywa rero tuziko ari mu bafitanye isano rya bugufi n'umuntu, kandi nta mugabane w'itegeko yagenewe, nta n'ubwo azungura ibyasigaye, ariko hano turasangamo ko intumwa y'Imana yamuhaye umugabane, ari byo bigaragaza ko aba bugufi y'umuntu bamuzungura igihe apfuye adafite umuzungura wo mu banyamigabane y'itegeko cyangwa bazungura ibisigaye nyuma y'abanyamigabane.

Indi gihamya batanga, ni umuntu wateye umwambi (SAHL MWENE HUNAYF) bimuviramo gupfa, kandi Nyakwigendera adafite umuzungura wundi uretse Nyirarume, maze umusangirangendo Abu Ubaydat yandikira umusangirangendo Omar mwene Khatwab amusobanuza icyo gukora, Omar amusubiza ko intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'umugisha) yavuze iti "Nyirarume w'umuntu aramuzungura igihe nta wundi muzungura uhari".

Iyi nkuru iratugaragariza ko ari gihamya ndakuka yo kuzunguza abafitanye isano na Nyakwigendera, kuko Nyirarume wa Nyakwigendera ntari mu banyamigabane, nta nafata n'ibyasigaye nkuko bizwi, ariko intumwa y'Imana yagaragaje ko ari mu banyamigabane igihe nta wundi muzungura uhari.

Indi gihamya batanga y'inyurabwenge: baravuze bati Abafitanye isano rya hafi na Nyakwigendera nibo babanzwa mbere y'ikigega cy'umutungo w'abayIslamu, kuko isano icyo kigega gifitanye na Nyakwigendera ni (Ubuvandimwe bwa k'Islam), tugendeye ko Nyakwigendera ari UmuyIslamu, nyamara Abafitanye isano rya bugufi na we, bafitanye amasano na Nyakwigendera yo mu bwoko bubiri (Isano ry'ubuyIslam) n'isano ry'amaraso), bityo nibo bafite uburenganzira mu izungura kurusha ikigega cy'umutungo. Urugero rw'ibi ni nk'urugero rw'umuvandimwe kwa So na Nyoko, aramutse ahuye n'umuvandimwe wawe kwa So gusa, icyo gihe umutungo uhabwa umuvandimwe wawe kwa So na Nyoko, kuko isano ku babyeyi bombi ni ryo ribanza mbere y'isano ry'umubyeyi umwe.

Bagize icyo bavuga kandi kuri gihamya aba mbere bifashishije y'imvugo y'intumwa y'Imana ubwo yari ibajijwe ku izungura rya Nyina wabo w'umuntu ndetse na Nyirasenge igasubiza ko "Djibril yambwiye ko nta na kimwe bazungura", bo bakaba babona ko bishoboka ko iyi mvugo yavuzwe mbere y'uko Ayat ihishurwa, cyangwa ikaba ishaka kuvuga ko Nyirasenge na Nyina wabo b'umuntu ntacyo bazungura igihe hari abazungura b'abanyamigabane cyangwa abazungura ibyasigaye, icyo gihe nkuko twabibonye abafitanye isano na Nyakwigendera ntacyo bashobora kuzungura igihe hari uwa bugufi na Nyakwigendera kubarusha mu banyamigabane. Ikindi kigaragara nuko intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'umugisha) yabajijwe ku ihurizo ririmo abazungura b'abanyamigabane, abazungura ibyasigaye ndetse harimo na Nyinawabo na Nyirasenge ba Nyakwigendera, maze akavuga iriya mvugo yo hejuru. Impamvu bavuze gutya ni ukugirango bahuze iyi mvugo n'indi mvugo y'intumwa y'Imana ivuga ko *"Nyirarume w'umuntu azungura umwishywa we upfuye adasize abamuzungura".*

## IMVUGO IRI YO.

Tugereranyije gihamya zagaragajwe turabona ko imvugo y'aba kabiri (abakurikiye Abuhanifa na Ahmad) ari yo ifite imbaraga, ari nayo itomoye inasobanutse, cyane cyane ko ari nayo mvugo ya benshi mu bamenyi batubanjirije haba mu basangirangendo ndetse n'ababakurikiye, ni nayo mvugo itabogamye yegera ukuri, kubera ko abavuga ko umutungo Nyakwigendera asize ukwiye gushyirwa mu kigega rusange

cy'umutungo, bashyizeho n'ibyo icyo kigega kigomba kuba cyujuje nko kuba gahunda zacyo zisobanutse, kiyobowe n'umuntu w'umutabera uha abantu ibyabo, kandi icyo kigega kikaba kigabanya imitungo kubayigenewe… Bityo ikigega nk'icyo kuri ubu kiba hehe? Ko kuri ubu nta kiriho kubera abanzi b'ubuyIslam baje bagasenya (ubuyobozi bwa k'Islam) buhuriweho, maze bagasenya ubumwe bwabo, bagatatanya abayIslam bakabaremamo uduhugu na za Leta!!!

(Buri tsinda muri twe rifite Umuyobozi *** Ariko amatsinda yose nta muyobozi afite)

Ku bw'izi mpamvu bamwe mu bakurikiye Imam Malik, na bamwe mu bakurikiye Imam Shafiy, nyuma y'uko gahunda y'ikigega cy'umutungo rusange yangirika ahagana mu kinyejana cya gatatu nyumay 'iyimuka ry'intumwa y'Imana I Madina, bafashe icyemezo cy'idini (Fatuwa) ko abafitanye isano rya bugufi na Nyakwigendera bagomba kubanzwa mbere y'ikigega cy'umutungo rusange, iki cyemezo ni nawo mwanzuro uzwi kuri iki kibazo ku bw'inyungu rusange. No ku bw'ibyo imvugo z'abamenyi benshi zahurije kuri iki cyo kuzunguza abafitanye isano rya bugufi na Nyakwigendera batari mu banyamigabane cyangwa ngo bazungure ibyasigaye guhera mu kinyejana cya gatatu kugera magingo aya.

## NI GUTE TUGABANYA ABAFITANYE ISANO NA NYAKWIGENDERA.

Ababona ko Abafitanye isano rya bugufi na Nyakwigendera ntibavuze rumwe ku buryo n'inzira tubazunguza, bityo bacikamo ibice bitatu:

**1.Abanyesano: Ahlu Rahmi:** Babona ko abafitanye isano bose twabanganya tukabareshyeshya, nta busumbane hagati yabo yaba uwa bugufi cyangwa uwa kure, igitsina gabo cyangwa igitsina gore, bakaba babona ko abafitanye isano na Nyakwigendera bose bagomba kugabana ku buryo bungana kuko impamvu itumye bazungura bose ni imwe (isano rya bugufi bafitanye na Nyakwigendera). Urugero rwabyo nk'umuntu apfuye agasiga umwuzukuru we w'umukobwa we, umukobwa wa mushiki we, Nyina wabo, Nyirasenge, n'umwana w'umuhungu wa musaza we kwa Nyina. Aba bose bagabana ku buryo bungana. Biswe gutya kubera ko ababona gutya batarobanura hagati y'abafitanye isano na Nyakwigendera mu kumuzungura.

Uretse ko iki gitekerezo kitazwi cyane, nta n'imbaraga gifite kuko kitubakiye ku misingi y'ubumenyi. Nta n'abandi bamenyi bagishyigikiye.

**2. Ahlu Tan'ziil:** Aba bo babona ko uwabaye impamvu yo kugirango umwe muri aba bafitanye isano na Nyakwigendera amuzungure, noneho uyu ufitanye nawe isano uriho bakamuha umugabane ungana n'uwo wabaye impamvu y'uko azungura (iki kikaba ari igitekerezo cya Imam Ahmad (Allah amugirire impuhwe), ndetse n'abandi bamenyi baje nyuma ye nka bamwe mu bakurikiye Imam Shaffy na Imam Malik bafashe iki gitekerezo. Reka dutange ingero kugirango birusheho gusobanuka:

a. Umuntu apfuye agasiga: Umwuzukuru we w'umukobwa, n'umwishywa we wa mushiki we bava inda imwe n'umukobwa w'umuvandimwe we kwa Se. Icyo gihe babifata nkaho uwapfuye yasize (Umukobwa we, Mushiki we bava inda imwe, n'umuvandimwe we kwa Se, kuko aba nibo bagejeje abo tumaze kuvuga kukuzungura Nyakwigendera).

Icyo gihe rero Umwuzukuru we w'umukobwa ahabwa ½ nk'umugabane wa Nyina, umwishywa we wa mushiki we bava inda imwe agahabwa ½ nk'umugabane wa Nyina yari guhabwa iyo aza kuzungura musaza we, naho umukobwa w'umuvandimwe we kwa Se we ntacyo abona, kuko mushiki we bava inda imwe, afata ibisigaye igihe ari n'umukobwa wa Nyakwigendera noneho agakuramo musaza/ mushiki we wo kwa Se n'abamukomokaho.

b. **Urugero rwabyo:** Umuntu w'igitsina gore apfuye agasiga umukobwa wa mushiki we bava inda imwe, umukobwa wa mushiki we kwa Se, umukobwa wa mushiki we kwa Nyina, n'umukobwa wo kwa Se wabo uva inda imwe na Se. Icyo gihe umukobwa wa mushiki we bava inda imwe abona ½, umukobwa wa mushiki we kwa Se akabona 1/6 cyuzuza 2/3, umukobwa wa mushiki we kwa Nyina 1/6 nk'umugabane w'itegeko, naho umukobwa wo kwa Se wabo uva inda imwe na Se agafata ibisigaye, dushingiye ku wo akumokaho ariwe muvandimwe wa Nyakwigendera.

Ni nkaho Nyakwigendera yasize mushiki we bava inda imwe kwa Se na Nyina, mushiki we kwa Se, Mushiki we kwa Nyina, na Se wabo kwa Se na Nyina. Icyo gihe umugabane wa mushiki we kwa Se na Nyina ni ½, umugabane wa mushiki we kwa Se ni 1/6 cyuzuriza 2/3, umugabane wa mushiki we kwa Nyina ni 1/6 ari nawo mugabane wa Nyina, naho Se wabo agafata ibisigaye. Hanyuma umugabane wa buri wese ukimukira ku bamukomokaho, maze buri muzungura wese akazunguza umukomokaho, na buri wese ukurwamo, umukomokaho nawe agakurwamo.

c. **Urundi rugero:** Umuntu apfuye agasiga: umwuzukuru we w'umukobwa, umwishywa we wa mushiki we bava inda imwe, mushiki we kwa Nyina, umuvandimwe we kwa Se.

Icyo gihe umukobwa ahabwa 1/2 cy'umugabane w'itegeko, mushiki we kwa Se na Nyina agafata ibisigaye, mushiki we kwa Nyina akurwamo n'umukobwa wa Nyakwigendera bityo ntacyo azungura. Umuzunguru muri iri hurizo ni umuzungura w'umwuzukuru w'umukobwa icyo gihe afata umugabane wa Nyina, hanyuma umwishywa wa Nyakwigendera wa mushiki we bava inda imwe agafata umugabane wa Nyina, abandi ntacyo bahabwa

d. Urundi rugero: Umuntu arapfuye asiga: Nyina wabo, Nyirasenge gusa. Icyo gihe Nyirasenge ahabwa 2/3, naho Nyinawabo agahabwa 1/3 gisigaye.

Dufate ko wenda yapfuye agasiga: Se, Nyina. Icyo gihe Se ahabwa 2/3, Nyina agahabwa 1/3, kuko Nyirasenge wabo yazunguye Nyakwigendera kubera Se wa Nyakwigendera, kuko ari mushiki wa Nyakwigendera kwa Se, naho Nyinawabo yazunguye Nyakwigendera kubera Nyina wa Nyakwigendera kuko ari mushiki wa Nyina wa Nyakwigendera. Icyo gihe umugabane w'uwabaye impamvu y'izungura wimukira ku muzungura we.

| | |
|---|---|
| Nyirasenge | Nyina wabo |
| Se | Nyina |
| 2/3 | 1/3 |

N'izindi ngero ni uku wazikora.

Gihamya y'abavuze ibi ngibi ni ibyakuwe ku ntumwa y'Imana aho *"intumwa y"Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yazunguje Nyirasenge na Nyina wabo ba Nyakwigendera, ubwo nta bandi bazungura yari asize, maze iha Nyirasenge wa Nyakwigendera 2/3, naho Nyina wabo imuha 1/3."*

Indi gihamya batanga ni umwanzuro (Fatuwa) wa Ibun Mas-uud (Imana imwishimire) ubwo yazaniwe ihurizo ry'izungura ririmo abazungura bakurikira: Umwuzukuru w'umukobwa, umwishywa w'umukobwa wa mushiki wa Nyakwigendera bava inda imwe. Maze umutungo uwugabanyamo kabiri, 1/2 cyawo agiha umwuzukuru wa Nyakwigendera w'umukobwa, ikindi agiha Umwishywa wa Nyakwigendera.

Baravuze bati kubera imigenzereze y'intumwa y'Imana n'imikirize ya Ibn Mas-uud niyo dushingiraho dushyigikira imvugo yacu ko kuzunguza abahuje isano n'uwapfuye ntibishingira kuri bo ubwabo, ahubwo bishingira ku babaye impamvu y'uko bazungura, baba mu banyamigabane y'itegeko cyangwa mu bazungura ibyasigaye.

Twongeyeho ko kuzunguza abahuje isano na Nyakwigendera nta kindi byishingikirije uretse gihamya zagaragajwe, zitagaragaje ibipimo by'imigabane n'uburyo bwo gutanga iyo migabane. Niyo mpamvu kugaruka kukubaye impamvu y'uko bazungura ari byo biboneye, ikindi nuko abanyamigabane y'itegeko ndetse n'abazungura ibyasigaye imigabane yabo yagaragajwe ku buryo bugaragara, nta bundi buryo bwo kumenya imigabane y'abahuje isano na Nyakwigendera cyeretse tugarutse ku babaye isano ry'uko bazungura.

## 3.ABAZUNGUZA ABAFITANYE ISANO NA NYAKWIGENDERA KUKO ARI BO BANYAMURYANGO BA BUGUFI (AHLUL QARABAT).

Aba bo babona ko abafitanye isano na Nyakwigendera bagomba kumuzungura kubera isano rya bugufi bafitanye nawe, uwa bugufi cyane na Nyakwigendera akaba ariwe umuzungura. Ba nyir'iyi mvugo bagabanyamo Abazungura bafitanye isano na Nyakwigendera ibyiciro, kandi babona ko uwamuzungura mbere y'abandi ari uwo isano rye na Nyakwigendera riri bugufi. Iyi ni indoro ya Ally bun Abi Twalib (Allah amwishimire) na bamwe mu bakurikiye Imam Abu Hanifat.

Ibyiciro by'abazungura bafitanye isano na Nyakwigendera.
Abavuze iyi mvugo yo hejuru tumaze kuvuga bagabanyijemo abafitanye isano na Nyakwigendera bamuzungura ibyiciro bine: na buri cyiciro bakigenera abazungura n'igihe bazungura. Tugiye kurebera hamwe ibyo byiciro n'ingero zabyo.

1. Abakomoka kuri Nyakwigendera aribo:

- Abuzukuru bo ku bana ba Nyakwigendera b'abakobwa (abahungu cyangwa abakobwa)
- Abuzukuruza bo ku bakobwa b'umuhungu wa Nyakwigendera (abahungu cyangwa abakobwa)

2. Abo Nyakwigendera akomokaho aribo:

- Sekuru wa Nyakwigendera ugakomeza (nka Sekuru na Sekuruza wo kwa Nyina wa Nyakwigendera, …)

- Nyirakuru wa Nyakwigendera ugakomeza (nka Nyirakuru na Nyirakuruza wo kwa Nyina wa Nyakwigendera.

3. Abakomoka ku babyeyi ba Nyakwigendera aribo:

- Abishywa b'abahungu cyangwa b'abakobwa bakomoka kuri bashiki bava inda imwe na Nyakwigendera, cyangwa bavukana kwa Se, cyangwa kwa Nyina.

- Abakobwa b'abavandimwe bava inda imwe na Nyakwigendera, cyangwa bavukana kwa Se, cyangwa kwa Nyina, n'abana babakomokaho.

- Abana b'abavandimwe na Nyakwigendera ku ruhande rwa Nyina ndetse n'abana babakomokaho (nk'umwana w'umuvandimwe wa Nyakwigendera ku ruhande rwa Nyina n'umwuzukuru we w'umuhungu cyangwa w'umukobwa).

4. Abakomoka kuri Sekuru na Nyirakuru ba Nyakwigendera n'ababakomokaho ku ruhande rwa Se no ku ruhande rwa Nyina aribo:

- Ba Nyirasenge ba Nyakwigendera (isano iryo ariryo ryose baba bafitanye), ba Nyirarume ba Nyakwigendera, ba Nyina wabo ba Se wabo bavukana na Se wa Nyakwigendera ku ruhande rwa Nyina ubabyara, na ba Se wabo ba Nyina,…

- Abana ba Nyirasenge wa Nyakwigendera, ba Se wabo, ba Nyina wabo, abana ba Se wabo wa Nyina wa Nyakwigendera, ugakomeza.

- Ba Nyirasenge ba Se wa Nyakwigendera (Nyirasenge wa Se),, ba Nyirarume ba Se, ba Nyirasenge ba Se wa Nyakwigendera, na ba Se wabo ku ruhande rwa Nyina.

- Abakomoka kuri abo tuvuze hejuru…

Mu nshamake ibi byiciro tuvuze bitandatu hejuru nibo bakomoka kuri ba Se na Nyirakuru ba Nyakwigendera aribo: BA Nyirasenge isano baba bafitanye na Nyakwigendera uko ryaba rimeze kose, na Se wabo bo ku ruhande rwa Nyina, ba Nyirarume na ba Nyina wabo, n'abakomoka kuri aba tuvuze.

*Itandukaniro riri hagati y'aba mbere (AHLU TAN'ZIIL) n'aba gatatu (ABAZUNGUZA ABAFITANYE ISANO NA NYAKWIGENDERA KUKO ARI BO BANYAMURYANGO BA BUGUFI (AHLUL QARABAT).*

Dushishoje neza turasanga hari itandukaniro rikurikira:

» Aba mbere ntibashyira abazungura bafitanye isano na Nyakwigendera mu byiciro, nta n'abo babanza ngo bareke abandi, mu gihe aba gatatu bo bashyira abazungura bahuje isano na Nyakwigendera mu byiciro.

»

» Icyo aba mbere bashingiraho ni isano rya bugufi uwabaye impamvu y'uko abafite isano na Nyakwigendera bamuzungura afitanye na Nyakwigendera, n'umwanya wa bugufi bafite kuri Nyakwigendera.

## UBURYO BWO KUZUNGUZA IBI BYICIRO

Aba banza mu kunzungura ni abakomoka kuri Nyakwigendera, iyo batabonetse ni uwo Nyakwigendera akomokaho, iyo atabonetse ni abakomoka ku bavandimwe ba Nyakwigendera, iyo batabonetse ni abakomoka kwa ba Se wabo na Nyina wabo ba Nyakwigendera, iyo batabonetse ni abana babo n'abameze nkabo nk'abakobwa ba Se wabo bava inda imwe cyangwa bo kwa Se,... Ibi bishatse gusobanura *ABAZUNGUZA ABAFITANYE ISANO NA NYAKWIGENDERA KUKO ARI BO BANYAMURYANGO BA BUGUFI (AHLUL QARABAT)*

ko buri cyiciro, kigenda gikuramo ikindi hakurikijwe uburyo kiri bugufi na Nyakwigendera. Nkuko abakurikiye Imam Abu Hanifat babivuga:

(Mu by'ukuri abafitanye isano na Nyakwigendera bagabanywamo ibyiciro, abakomoka kuri Nyakwigendera batari abanyamigabane, cyangwa abazungura ibyasigaye nibo babanza nk'abuzukuru gukomeza, n'abo Nyakwigendera akomokaho nka Sekuru, Nyirakuru bo ku ruhande rwa Nyina wa Nyakwigendera, abakomoka ku babyeyi bombi nk'abishywa babo, n'abakobwa b'abavandimwe babo, abakomoka kuri ba Sekuru na Nyirakuru bo mu matsinda 6 twabonye hejuru.

## IBISABWA KUGIRANGO HABEHO KUZUNGUZA ABAFITANYE ISANO NA NYAKWIGENDERA.

**Icya mbere:** Nuko nta munyamigabane waba uriho, kuko aramutse ahari afata umugabane we.

**Icya kabiri:** Nuko nta wuzungura ibyasigaye uba uhari, kuko aramutse ahari azungura ibyasigaye byose igihe ari wenyine, cyangwa yaba ari kumwe n'abanyamigabane akazungura ibyasigaye nyuma y'igabana ryabo.

Iyo umwe mu bashakanye ariho, icyo gihe afata umugabane we w'itegeko, ibisigaye bikaba iby'abafitanye isano na Nyakwigendera.

**Icyitonderwa:** Iyo umuzungura ufitanye isano na Nyakwigendera ari umwe m ucyiciro yaba abarizwamo cyose, icyo gihe azungura umutungo wose, cyangwa akazungura ibyasigaye igihe hari umwe mu bashakanye wasigaye.
Naho iyo barenze umwe, icyo gihe bikorwa muri ubu buryo bukurikira:

a. Harebwa urwego ariho niba ruri bugufi na Nyakwigendera: ubwo uri bugufi kubarusha niwe uzungura agakuramo abandi. Urugero nk'umwuzukuru w'umukobwa abuza kuzungura umwuzukuruza w'umukobwa ndetse n'uw'umuhungu.

b. Iyo banganya urwego, icyo gihe ubanza guhabwa izungura ni uwo uwabaye impamvu y'uko azungura ari umunyamugabane w'itegeko. Urugero: umuntu apfuye agasiga umwuzukuruza w'umukobwa ku ruhande rw'umukobwa, n'umwuzukuru w'umuhungu ku ruhande rw'umukobwa, icyo gihe aba dutanzeho urugero bari ku rwego rumwe rungana, kuko bose banganya ubageza kuri Nyakwigendera, uretse ko umwuzukuruza w'umukobwa we yagejejwe kwa Nyakwigendera n'umuzungura ufite umugabane w'itegeko, naho umwuzukuru w'umuhungu we ntiyamugejejweho n'umuzungura, kuko ise (Umwuzukuru uvuka ku mukobwa we) ari mu bazungura bafitanye isano rya bugufi na Nyakwigendera. Mu gihe umukobwa w'umuhungu we ari umunyamigabane, icyo gihe umutungo wose uhabwa uwabaye impamvu yo kuzungura cyangwa umwuzukuru w'umwana w'umukobwa.

c. Iyo bose bareshya bari ku rwego rumwe kuri Nyakwigendera, n'uwabaye impamvu y'uko bazungura ari umwe, icyo gihe harebwa uri bugufi na Nyakwigendera kuruta abandi. Urugero: umuntu apfuye agasiga umukobwa w'umuvandimwe we bava inda imwe, cyangwa umuvandimwe we kwa Se. Hano umutungo wose uhabwa umukobwa w'umuvandimwe we bava inda imwe kuko niwe uri bugufi kuruta uw'umuvandimwe we kwa Se gusa, maze uw'umuvandimwe we kwa Se gusawe icyo gihe ntacyo abona kuko ari kure ntiyegereye Nyakwigendera nk'uwo tumaze kuvuga.

Urundi rugero: umuntu apfuye agasiga umukobwa w'umwana w'umuvandimwe we kwa Se na Nyina, n'umukobwa w'umwana w'umuvandimwe we kwa Se gusa, n'umukobwa w'umwana w'umuvandimwe we kwa Nyina, icyo gihe umutungo wose uhabwa umukobwa w'umwana w'umuvandimwe we kwa Se na Nyina, kuko ari we ufite imbaraga kurusha bariya bandi. Anapfuye agasiga umukobwa w'umwana w'umuvandimwe we kwa Se gusaariko Atari wenyine, icyo gihe barawugabana kuko bareshya mu rwego.

d. Iyo banganya imbaraga nanone bagabana ibyo bazunguye nk'umuntu apfuye agasiga: umukobwa w'umwana wa Se wabo kwa Se na Nyina, n'umukobwa w'umwana wa Se wabo kwa Se na Nyina wundi, n'umukobwa w'umwana wa Se wabo kwa Se na Nyina, icyo gihe umutungo ugabanywa hagati yabo uko ari batatu ku buryo bungana, kuko bose banganya imbaraga z'isano ryabo na Nyakwigendera.

**Icyitonderwa:** Dushishoje neza kuri ibi bijyanye no kuzunguza abafitanye isano rya bugufi na Nyakwigendera, turasanga kugabanya imigabane hakurikizwa itegeko ry'uko igitsinahungu gifata iby'ikubye kabiri iby'umukobwa, nkuko bigenda mu kugabanya imigabane abazungura ibyasigaye, n'iyo abazungura baba bakomoka ku bavandimwe na bashiki ba Nyakwigendera.

## UMUSOZO W'UBUSHAKASHATSI.

Iyi ni incamacye y'ibijyanye no kuzunguza abafitanye isano na Nyakwigendera kuko abazunguza abafitanye isano na Nyakwigendera ba bugufi (AHLUL QARABAT) babibona ari nako Imam Ally nawe abibona, ndetse na bamwe mu bamenyi n'aba Imam bakurikiye Imam Abu Hanifat, uku ni nako bikurikizwa mu mategeko ya bimwe mu bihugu bya k'Islam.

Ibi bitekerezo bifite n'andi mashami menshi mu buryo bwo kugabanya buri cyiciro mu byiciro by'abazungura ku bw'isano rya bugufi na Nyakwigendera twabonye, hagiye harimo na none kudahuza mu buryo bw'izungura hagati ya Imam Abi Yusufu na Imam Muhamad (mu bakurikiye Imam Abu Hanifat, uretse ko tutabitinzeho, kuko icy'ingenzi ari ibitekerezo by'itsinda rya mbere ribona ko abazungura harebwa uwabaye impamvu y'uko bazungura noneho ibyo yari gufata bakaba aribo babifata (ari byo bikoreshwa hamwe na hamwe mu mategeko y'ibihugu byo mu kigobe cy'abarabu).

Ni nabyo bitekerezo bya Imam Ahmad bun Hanbal na bamwe mu bamenyi bakurikiye Imam Malik na Imam Shaffy bo hanyuma. Ariko tunarebye mu rwego rw'imigirire ni byo byoroshye.

Allah yishimire izi mpuguke n'abamenyi bacu bagerageje gushakashaka no gucukumbura, ndetse na ba bamenyi bacu bagerageza gushyira mu ngiro batajya batezuka kwigisha ubumenyi no kubukwirakwiza. Allah niwe mushoboza.

## IZUNGURA RY'IKINYABIBIRI

Ijambo Ikinyabibiri rigaragaza umuntu ushobora kuba ari umugabo ariko akagira na bimwe biranga abagore nk'ijwi, imyitwarire, imyambarire.

*N'imvugo y'intumwa y'Imana iragira iti "Imana yavumye abigira abagore mu bagabo n'abigira abagabo mu bagore".*

Hano ugamijwe ni ufite ibitsina byombi mu gihe kimwe, cyangwa nta na kimwe afite ariko yaremwe, bikaba byatera urujijo rwo kumenya niba ari igitsina gabo cyangwa ari igitsina gore? Uwo niwe twita (ikinyabibiri mu miremekere).

Yiswe ikinyabibiri kuko ubusanzwe umuntu aremwa ari igitsina gabo cyangwa igitsina gore, na buri wese akagira amategeko amugenga yihariye, bigafasha no mu gutandukanya hagati y'igitsina gabo n'igitsina gore. Icyo gihe rero iyo afite ibitsina byombi cyangwa nta na kimwe afite, habaho urujijo no kuyoberwa uwo ari we.

Ariko siko bihora, hari igihe urujijo rutabaho, harebwe ku rugingo rw'inkari, iyo urwo rugingo ari urw'igitsina gabo icyo gihe abarwa mu bagabo, iyo urwo rugingo ari urw'igitsina gore abarwa mu bagore. Iyo akoresha ingingo zombi ntarutanze urundi uwo niwe twita (ikinyabibiri mu miremekere), kandi ahama atyo kugeza agimbutse, iyo yirotera nk'abagabo cyangwa akaba agaragarwaho n'ibimenyetso by'igitsina gore nko kujya mu mihango no kumera amabere icyo gihe biduha kumenya uruhande ahererereyemo.

Nkuko byakiriwe bivugwa ko (Amir mwene Adh-rb) yari umwe mu bacurabwenge b'abarabu mbere y'ubuyIslam, maze azirwa na bamwe mu bantu bo mu muryango we bamubaza ku byabaye aho umugore yari yabyaye umwana ufite ibitsina byombi, maze bajya impaka bibaza niba ari umuhungu cyangwa umukobwa, maze arababwira ati "ni umuhungu ndetse ni n'umukobwa mu gihe kimwe", ariko ntibanyurwa

n'igisubizo abahaye. Nibwo yinjiye iwe agiye kuruhuka maze abura ibitotsi akomeza kwigaragura, ubwo umuja we w'umunyabwenge yamubonaga yaje kumubaza impamvu yamuteye kubura ibitotsi, amusobanurira ibyababaye, maze umuja we aramubwira ati "Mubireke uko biri, maze murebe urugingo akoresha mu gihe cyo kunyara arirwo rubakiranura". Icyo gitekerezo yaragishimye, anakigejeje ku bari bamubajije baragishima. Arababwira ati "Murebe urugingo akoresha mu kunyara, nakoresha urw'igitsina gabo araba ari umuhungu, nakoresha urw'igitsina gore araba ari umukobwa".

Ni n'uko byahamye mu gihe cya mbere y'ubuy'Islamu, naho ubuyIslamu buziye bukirekeraho nti mwagikuraho. Nkuko byaje mu mvugo ya Ibn Abass (Imana imwishimire) aho yavuze ati "Intumwa y'Imana yabajijwe uko uwavutse ameze atyo yazungura. Intumwa y'Imana irabasubiza iti "Harebwa urugingo akoresha mu kwihagarika".

## ABAMENYI NTIBAVUZE RUMWE KURI CYO

Abamenyi ntibahuje ku kijyanye no kuzunguza ikinyabibiri, mu mvugo zabo zikurikira:

1. Abakurikiye Imam Abu Hanifa: babona ko umuntu umeze atyo abona umugabane muto muri ibiri, igihe yafashwe nk'igitsina gabo, cyangwa igihe yafashwe nk'aho ari igitsina gore, icyo gihe umugabane muto niwo ahabwa. Iyi mvugo yayishyigikiwemo na Imam Shafiy (Allah abagirire impuhwe) ndetse n'abasangirangendo b'intumwa y'Imana muri rusange.

2. Abakurikiye Imam Shafiy babona ko baba abazungura cyangwa uwo muntu uremetse mu buryo bw'ikinyabibiri, buri wese ahabwa umugabane mucye, kuko niwo wizewe kuri buri wese muri bo, undi ugahagarikwa kugeza bimenyekanye igitsina cy'uriya muntu uteye kuriya. Bamwe mu bashyigikiye iyi mvugo ni bamwe mu bakurikiye Imam Shafiy.

3. Abakurikiye Imam Malik, babona ko umuntu uteye kuriya ahabwa umugabane wo hagati mu migabane yari guhabwa iyo aza kuba ari igitsina gabo n'uwo yari guhabwa iyo aza kuba ari igitsina gore, maze iri hurizo tukarikora mu buryo bubiri, maze icyavuye muri ubu buryo bwombi, bugabanywa babiri, tukaba tubonye umugabane w'umuntu uremetse mu buryo bw'ikinyabibiri.

***Itegeko ry'umuntu w'ikinyabibiri n'uburyo azungura:***

Ku gitekerezo cya benshi, uko tugenza umuntu umeze atyo: tureba ibyo akwiye mu mutungo tugereranya igihe yaba ari umuhungu cyangwa umukobwa, cyangwa mu bundi buryo tumukorera amahurizo abiri irya mbere tugereranyije aramutse ari umuhungu, irya kabiri iramutse ari umukobwa, maze umuntu w'ikinyabiriri agahabwa umugabane muto muri yombi, maze ibibura bikaba biretse kugabanywa kugeza igihe hazamenyekana uwo ari we, cyangwa we nyir'ubwite akaba yabiharira abandi bazungura, cyangwa hari n'ubwo yapfa umugabane we ukagaruka kubazungura.

Iyo nta kintu abona muri ubu buryo bwombi, icyo gihe nta kintu ahabwa. Ni nk'uko umwe mu bazungura yaba ntacyo ari bubone kuko ari kumwe n'umuntu w'ikinyabibiri igihe twamufashe ko ari igitsina gabo cyangwa ari igitsina gore, icyo gihe ntacyo ahabwa mu izungura. Iki gitekerezo kikaba gishyigikiwe na Imam Shafiy n'abandi.

Ibi ni nabyo Nyir'ibisigo bya RAHBIYAT yagaragaje aho yavuze ati:

No mu bakwiye umutungo nihagaragaramo*** Ikinyabibiri ku buryo bugaragara nta rujijo

Uzagabanye umugenere umugabane muto *** Icyo gihe uzaba ugabanyije ari nta kubogama.

***Ingero ngiro zo kuzunguza ikinyabibiri.***

1. Umuntu arapfuye asize: Umwana w'umuhungu, uw'umukobwa n'umwana w'ikinyabibiri.

Icyo gihe, icyita rusange tuzagiha 5 dufashe ko icyo kinyabibiri ari umuhungu, ubwo abahungu babe ari 2 n'umukobwa 1.
Na none icyita rusange tuzagiha 4, nidufata ko ikinyabibiri ari umukobwa, ubwo abakobwa babe 2 n'umuhungu 1.

Hanyuma dukore icyita rusange gihuriweho nkuko twabikoraga mu bijyanye n'amahurizo yo gukuranamo (MUNASAKHAT), maze umwana w'umuhungu tumuhe imigabane 8, umukobwa 4, umwana w'ikinyabibiri 5, ariko (3) tuba turetse kuyimuha kugeza ubwo tumenya neza ibye.

2. Umuntu arapfuye asize umugabo, Nyina n'umuvandimwe kwa Se na Nyina w'ikinyabibiri.

Icyo gihe, icyita rusange tuzagiha 6 dufashe ko icyo kinyabibiri ari umukobwa, icyita rusange kiyongere kugera ku 8, nitubara ko ari umuhungu icyita rusange kizaba 6, kitiyongereye. Icyita rusange gihuriweho kizaba 24. Icyo gihe umugabo tuzamuha 9, Nyina 6, ikinyabibiri 3 ariko tube turetse kumuha 5 nkuko biri mu mbonerahamwe ikurikira:

| | **6** | **8** | | **6** | **24** | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Umugabo:1/4 | | 3 | Umugabo:1/2 | 3 | 9 | |
| Nyina: 1/3 | | 2 | Nyina: 1/3 | 2 | 6 | |
| Ikinyabubiri: 1/2 | | 3 | Ikinyabubiri: ibyasigaye | 1 | 4 | Dusigaze 5 |

**Icya gatatu:** Umugore arapfuye asiga: Umugabo, mushiki we kwa Se na Nyina, umuvandimwe we kwa Se w'ikinyabubiri.

Iri hurizo ku buryo bwa mbere turamutse dufashe ko ari igitsina gabo, icyo gihe icyita rusange cyaba 2, turamutse dufashe ko ari igitsina gore cyaba 7, noneho icyita rusange gihuriweho kikaba 13, ubwo umugabo twamuha imigabane 6, mushiki we kwa Se na Nyina 6, umuvandimwe we kwa Se w'ikinyabubiri ntitugire icyo tumuha, tukabika imigabane 2, nkuko biri mu mbonerahamwe ikurikira:

| | 2 | | 6 | |
|---|---|---|---|---|
| Umugabo: 1/2 | 1 | Umugabo: ½ | 3 | 6 |
| Mushiki we: ½ | 1 | Mushiki we: ½ | 3 | 6 |
| Umuvandimwe we kwa Se w'ikinyabubiri: ntacyo abona | 0 | Mushiki we kwa Se 'ikinyabubiri: 1/6 | 1 | Hasigare imigabane 2 |
| | **7** | | **7** | **14** |

## IZUNGURA RY'INDA ITARAVUKA.

Hano hagamijwe umwana utwitwe ukiri mu nda ya Nyina, yaba umuhungu cyangwa umukobwa. Inda itaravuka ifite amategeko yayo y'izungura yihariye tugiye kugaragaza mu nshamacye.

Twabonye mu ntangiriro ibisabwa kugirango habe izungura ko tugomba gushimangira Ubuzima bw'umuzungura mu gihe cy'urupfu rw'uzungurwa ariwe Nyakwigendera…

Dufashe ko inda itaravuka bagitwite, haba hataramenyekana imiterere ye n'igitsina cye: (akaba yavuka ari muzima cyangwa yapfuye, cyangwa akavuga ari umuhungu cyangwa umukobwa, cyangwa akaba ari umwe ubundi zikaba ari impanga). Icyo gihe ntibyadushobokera guhita dufata umwanzuro ku bijyanye n'izungura ryayo cyeretse inda ibanje kuvuka.

Aramutse avutse ari muzima, icyo gihe tubara ko yari muzima igihe uzungurwa yapfaga, iyo avutse apfuye icyo gihe tumabara ko atari ariho igihe uzungurwa yapfaga. Nkuko bitanashoboka gufata umwanzuro ku buzima bw'inda itaravuka cyeretse ibanje kuvuka n'uruhinja rukavuka ari ruzima, ni nkuko bitashoboka gufata umwanzuro niba ari umuhungu cyangwa umukobwa, kuko akiri mu nda ya Nyina bitoroshye kumenya imiterere ye tukaba dushidikanya niba ari umuhungu cyangwa umukobwa. Igihe cyose tuba tudasobonukiwe imiterere y'uruhinja, kugabanya ku buryo bwo burundu ntibishoboka.

Uretse ko hari ubwo habaho impamvu za ngombwa ku nyungu za bamwe mu bazungura bidusaba kugabanya izungura mu buryo bw'agateganyo, nyuma tukareka kugabanya bya burundu kugeza inda ivutse. Ku bw'izo mpamvu, abanyamategeko n'impuguke bateguye amategeko yihariye ajyanye n'inda itaravuka, ari nayo yubahirizwa mu gihe cy'izungura ry'agateganyo, hakitwararikwa inyungu z'inda itaravuka mu buryo ubwo aribwo bwose. Amwe muri ayo mategeko ni aya akurikira:

Inda itaravuka izungura hubahirijwe ibintu bikurikira:

1. Kuba inda yaba iriho nta gushidikanya igihe cy'urupfu rw'uzungurwa.

2. Kuba yavuka ari muzima, kugirango bibe byizewe ko yazacyenera kugira imitungo.

Naho ku bijyanye n'icya mbere, gishoboka iyo inda ivutse ari nzima umwana akamara imyaka ibiri cyangwa munsi yayo nyuma y'urupfu rw'uzungurwa, igihe inda ari iya Nyakwigendera. Kubera imvugo ya Aishat (Allah amwishimire) igira iti "Umwana ntajya amara mu nda ya Nyina igihe kirengeje imyaka ibiri n'ubwo byaba FAL'KAT MAGHZAL".

N'imvugo nk'iyi ntiyavugwa na Aishat atarayumvise ku ntumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'umugisha)... Iki ni nacyo gitekerezo cy'abakurikiye Imam Abu Hanifat ndetse na Imam Ahmad (Allah abagirire impuhwe).

Naho abakurikiye Imam Shaffy babona ko igihe kirekire umwana yamara mu nda ya Nyina ari imyaka ine, iyi ni nayo mvugo y'abakurikiye Imam Malik, ni nayo mvugo ifite ishingiro kuri bamwe bakurikiye Imam Ahmad.

Naho ku bijyanye n'icya kabiri, gishoboka iyo uruhinja rwavutse ari ruzima, ubibwirwa n'uko ruvutse rurira, cyangwa rukitsamura, cyangwa rukonka ibere rya Nyina n'ibindi bimenyetso byabigaragaza birahagije ku bakurikiye Imam Abu Hanifat, naho abakurikiye Imam Ahmad bun Hanbal n'abakurikiye Imam Shaffy bo babona ko ari ngombwa gukubagana kw'uruhinja umwanya munini kugirango twemeze ko ari ruzima, iyo bitabaye umwanya munini, biba bimeze nka kwa gukubagana kw'itungo ryabazwe rigiye gushiramo umwuka. Icyo gihe rero ntibigaragaza ubuzima, ku bw'ibyo ntiyanazungura.

Gihamya y'ibi ni imvugo y'intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'umugisha) aho igira iti "Iyo umwana avutse (agatera akamo nko kurira,...) baramusalira (iyo apfuye) ndetse aranazungura". Yakiriwe na An-nasai na Tirmidhiy. Naho iyo avutse yapfuye, cyangwa hakaza ibice bimwe bye agahita apfa, cyangwa akavuka ubuzima bwe butameze neza, icyo gihe ntacyo yazungura, ndetse no kuba ariho kwe ni nko kuba atariho.

## UBURYO URUHINJA RWAZUNGURAMO.

Uruhinja rugira uburyo butanu butiyongera cyangwa ngo bugabanyuke, uruhinja rushobora kuzunguramo aribwo ubu bukurikira:

**Ubwa mbere:** Igihe rutazungura mu buryo ubwo ari bwo bwose, rwaba ari umuhungu cyangwa umukobwa. Icyo gihe tugabanya umutungo abawukwiye dutategereje ko inda ivuka, kuko urwo ruhinja rutabarwa mu bazungura.

**Urugero rwabyo:** Umuntu apfuye agasiga umugore, Se, na Nyina utwite inda itari iya Se wa Nyakwigendera. Mu ri uru rugero n'ubwo inda yavuka, icyo gihe uwo mwana azaba ari umuvandimwe/ mushiki wa Nyakwigendera kwa Nyina. Kandi bizwi ko akurwa mu izungura n'umuvandimwe wo kwa Se wa Nyakwigendera. Icyo gihe rero umutungo ugabanywa hagati y'umugore, ababyeyi ba Nyakwigendera bombi. Icyo gihe umugore tumuha ¼, Nyina 1/3 cy'ibyasigaye, hanyuma ibisigaye bigahabwa Se, icyita rusange kikaba 4.

**Ubwa kabiri:** kuba rwazungura ku bwo kugereranya niba ari (umuhungu cyangwa umukobwa), ariko ntiruzungure. Icyo gihe tugabanya umutungo abawukwiye tukabaha imigabane yabo tugereranyije ko inda itaravuka iri mu bazungura, maze umugabane w'uruhinja tukaba tuwufatiriye kugeza ruvutse. Byagaragara ko ruri mu bazungura rugatwara umugabane warwo, byagaragara ko rutari mu bazungura, umugabane wafatiriwe ukagarurirwa abazungura babyemerewe.

**Urugero rwabyo:** Umuntu arapfuye asiga umugore, Se wabo, umugore w'umuvandimwe we kwa Se na Nyina utwite, icyo gihe umugore tumuha ¼, hanyuma ibisigaye bingana na ¾ bigafatirwa kugeza inda ivutse, yavuka ari umuhungu akegukana ibyo byafatiriwe, kuko uwavutse ari (Umwana w'umuvandimwe wa Nyakwigendera kwa Se na Nyina), kandi niwe ubanzwa mbere ya Se wabo wa Nyakwigendera. Iyo avutse ari umukobwa, Se wabo wa Nyakwigendera niwe wegukana ibyafatiriwe, kuko uwo mwana utaravuka (Umukobwa w'umuvandimwe wa Nyakwigendera kwa Se na Nyina) atabarwa mu bazungura, ahubwo ari mu bazungura ku bw'isano rya bugufi afitanye na Nyakwigendera.

**Urundi rugero:** Umuntu apfuye agasiga umugabo, Nyina, abavandimwe batatu bo kwa Nyina na Mukase utwite. Mukase aramutse yibarutse umuhungu aba abaye musaza wo kwa Se wa Nyakwigendera, icyo gihe ntazungura kuko abanyamigabane y'itegeko ntacyo basigaje mu mitungo. Iyo yibarutse umukobwa, aba abaye mushiki wo kwa Se wa Nyakwigendera, icyo gihe azungura 1/2, maze icyita rusange cy'ihurizo kikava kuri 6 kikaba 9, icyo gihe tumufata nk'umukobwa tugaha abanyamigabane y'itegeko imigabane yabo, iyo bigaragaye ko inda yari umukobwa ahabwa ibyafatiriwe, iyo bigaragaye ko ari umuhungu ibyafatiriwe bigarurirwa abazungura babyemerewe nkuko imbonerahamwe ikurikira ibigaragaza:

| | | |
|---|---|---|
| **6** | **9** | |
| Umugabo: 1/2 | 3 | |
| Nyina: 1/6 | 1 | |
| Mushiki we wo kwa Nyina: 1/3 | 2 | |
| Mushiki we kwa Se utaravuka: 1/2 | 0 | Hano imigabane itatu yafatiriwe |

**Ubwa gatatu:** Iyo inda itaravuka iri mu bazungura mu buryo ubwo ari bwo bwose, ariko umugabane we utandukanye mu nzira imwe n'indi. Mu ri ubu buryo, tumushyiriraho inzira ebyiri, maze ibivuyemo, tugafatira ibitubutse muri byo, kuko hari ubwo ashobora kuvuka twagereranyije ko avuka ari umuhungu bikaba aribyo bimwungura kuruta kugereranya ko avuka ari umukobwa, cyangwa ikinyuranyo, niyo mpamvu tumuhitiramo inzira yabonetsemo ibitubutse, maze tugakora ihurizo mu nzira ebyiri, maze abazungura tukabaha ibicye byabonetse mu nzira ebyiri.

**Urugero rwabyo:** Umuntu apfuye agasiga Umugore utwite, na Se na Nyina. Icyo gihe tugereranyije ko inda itaravuka ari umuhungu icyo gihe yaba ari umuhungu wa Nyakwigendera, umugore yahabwa 1/8, Se 1/6, Nyina 1/6, hanyuma ibisigaye biagafatwa n'umwana wa Nyakwigendera w'umuhungu kuko azungura ibyasigaye bingana na 13/24, kuko icyita rusange ari 24. Turamutse tunagereranyije ko uzavuka ari umukobwa, icyo gihe aba ari umukobwa wa Nyakwigendera, icyo gihe umugore abona 1/8, Nyina 1/6, umukobwa ½, naho ibisigaye bigahabwa Se wa Nyakwigendera byaba ari k'umugabane w'itegeko cyangwa ku bwo kuzungura ibyasigaye nkuko biri mu mbonerahamwe ikurikira:

| | 24 | | 24 | 24 | |
|---|---|---|---|---|---|
| Umugore: 1/8 | 3 | Umugore: 1/8 | 3 | 3 | |
| Se: 1/6 | 4 | Se: ibyasigaye | 5 | 4 | Aha umugabane umwe wafatiriwe |
| Nyina: 1/6 | 4 | Nyina: 1/6 | 4 | 4 | |
| Inda itaravuka (umuhungu): ibyasigaye | 13 | Inda itaravuka (umukobwa): 1/2 | 12 | 12 | Aha umugabane umwe wafatiriwe |

**Ubwa kane:** Igihe umugabane we udahinduka yaba ari umuhungu cyangwa umukobwa, icyo gihe dufatira umugabane w'iyo nda izavuka, maze abazungura basigaye imigabane yabo yuzuye.

**Urugero rwabyo:** Umuntu apfuye agasiga mushiki we kwa Se na Nyina, mushiki we kwa Se na Nyina utwite inda ku wundi mugabo utari Se wapfuye, Icyo gihe iyo inda ivutse yaba ari umuhungu cyangwa umukobwa umugabane we uba ari 1/6 udahinduka, kuko icyo gihe aba ari umuvandimwe wa Nyakwigendera kwa Nyina, cyangwa mushiki we kwa Nyina.

Muri ubu buryo bwombi umugabane we ntuhinduka uko byagenda kose, icyo gihe icyita rusange kiba 6, Nyina 1, Mushiki we kwa Se na Nyina 3, mushiki we kwa Se 1, n'umuvandimwe we, mushiki we 1, nkuko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| | 6 | | 6 |
|---|---|---|---|
| Mushiki we kwa Se na Nyina: 1/2 | 3 | Mushiki we kwa Se na Nyina: 1/2 | 3 |
| Mushiki we kwa Se: 1/6 | 1 | Mushiki we kwa Se: 1/6 | 1 |
| Nyina utwite: 1/6 | 1 | Nyina utwite: 1/6 | 1 |
| Inda itaravuka (Umuhungu): 1/6 | 1 | Inda itaravuka (Umukobwa): 1/6 | 1 |

**Ubwa gatanu:** Kuba ari wenyine nta wundi muzungura bari kumwe, cyangwa n'uwo bari kumwe akaba akurwamo atazungura. Icyo gihe duhagarika igikorwa cy'izungura kugeza inda ivutse, yavuka ari muzima akegukana umutungo wose, yavuka yapfuye umutungo ugahabwa uwukwiye mu bazungura.

**Urugero rwabyo:** Umuntu apfuye agasiga umukazana we atwite, akaba afite n'umuvandimwe we kwa Nyina. Icyo gihe inda yavuka ari umukobwa cyangwa umuhungu, icyo gihe aba ari ishami ryashibutse kuri Nyakwigendera, abuza umuvandimwe wa Nyakwigendera kwa Nyina kuzungura, iyo avutse ari umuhungu icyo gihe aba ari umwuzukuru afata umutungo wose, yavuka ari umukobwa nawe aba ari umwuzukuru nawe afata umugabane wa 1/2 w'itegeko, ibisigaye bikagabanywa hagati yabo niba ntabazungura ibyasigaye.

Ni nk'uko umuntu yapfa agasiga umugore we atwite, umuvandimwe we kwa Se na Nyina, icyo gihe umugore ahabwa 1/8, umuvandimwe wa Nyakwigendera ntacyo ahabwa igihe umugore agitwite, kuko inda atwite tunagereranyije ko uzavuka ari umuhungu icyo gihe umuvandimmwe we ntacyo azungura, aramutse anaje ari umukobwaicyo gihe yaba ari umwana w'umukobwa wa Nyakwigendera yazungura ½, hanyuma ibyasigara bikaba iby'umuvandimwe we kwa Se na Nyina.

## IZUNGURA RY'UWAZIMIYE.

Uwazimiye uko abamenyi bacu babisobanura ni "uwabuze burundu, udahari udafitiwe amakuru, nta n'ibimenyetso bikaba bitazwi niba ari muzima cyangwa yarapfuye.

## Itegeko rigenga uwazimiye:

Abamenyi b'iby'amategeko bashyizeho amategeko amwe muri yo: Umugore we ntashyingirwa undi, nta n'ubwo umutungo we uzungurwa, nti binemewe gukora mu mutungo we icyo mushatse cyereka hari amakuru ye yizewe, n'ibye bikamenyekana niba ari muzima cyangwa yarapfuye, cyangwa hagategerezwa igihe abantu badashobora kwiringira ko akiriho ahubwo yapfuye, maze Umucamanza (Qadwi) agaca iteka ko yapfuye. Kuko bashimangiye ubuzima bwe bashingiye kuko bacyeka ko ariho kugeza igihe baboneye ikimenyetso kinyuranye nabyo. Nkuko imvugo ya Imam Ally ibishimangira aho avuga ku mugore w'umugabo wazimiye agira ati "Ni umugore wageragejwe niyihangane, kandi ntashyingirwe ahandi cyereka afite amakuru simusiga y'uko yapfuye".

*Igihe cyakihanganirwa nyuma yacyo hagafatwa icyemezo cy'uko uwazimiye yapfuye.*

Abamenyi ntibavuga rumwe kuri iki mu mvugo zabo zikurikira:

1. Abakurikiye Imam Abu Hanifat: Bo babona ko bategereza urungano rwe bakuranye narwo rugapfa, iyo ntarwo icyo gihe nibwo hafatwa umwanzuro w'uko yapfuye. Hari n'imvugo yo kwa Abi Hanifat ivuga ko ari imyaka 90.

2. Abakurikiye Imam Malik: Imam Malik we abona ko igihe cyakwihanganirwa ari imyaka 70 hishingikirijwe ku ri Hadithi izwi aho intumwa y'Imana igira iti "Imyaka yo kubaho y'abayoboke banjye ni hagati ya mirongo itandatu na mirongo irindwi". Hari n'indi mvugo imuturukaho ivuga ko Uwazimiye mu gihugu cya k'Islamu n'amakuru ye akabura, umugore we azamura ikibazo cye ku mucamanza, agatanga ibwiriza ryo kumushakisha aho bacyeka hose yaba ari, mu buryo bwose bushoboka, iyo atabonetse afata umwanzuro wo guha umugore igihe ntarengwa cyo kwihangana kingana n'imyaka ine (4), iyo kirangiye yicara Eda y'umugore wapfushije umugabo, nyuma yahoo bikaba byemewe ko yarambagizwa akongera akarongorwa n'undi mugabo utari uwa mbere.

3. Abakurikiye Imam Shaffy: Imam Shaffy we abona ko igihe cyo gutegereza ari imyaka mirongo icyenda (90), ari nacyo gihe cyo gupfa kw'urungano rw'uwazimiye. N'igitekerezo Imam Shaffy ashyigikiye n'uko icyo gihe kitabarwa mu gihe runaka, ahubwo

bimaze kumenyeka ku mucamanza urupfu rw'uwazimiye, icyo gihe mu bushishozi bwe atanga icyemezo cy'urwo rupfu nyuma y'imyaka umucamanza abona uwazimiye atarenza.

4. Abakurikiye Imam Ahmad bun Hanbal: Imam Ahmad we abona ko uwo muntu wazimiye mu buryo bicyekwa ko yapfuye, nk'uwaburira ku rugamba rugeze mu mahina, cyangwa akaburira mu bwato bwarohamye hakagira abarokoka we ntaboneka, uwo ashakishwa imyaka ine ataboneka, icyo gihe umutungo we ugabanywa abazungura be, maze umugore we akicara igihe cya (Eda yo gupfakara) nyuma yaho nibwo aba yemerewe gushaka undi mugabo. Ariko iyo abuze mu buryo hacyekwa ko yaba akiriho, nk'umuntu wagiye mu bucuruzi, cyangwa mu bukerarugendo, cyangwa kwiga, hano hari ibitekerezo bibiri:

1. Gutegereza imyaka mirongo icyenda (90) kuva avutse igashira, kuko uko bizwi abenshi ntibarenza iyo myaka.

2. Kuba ibye twabirekera umucamanza, akaba ari we ubigena, icyo yahitamo kikakirwa.

Igitekerezo cy'abakurikiye Imam Ahmad bun Handal kuri ibi nicyo gifite ireme, ndetse ni nacyo uwitwa (Azayla'i) wo mu bamenyi b'abakurikiye Imam Abu Hanifat, ndetse abishyigikiwemo n'abandi benshi, ari cyo cy'uko kugena igihe cyo gutekereza byaharirwa umucamanza, kuko bigenda bitandukana hakurikijwe ibihugu n'abantu, kuko nk'umuntu waburiye ku rugamba, cyangwa yashimuswe n'abagizi ba nabi, uwo ibye bitandukanye n'uwabuze mu bihe bitari ibi. Ku bw'ibyo nta mpamvu yo kugena igihe runaka, ahubwo birecyerwa umucamanza we mu bushishozi bwe akaba ari we ugena icyo gihe cyo gutegereza niba yarapfuye cyangwa akiriho, iki gitekerezo kikaba ari cyo kiboneye, ari nacyo kirengera inyungu rusange.

## IZUNGURA RY'UWAZIMIYE.

Iyo umuntu apfuye afite abazungura, ariko muri abo bazungura hakaba harimo uwazimiye, haba hari inzira ebyiri:

---

[6] Eda ni igihe amategeko y'ubuy'Islamu yagennye umugore yicara mbere y'uko atandukana n'umugabo we kingana n'imihango ya buri kwezi itatu (mu gihe cy'amezi atatu), cyarangira akaba atakibarwa nk'umugore w'umugabo wa mbere, ndetse akaba yemerewe no gushaka undi. Ku mupfakazi wapfushije umugabo we, igihe cye ategereza mbere yo gushaka undi ni amezi 4 n'iminsi 10 nkuko byaje mu mirongo itandukanye ya Qur'ani.

1. Hari ubwo uwabuze aba akumira abo bari kumwe ku buryo bwa burundu, icyo gihe umutungo wose urahagarikwa, ndetse n'abazungura bakabuzwa kuzungura kugeza ubwo amakuru y'uwazimiye amenyekanye, iyo bimenyekanye ko akiri muzima, icyo gihe azungura umutungo wose, naho iyo umucamanza agennye ko yapfuye, abazungura begukana umutungo, bijyanye n'imigabane yabo.

**Urugero rwabyo:** Umuntu yapfuye agasiga umuvandimwe we kwa Se na Nyina, na mushiki we kwa Se na Nyina n'umwana wazimiye. Icyo gihe umwana akuramo abavandimwe be na bashiki be burundu ku buryo bwa burundu igihe ari muzima, ari yo mpamvu izungura ryose rihagarikwa.

**Urundi rugero:** Umuntu aramutse apfuye agasiga umuvandimwe we kwa Se na Nyina wazimiye, umuvandimwe we kwa Se, bashiki be babiri bo kwa Se. Icyo gihe umuvandimwe we kwa Se na Nyina, turamutse dufashe ko ariho, icyo gihe akuramo abavandimwe be na bashiki be bo kwa Se, icyo gihe umutungo wasigaye urahagarikwa ntutangwe kugeza hamenyekanye amakuru ye.

2. Cyangwa akaba atabakumira, ahubwo afatanya nabo mu izungura. Icyo gihe abazungura bahabwa umugabane muto kuruta iyindi, tubaze ko uwazimiye ariho cyangwa yapfuye – nkuko bigenda ku kinyabibiri-. Bityo uzungura muri ubwo buryo bwombi, ntihagire ikigabanyuka ku mugabane we, ahabwa umugabane wuzuye. Na wa wundi ufata imigabane itandukanye mu buryo bwombi, ahabwa umugabane muto muri ibiri. Naho wa wundi utazungura mu buryo bwombi (Yaba uwazimiye ari muzima cyangwa yarapfuye), icyo gihe we ntacyo ahabwa.

**Urugero rwabyo:** Umuntu apfuye agasiga umugore, Nyina, Umuvandimwe we kwa Se ndetse n'umuvandimwe we klwa Se na Nyina wazimiye.

Icyo gihe umugore ahabwa umugabane we wa kimwe cya kane (1/4), umugore agahabwa kimwe cya gatandatu (1/6), kimwe cya gatandatu (1/6) kindi kigafatirwa ntikigabanywe, naho umuvandimwe wa Nyakwigendera wo kwa Se ntagire icyo ahabwa kugeza igihe hamenyekanye amakuru y'ukuri y'uwazimiye, cyangwa Umucamanza akagena ko yapfuye.

Uru rugero rwahuje wa wundi umugabane we wemeranywaho (Umugore) na wa wundi umugabane we utemeranywaho ari we Nyina, na wa wundi utazungura ari we Umuvandimwe wa Nyakwigendera bahuje Se.

Umusizi ati:
*"Uzateganyirize uwazimiye itegeko ry'ikinyabibiri…*
*Yaba ari igitsina gabo aba nkacyo cyangwa igitsina gore"*

## INGERO NGIRO:

**Icya 1:** Umugore yapfuye asiga: Umugabo, bashiki be kwa Se na Nyina n'umuvandimwe we kwa Se na Nyina wazimiye).

*Ese umugabane wa buri wese ungana ute?*

**Igisubizo:** Aha dukora amahurizo abiri, rimwe tugateganya ko uwazimiye ari muzima, irya kabiri tugateganya ko atakiriho, maze tugahuza ayo mahurizo yombi, tukabona icyita rusange gihuriweho, tugafatira umugabane w'uwazimiye kugeza tumenye amakuru ye nkuko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

<table>
<tr><td></td><td>4</td><td>7</td><td></td><td></td><td>8</td><td></td><td></td></tr>
<tr><td>Tubaze ko uwazimiye akiriho</td><td>2</td><td>8</td><td>Tubaze ko uwazimiye atakiriho</td><td></td><td>7</td><td>56</td><td></td></tr>
<tr><td>Umugabo: 1/2</td><td>2</td><td>4</td><td>Umugabo</td><td>1/2</td><td>3</td><td>24</td><td>(4) byafatiriwe</td></tr>
<tr><td>Mushiki wa Nyakwigendera kwa Se na Nyina</td><td>1</td><td>1</td><td>Mushiki wa Nyakwigendera kwa Se na Nyina</td><td rowspan="2">2/3</td><td>2</td><td>16</td><td>(9) byafatiriwe</td></tr>
<tr><td>Mushiki wa Nyakwigendera kwa Se na Nyina (ibyasigaye)</td><td rowspan="2">1</td><td>1</td><td>Mushiki wa Nyakwigendera kwa Se na Nyina</td><td>2</td><td>16</td><td>(9) byafatiriwe</td></tr>
<tr><td>Musaza wa Nyakwigendera kwa Se na Nyina (wazimiye) (ibyasigaye)</td><td>2</td><td>Musaza wa Nyakwigendera kwa Se na Nyina (wazimiye)</td><td>arakumirwa</td><td>0</td><td>0</td><td>0</td></tr>
</table>

**Urugero rwa kabiri:** Umuntu apfuye agasiga Umugore, Nyina, umuvandimwe we kwa Se na Nyina, n'umwuzukuru w'umuhungu wazimiye. Ese umugabane wa buri muzungura ungana iki?

| | 1 | | | 2 | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Tubaze ko uwazimiye akiriho | **24** | Tubaze ko uwazimiye atakiriho | | **12** | **24** | |
| Umugore: 1/8 | 3 | Umugore | 1/4 | 3 | 6 | (3) byafatiriwe |
| Nyina: 1/6 | 4 | Nyina | 1/3 | 4 | 8 | (4) byafatiriwe |
| Umuvandimwe we kwa Se na Nyina (arakumirwa) | 0 | Umuvandimwe we kwa Se na Nyina (ibyasigaye) | 2/3 | 5 | 10 | (10) byafatiriwe |
| Umwuzukuru w'umuhungu wazimiye | 17 | Umwuzukuru w'umuhungu wazimiye | | | | Igiteranyo cya byose ni (17) |

**Urugero rwa 3:** Umugore yapfuye asiga: umugabo, umwuzukuru w'umukobwa, mushiki we kwa Se na Nyina, umwana wazimiye. Ese umugabane wa buri muzungura ungana ute?

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | 1 | | | 2 | | |
| Tubaze ko uwazimiye akiriho | **4** | Tubaze ko uwazimiye atakiriho | | **4** | **4** | |
| Umugabo: 1/4 | 1 | Umugabo | 1/4 | 1 | 1 | |
| Umwuzukuru w'umukobwa (arakumirwa) | 0 | Umwuzukuru w'umukobwa (arakumirwa) | 1/2 | 2 | 2 | (2) byafatiriwe |
| Mushiki we kwa Se na Nyina (arakumirwa) | 0 | Mushiki we kwa Se na Nyina | (azungura ibyasigaye) | 1 | 1 | (1) byafatiriwe |
| Umuhungu wazimiye | 3 | Umuhungu wazimiye | | | | |

**Urugero rwa 4:** Umugabo yapfuye asiga umugore, umuvandimwe kwa Nyina, umwana wa Se wabo kwa Se na Nyina, umwuzukuru we w'umukobwa wazimiye. Ese umugabane wa buri uzungura ungana iki?

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **3** | | | **2** | | |
| Tubaze ko uwazimiye akiriho | **8** | Tubaze ko uwazimiye atakiriho | | **12** | **24** | |
| Umugabo: 1/8 | 1 | Umugabo | 1/4 | 3 | 6 | (3) byafatiriwe |
| Umuvandimwe kwa Nyina (arakumirwa) | 0 | Umuvandimwe we kwa Nyina | 1/6 | 2 | 4 | (4) byafatiriwe |
| Umwana wa Se wabo kwa Se na Nyina | 0 | Umwana wa Se wabo kwa Se na Nyina (ibyasigaye) | | 7 | 14 | (5) byafatiriwe |
| Umwuzukuru we w'umukobwa wazimiye | 3 | Umwuzukuru we w'umukobwa wazimiye | | 0 | | 12 (igiteranyo cy'ibyasigaye) |

N'izindi ngero wazikora nk'uku.

## UMUSOZO

### (KU BY'IZUNGURA BY'ABAROHAMYE, N'ABAGWIRIWE N'INKUTA N'AMAZU).

Mbega ukuntu impanuka zo mu isi ari nyinshi! Mbega ukuntu abazikuramo isomo ari bacye! Muri ubu buzima, ibyago birasimburana n'impanuka ziriyongera, ndetse umuntu anyura mu byago n'ibiteye agahinda, rimwe na rimwe adashobora no gukumira, bishobora ndetse no kumurenga, bigatuma adatekereza neza. Ariko umwemeramana, yishingikiriza ukwemera kwe, akizera igeno ry'Imana, maze akihanganira ibyago n'amakuba bimubaho, maze ibigeragezo byamubayeho akabyihanganira ndetse n' ibimubabaza byose anyuramo mu buzima bikamworohera, ameze nkaho avuga ati "Turi aba Allah, kandi iwe niho tuzasubira".

Ubu buzima bw'isi iyo bugusekeye umunsi umwe, bukuriza iminsi, n'iyo bugutunganiye isaha imwe, bukugora imyaka, umuntu agakomeza kubuhindagurikiramo gutyo yishimye cyangwa ababaye, atunganiwe ubundi agowe, anezerewe ubundi ababaye, nta yandi mahitamo afite uretse Kwihangana no Kwakira igeno "…Ha inkuru nziza abihangana; Ba bandi iyo bagezweho n'ibyago bagira bati 'Turi aba Allah, kandi iwe niho tuzasubira'. Abo bafite imigisha ya Nyagasani wabo ndetse n'impuhwe ze, kandi abo nibo bayobotse".

Kuko hari ubwo abavandimwe babiri bashobora kurira indege cyangwa ubwato, indege yakora impanuka cyangwa ubwato bwakiyubika indege ikaba yashya n'ubwato bukaba bwarohama. Hari n'ubwo igisenge cy'inzu cyagwira umuryango umwe, bamwe bagapfa abandi bakarokoka. Hari n'ubwo abana bahumana kubera ibyo kurya bariye, bamwe muri bo bagapfa abandi bagasigara! Icyo gihe bi gute twazunguza bamwe ku bandi? Ni n'iyihe nzira twanyuramo mu kubaha izungura?

### ITEGEKO RYO GUHA IZUNGURA ABAROHAMYE, N'ABAGWIRIWE N'INKUTA N'AMAZU.

Itegeko ry'izungura ry'abantu nk'abo tuvuze ni uko tureba uwabanje gupfa, icyo gihe iyo tubimenye itegeko riba rigaragara ari ryo ryo kuzunguza uwapfuye nyuma, hanyuma nawe yapfa umutungo we ukimukira ku bazungura be… Habayeho nko kurohama kw'abavandimwe babiri, umwe muri bo agapfa, na nyuma y'isaha undi agapfa, icyo gihe umuvandimwe wa kabiri wapfuye nyuma, azungura uwa mbere kabone n'iyo yabaho igihe gito nyuma y'urupfu

rw'umuvandimwe we wa mbere, kubera ko kimwe mu bisabwa ngo habeho izungura (kuba umuzungura ari muzima) gihari.

Naho iyo barohamye hamwe, cyangwa bagashya hamwe, bagapfa, ntibisobanuke ngo hamenywe uwapfuye mbere muri bo, icyo gihe ntazungura riba hagati yabo. Ibi bikaba aribyo bisobanura by'imvugo y'abamenyi igira iti [Nta zungura ribaho ku barohamye, abagwiriwe n'inkuta n'amazu, ndetse n'abaguye hamwe mu mpanuka]. Kubera ko ya mpamvu ituma hababaho kuzungurana twavuze itabayeho. Ku bw'ibyo, umutungo wa buri wese tuwuha abazungura bakiri bazima, bityo ntihabeho kuzungurana hagati yabo.

Umusizi aragira ati:

*"Kandi abantu nibapfa bagwiriwe n'urukuta cyangwa barohamye*
*Cyangwa impanuka itagize n'umwe isigaza nk'inkongi y'umuriro,*
*Bikaba bitazwi uwapfuye mbere, icyo gihe nta zungurana ribaho Icyo*
*gihe babarwa nk'abatazungurana Iyi niyo mvugo itomoye kandi nyayo".*

**INGERO ZABYO.**

1. Abavandimwe babiri bapfiriye rimwe, ariko umwe agasiga: Umugore, umukobwa, n'umwana wa Se wabo uva inda imwe kwa Se na Nyina. Naho undi agasiga: abakobwa babiri, n'umwana wa Se wabo tumaze kuvuga:

Icyo gihe umugore w'uwa mbere ahabwa 1/8, umukobwa 1/2, naho ibisigaye bikegukanwa n'umwana wa Se wabo uva inda imwe kwa Se na Nyina (ariwe mwana wa Se wabo uvukana na Se kwa Se na Nyina). Naho abakobwa ba Nyakwigendera wa kabiri bagahabwa 2/3, naho ibisigaye bigahabwa umwana wa Se wabo uva inda imwe kwa Se na Nyina.

2. Umugore ararohamye apfana n'umugabo we, bakaba bari bafitanye abahungu batatu, kandi buri wese muri bo (umugabo n'umugore) yari afite umutungo, ariko umugore akaba yari afite undi mwana w'umuhungu w'undi mugabo (utari Nyakwigendera), ndetse n'umugabo akaba yari afite undi mugore banabyaranye umwana w'umuhungu. Icyo gihe umutungo w'umugore warohamye ni uw'umwana we, na kimwe cya munani (1/8) cy'umutungo w'umugabo ni icy'umugore we wasigaye, naho ibisigaye n'uby'umwana w'uyu mugore wasigaye yabyaranye na Nyakwigendera. Naho umutungo w'abana b'abahungu batatu kimwe cya gatandatu (1/6) cyawo ni icy'umuvandimwe wabo bavukana kwa Nyina, naho ibisigaye ni iby'umuvandimwe wabo bavukana kwa Se.

*Iki gitabo kirangiye ku nkunga ya Allah, ndetse n'ijambo ry'umusozo ni ubusabe bwacu bw'uko ikuzo n'ishimwe ari ibya Allah Nyir'ibiremwa byose.*

*Amahoro n'imigisha byuzuye nibisakare ku ntumwa y'Imana Muhamadi n'umuryango we n'abasangirangendo be…*

# AMASHAKIRO.


1.Umusogongero...................................

2. Inzira y'ishakiro.................................

**3. Isomo rya mbere:**
Imirongo ya Qur'ani

**4. Isomo rya kabiri:**
Gahunda y’izungura muri Islam

**5. Isomo rya gatatu:**
Imigabane y’itegeko yagenwe muri Qur'ani ntagatifu

**6. Isomo rya kane:**
Abazungura ibyasigaye n’amoko yabo

**7. Isomo rya gatanu:**
Gukumira mu izungura

**8. Isomo rya gatandatu:**
Izungura rya Sekuru wa Nyakwigendera ari hamwe n’abavandimwe ba Nyakwigendera

**9. Isomo rya karindwi:**
Amategeko yo kongerera abazungura no gufata imigabane y’inyongera

**10. Isomo rya munani:**
Kubara n’uburyo bwo gukosora amahurizo

**11. Isomo rya cyenda:**
Amategeko yo gukuranamo no gukumirana hagati y’abazungura

**12. Isomo rya cumi:**
Kuzunguza abafitanye isano na Nyakwigendera, biherekejwe n’amategeko y’Abazimiye, abarohamye n’abagwiriwe n’inyubako n’inkuta.